Unity Club

*"Towards a common goal"*

# INKURIKIZI ZA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU RWANDA MU 1994 KU RUBYIRUKO RWIBASIWE BIKABIJE

## ISESENGURA KU BIBAZO BYIHARIYE N'AMAHIRWE ARIHO YO KUBIKEMURA

*Unity Club Intwararumuri*

Kigali, 2023[1]

[1] *Isemura ry'iyi raporo y'ubushakashatsi ryakozwe muri Gashyantare 2025.*

# INKURIKIZI ZA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU RWANDA MU 1994 KU RUBYIRUKO RWIBASIWE BIKABIJE

## ISESENGURA KU BIBAZO BYIHARIYE N'AMAHIRWE ARIHO YO KUBIKEMURA

Kigali, 2023[1]

[1] *Isemura ry'iyi raporo y'ubushakashatsi ryakozwe muri Gashyantare 2025.*

## AMASHAKIRO


**URUTONDE RW'AMASHUSHO** 5
**URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE** 6
**URUTONDE RW'IMPINE** 7
**IBISOBANURO BY'INYITO Z'INGENZI** 8
INCAMAKE Y'UBUSHAKASHATSI 10
**UMUTWE WA MBERE: AMAVO N'AMAVUKO Y'UBU BUSHAKASHATSI** 16
**UMUTWE WA KABIRI: IKUSANYAMAKURU RISHINGIYE KU BYATANGAJWE** 24
**UMUTWE WA GATATU: UKO UBUSHAKASHATSI BWAKOZWE** 28
IKUSANYAMAKURU, IMICUNGIRE N'ISESENGURA RY'AMAKURU 33
IMICUNGIRE N'ISESENGURA RY'AMAKURU 34
AMAHAME NGENGAMYITWARIRE Y'UBUSHAKASHATSI 35
IMBOGAMIZI MU IKUSANYAMAKURU 35
**UMUTWE WA KANE: KUGARAGAZA NO GUSESENGURA IBYAVUYE MU IKUSANYAMAKURU** 36
IMITERERE Y'IBIRANGA ABATANGAMAKURU 36
Imiterere ishingiye ku gitsina 36
Imiterere ishingiye aho batuye 37
Imiterere ishingiye ku mirimo bakora 38
IBYAGARAGAYE HAGENDEWE KU NTEGO Z'UBUSHAKASHATSI 39
**Intego ya 1:** Gusobanura ukwisubira kw'ibikomere byatewe n'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko rwibasiwe bikabije. 39
**Intego ya 2:** Gusuzuma imbogamizi ziriho mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside n'amahirwe yo kuzikemura mu buryo bushyigikira imbaraga zo gutanga umusanzu wo kubaka Igihugu 50
**UMUTWE WA GATANU: UMWANZURO RUSANGE** 60
**INYANDIKO ZIFASHISHIJWE MURI UBU BUSHAKASHATSI** 64
**IMIGEREKA** 67

## URUTONDE RW'AMASHUSHO

Ishusho ya 1: Imbogamizi z'ingutu zitera ukwisubira kw'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside 39
Ishusho ya 2: Ibintu byihariye bitera ukwisubira kw'ibikomere mu byiciro by'urubyiruko 45
Ishusho ya 3: Ibimenyetso bigaragaza ibibazo byihariye bifitanye isano na Jenoside 47
Ishusho ya 4: Ingamba z'ingenzi urubyiruko rwibasiwe bikabije rukoresha mu gukemura ibibazo byihariye 48
Ishusho ya 5: Igipimo ubwiyunge bugezeho mu byiciro by'urubyiruko rwibasiwe bikabije 51
Ishusho ya 6: Inyungu z'ingenzi za Ndi Umunyarwanda mu rubyiruko rwibasiwe bikabije 56
Ishusho ya 7: U Rwanda rwifuzwa n'urubyiruko rwibasiwe bikabije 58

## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

Imbonerahamwe ya 1: Amatsinda y'urubyiruko n'imibare yabo 30
Imbonerahamwe ya 2: Uko ibyiciro bitandatu bihagarariwe mu rubyiruko rwakoreweho ubushakashatsi 31
Imbonerahamwe ya 3: Abafatanyabikorwa b'ingenzi bitabiriye ibiganiro nkusanyamakuru 32
Imbonerahamwe ya 4: Imibare y'abatanze amakuru ishingiye ku igitsina 36
Imbonerahamwe ya 5: Imibare y'abatangamakuru muri buri cyiciro ukurikije aho batuye 37
Imbonerahamwe ya 6: Imibare y'abatangamakuru hakurikijwe ibyiciro by'imyaka y'ubukure 38
Imbonerahamwe ya 7: Imibare y'abatangamakuru ku bijyanye n'imirimo bakora 38
Imbonerahamwe ya 8: Imbogamizi zishingiye ku bibazo byihariye by'urubyiruko 44
Imbonerahamwe ya 9: Abafatanyabikorwa b'ingenzi mu gukemura ibibazo byugarije urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside 49
Imbonerahamwe ya 10: Ibipimo by'imitekerereze itandukanye mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside 53
Imbonerahamwe ya 11: Ibyahembera politiki n'ingengabitekerezo by'ivangura n'amacakubiri 54
Imbonerahamwe ya 12: Amahame y'ingenzi urubyiruko rwubahiriza mu gutanga umusanzu wo kubaka u Rwanda rwunze ubumwe 57

## URUTONDE RW'IMPINE

**AERG:** Association des Etudiants et Elèves Rescapés du Gènocide / Ishyirahamwe ry'Abanyeshuri barokotse Jenoside

**AUCA:** Adventist University of Central Africa / Kaminuza y'Abadiventisiti yo muri Afurika yo hagati

**CNLG:** Commission Nationale de Lutte Contre le Génocide / Komisiyo y'Igihugu ishinzwe kurwanya Jenoside

**FARG:** Fonds d'Assistance aux Rescapés du Gènocide / Ikigega gifasha abarokotse Jenoside

**GAERG:** Groupe des Anciens Etudiants Rescapés du Génocide / Ishyirahamwe ry'abahoze ari Abanyeshuri barokotse Jenoside

**ICK:** Institut Catholique de Kabgayi / Kaminuza Gatolika ya Kabgayi

**INES-Ruhengeri:** Institut National d'Enseignement Supérieur / Ishuri Rikuru ry'Ubumenyingiro rya Ruhengeri

**KIIs:** Key Informants Interviewed / Abatangamakuru.

**NAR:** Never Again Rwanda / Umuryango "Ntibizongera Ukundi" wo mu Rwanda

**NIC:** National Itorero Commission / Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu

**NISR:** National Institute of Statistics of Rwanda / Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda

**NURC:** National Unity and Reconciliation Commission / Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge

**NWC:** National Women's Council / Inama y'Igihugu y'Abagore

**NYC:** National Youth Coucil / Inama y'Igihugu y'Urubyiruko

**SEVOTA:** Solidarité pour l'Epanouissement des Veuves et des Orphelins visant le Travail et l'Autonomie / Ubufatanye bugamije Ubwisanzure bw'Abapfakazi n'Imfubyi bushingiye ku murimo n'ukwigira

**ULK:** Université Libre de Kigali / Kaminuza Yigenga ya Kigali

**UNILAK:** University of Lay Adventists of Kigali / Kaminuza y'Abadivantisiti ya Kigali

**UR:** University of Rwanda / Kaminuza y'u Rwanda

**UR-CMHS:** University of Rwanda-College of Medicine and Health Sciences / Kaminuza y'u Rwanda – Ishami ry'Ubuvuzi

**UR-CST:** University of Rwanda - College of Science and Tehnology / Kaminuza y'u Rwanda – Ishami ry'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga

**UTB:** University of Tourism, Technology and Business Studies / Kaminuza y'Ubukerarugendo, Ikoranabuhanga n'Ubucuruzi.

# IBISOBANURO BY'INYITO Z'INGENZI

Ibika bikurikira birasobanura amagambo y'ingenzi akoreshwa muri iyi raporo y'ubushakashatsi. Ni amagambo asanganywe ibisobanuro rusange, ariko yakoreshejwe mu mwihariko w'u Rwanda nyuma ya Jenoside. Ku bw'ibyo, akwiye gusobanuka hitabwa ku bibazo by'urubyiruko rwibasiwe bikabije.

## Ibibazo byihariye mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside

Mu kugerageza kumva icyo 'ibibazo byihariye mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside' bishatse kuvuga, ibisobanuro byashamikiye ahanini ku ijambo 'byihariye'. Muri ubu bushakashatsi, iri jambo ryumvikanisha imiterere itunguranye y'imyifatire (imyitwarire) ikomeje kuranga urubyiruko, rushishikajwe no guhangana n'inkurikizi za Jenoside mu buzima bwa buri munsi. Uyu mwihariko mu rubyiruko ugaragarira mu kwisubira kw'ibikomere byatewe n'amateka ya Jenoside mu bihe runaka by'umwaka.

## Urubyiruko rwibasiwe bikabije

Ijambo 'urubyiruko rwibasiwe bikabije' ryakoreshejwe muri ubu bushakashatsi kugira ngo ryumvikanishe icyiciro cy'urubyiruko nyarwanda cyagizweho ingaruka n'ibibazo byihariye kurusha ibindi byiciro nyuma ya Jenoside. Ibyo bibazo byihariye mu rubyiruko birimo imyifatire itunguranye, ihungabana mu mitekerereze no mu buzima bwo mu mutwe.

## Ukwigira

Ukwigira ni ijambo ryumvikanisha ikigero cy'intambwe urubyiruko nyarwanda rutera mu kurenga ibibazo by'imibereho byihariye byatewe na Jenoside. Imbaraga zo kwigira zishyigikira ahazaza heza mu rubyiruko ni indi ngingo yitaweho muri ubu bushakashatsi. Na none, iri jambo ryakoreshejwe hagamijwe gusuzuma uburyo urubyiruko rwiyemeje kongera kwiyubaka no guteza imbere ubuzima bwarwo nyuma ya Jenoside.

## Ibikomere by'amateka ya Jenoside

Muri ubu bushakashatsi, 'ibikomere by'amateka ya Jenoside' ni inyito yakoreshejwe yumvikanisha ibimenyetso bikurikira: ibihungabanya ituze n'imitekerereze by'abantu n'ibibabaza umubiri. Ibyo bikomere byarushijeho kwiyongera kubera imibereho mibi ikabije y'urwo rubyiruko nyuma ya Jenoside. Ibyo bibazo bigoye bituma urubyiruko rutoroherwa mu kwiremamo icyizere no kugira uruhare rusesuye mu kubaka igihugu.

## Urubyiruko

Muri ubu bushakashatsi, ijambo 'urubyiruko' rivuga icyiciro cy'abantu bo mu kigero cyo kuva ku myaka 16 kugeza kuri 30 nk'uko Politiki y'Igihugu y'urubyiruko ibiteganya (EICV5 2018).

## Urubyiruko rwiyunze kandi rwunze ubumwe

Kuva mu bihe bya gikoloni n'ibyabikurikiye, urubyiruko nyarwanda rwarakoreshejwe, rurababazwa, kandi abanyapolitiki babi barugira ibikoresho bifashishije mu kwimika urugomo. Ni yo mpamvu Leta y'u Rwanda ishyigikiye ubumwe n'ubwiyunge mu rubyiruko. Ku bw'ibyo, ubu bushakashatsi bwakoresheje iri jambo kugira ngo busobanure imbaraga z'urubyiruko mu kwiyunga hagati yarwo ndetse n'Abanyarwanda muri rusange.

### Kwigaragaza nk'ufite akamaro n'agaciro

Iyi nyito igomba kumvikana nk'umuhate n'urugendo buri wese mu rubyiruko yahitamo nyuma ya Jenoside mu gutekereza ibikorwa biboneye. Yakoreshejwe mu gusuzuma uburyo urubyiruko nyarwanda rugerageza kugarura no kunoza isura bwite nyuma ya Jenoside no guhagarara mu mwanya ukwiye mu Rwanda rw'ubu.

### Kubaka igihugu

Ubushakashatsi bunyuranye bwemeza ko kubaka igihugu ari "igitekerezo ku rugendo ruteza imbere imyumvire ihuriweho ku bijyanye n'ibiranga abantu cyangwa aho batuye, bigaha buri tsinda umwihariko mu matsinda yose agize abaturage b'igihugu runaka... Kubaka igihugu bishingira cyane ku miterere y'ubusabane abaturage baba bafitanye na Leta yabo" (Dinnen 2006, p.1). Inyito 'kubaka igihugu' nta gisobanuro kigaragarira amaso ifite. Muri ubu bushakashatsi, kubaka igihugu bikubiyemo guhuza uturango bwite tw'abantu n'uturango rusange tw'igihugu, bikajyana kandi no kunoza umubano hagati y'urubyiruko rwa nyuma ya Jenoside no hagati yarwo na Leta.

Ku bw'ibyo, inyito 'kubaka igihugu' irenze kure kongera kubaka ubumuntu, imibereho myiza n'ubukungu. Ku ntera yisumbuyeho, ni ukongera gushimangira imibanire ntamakemwa hagati y'Abanyarwanda, ubumwe n'ishema ry'igihugu byangijwe n'imitegekere ya gikoloni, abayobozi ba nyuma y'ubwigenge, na Jenoside yakorewe Abatutsi.

### Ibimenyetso by'ibikomere mu rubyiruko

Ni ibimenyetso by'imyifatire idasanzwe igaragara mu rubyiruko nyarwanda nyuma ya Jenoside. Akenshi urubyiruko rugaragaza iyi myifatire mu bihe bifitanye isano na Jenoside.

### Inzitizi ziriho

Inzitizi ziriho ni imigirire ifitanye isano na Jenoside yangiza imibanire, ikanabangamira ubushake mu rubyiruko nyarwanda bwo gukemura bimwe mu bibazo byihariye ruhura na byo nyuma ya Jenoside.

### Amahirwe ariho

Ni uburyo bushyirwaho na Leta, abafatanyabikorwa bayo banyuranye n'urubyiruko ubwarwo, bukoreshwa mu gukemura ibibazo bikabije urubyiruko ruhura nabyo nyuma ya Jenoside.

### Ikigero cy'urwikekwe mu rubyiruko

Ni inyito yumvikanisha urwego rw'urwikekwe n'amacakubiri bishobora kugaragara hagati y'ibyiciro by'urubyiruko nyarwanda nyuma ya Jenoside.

### Ndi Umunyarwanda

Inyito ya 'Ndi Umunyarwanda' yatangiye gusakazwa mu 2013, igamije gutanga umusanzu mu kongera kubaka ubunyarwanda nk'isano muzi y'Abanyarwanda bose, kubaka igihugu, kongera kwiyumvamo kuba uw'umumaro n'agaciro, gukunda igihugu, kugirira icyizere Leta na gahunda zayo no kubaka ubumwe mu Banyarwanda. Yatangijwe mu rwego rwo gushimangira ubufatanye bw'Abanyarwanda, kubahiriza imyitwarire n'indangagaciro nyarwanda, kubahiriza amahame ndangamuco, kumva uburenganzira n'inshingano byabo, no kugira uruhare rusesuye mu kubaka igihugu.

# INCAMAKE Y'UBUSHAKASHATSI

## Amavo n'amavuko y'ubushakashatsi

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yagize inkurikizi zikomeye ku gihugu cyose, ku bagabo, ku bagore no ku bana b'imyaka yose y'ubukure, abari baravutse n'abari batarabaho. Abibasiwe kurusha abandi ni urubyiruko ubu ubushakashatsi bwibanzeho, hagendewe ku mwihariko w'intege nke rukigaragaza. Ubu bushakashatsi bwasuzumye ibibazo byihariye ruhura na byo, bunatanga inama z'uko byakemuka. Kugira ngo uburemere bw'ingaruka z'ibi bibazo bwumvikane neza, birakwiye kugaruka ku mateka yagejeje igihugu kuri iki cyaha ndengakamere cyibasiye inyoko muntu.

Mbere y'Ubukoloni, u Rwanda rwaranzwe n'ituze risesuye mu mibanire y'Abanyarwanda. Amacakubiri ashingiye ku moko ntiyabagaho, ahubwo Abanyarwanda bose biyumvagamo ko ari Abanyarwanda nta kindi kiri inyuma. Bari basanganywe ubufatanye butagibwaho impaka, kandi bwari bushingiye ku muco abantu bose bagomba gukurikiza. Nk'umugenzo winjiza abato mu bukure, urubyiruko nyarwanda rwagombaga kunyuzwa mu mahugurwa yatangirwaga mu Itorero, kugira ngo bigishwe indangagaciro rusange z'umuco.

Nyamara, imiterere ya gakondo n'umuco byahuzaga Abanyarwanda bose, bikanabaha uturango bahuriyeho, hamwe no kumva bunze ubumwe bw'indatana byarasenyutse mu bihe bya gikoloni. Abakoloni bafashe imibanire idakemangwa yari isanzwe barayisenya bakoresheje ukubiba imbuto z'amacakubiri. Kubera iyo mpamvu, mu gihe cy'ubukoloni, urubyiruko rw'u Rwanda rwambuwe gahunda y'Itorero yari yarabagize abantu buje ubumwe, abantu bavuga ururimi rumwe, bakurikiza umuco umwe kandi basangiye indangagaciro, ari abaturage bashyize hamwe. Bahatiwe kwibona nk'abatandukanye hagendewe kuri gahunda ya gikoloni yari yarashyiriweho guhungabanya imibanire yuje ubumwe. Iyo migirire y'Abakoloni yaciye Abanyarwanda mo ibice ishingiye ku bwoko, igeza ku ruhererekane rw'amakimbirane rwakomeje no mu bihe byakurikiye ubukoloni. Icyakurikiyeho ni uko urubyiruko rwagizwe igikoresho gikomeye muri urwo ruhererekane rw'amakimbirane n'urugomo rwahoranaga isura y'amoko. Ayo mateka y'urugomo yahitanye ibihumbi by'Abanyarwanda, abandi benshi bacirwa ishyanga, mu buhungiro.

Iyi politiki y'amacakubiri yaje kugeza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Umubare munini w'urubyiruko wagizwe impfubyi; basigara bahanganye n'urugamba rw'imibereho. Ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 zashengeshe cyane urubyiruko mu Rwanda. Ibi bihe bigoye byabaye imbarutso y'ishyirwaho ry'imiryango inyuranye, nka Unity Club Intwararumuri, kugira ngo igire uruhare mu kongera gusubiranya ireme ry'imibereho mu Rwanda ryari ryarangiritse, cyane cyane mu rubyiruko. Leta y'u Rwanda, yahuje imbaraga n'abafatanyabikorwa nka Unity Club, hagamijwe gufasha urubyiruko rw'u Rwanda kurenga ingaruka za Jenoside yakorewe abatutsi. N'ubwo izi mbaraga zahujwe, nyamara bimwe mu bibazo byihariye mu rubyiruko bishamikiye kuri Jenoside byakomeje kugaragara na nyuma y'imyaka makumyabiri n'irindwi (27).

Mu rwego rwo kugaragaza inkurikizi z'ububi bwa Jenoside n'akaga yateye mu rubyiruko nyuma ya Jenoside, ubu bushakashatsi bwagendereye gusuzuma ikigereranyo cy'uburyo zashegeshe urubyiruko rwibasiwe bikabije harebwa imibereho, ubukungu n'ubwizerane.

Hagendewe kuri ayo mateka, Unity Club Intwararumuri yakoze ubu bushakashatsi kugira ngo hagaragazwe kandi hasesengurwe bimwe mu bibazo byihariye by'inkurikizi za Jenoside n'ibisubizo bishoboka mu byiciro bitandatu by'urubyiruko byagaragaye nk'ibyashegeshwe bikomeye.

## Intego z'ubushakashatsi

Ubu bushakashatsi bufite intego ebyiri z'ingenzi:

- Gusobanura ukwisubira kw'ibikomere byatewe n'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko rwibasiwe bikabije;
- Gusuzuma imbogamizi ziriho mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside n'amahirwe yo kuzikemura mu buryo bushyigikira imbaraga z'ukwiyizera no gutanga umusanzu wo kubaka Igihugu.

## Uko ubushakashatsi bwakozwe

Amahitamo y'uko ubu bushakashatsi bwakozwe yayobowe n'uko hasuzumwe amatsinda y'urubyiruko asanzwe azwi n'ibyerekezo binyuranye bwibanzeho bizwi neza. Ibyo byerekezo ni ibi bikurikira: ibikomere byatewe n'inkurikizi za Jenoside byisubiramo mu rubyiruko, inzitizi zikeneye kwitabwaho n'amahirwe ariho yavamo ibisubizo bikemura ibibazo byihariye mu rubyiruko. Ubushakashatsi bwashingiye ku ikusanyamakuru rishingiye ku mibare no ku buhamya, rikaba ryarafashije mu gusuzuma ibisubizo by'urubyiruko ku nsanganyamatsiko zinyuranye no kugaragaza ibitekerezo, imyumvire n'ibyifuzo byarwo ku nkurikizi za Jenoside.

## Imbago z'ubushakashatsi

Ubushakashatsi bwibanze ku rubyiruko rw'imyaka 16 kugeza kuri 30 rwatoranyijwe mu byiciro bitandatu nyuma ya Jenoside, aribyo: urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside, urubyiruko rutashoboye kumenya umuryango rukomokamo, urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside, urubyiruko rwavutse ku babyeyi badahuje ibyiswe amoko n'urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Urubyiruko rugize amatsinda yasuzumwe ni 5,394 rwatoranyijwemo 618 bakorerwaho ubu bushakashatsi. Buri tsinda ryahagarariwe muri uyu mubare mu buryo buringaniye n'ibipimo byarwo mu giteranyo rusange. Abatoranyijwe basubije ibibazo bisa bateguriwe, bibyazwa amakuru ashingiye ku mibare. Na ho abandi bitabiriye ibiganiro bya babiri n'ibiganiro by'amatsinda mato ku nsanganyamatsiko zateguwe, ari na byo byakusanyijwemo amakuru ashingiye ku buhamya. Uburyo bwa mudasobwa buzwi nka STATA bwakoreshejwe hasesengurwa amakuru ashingiye ku mibare, na ho ku makuru yavuye mu biganiro hakoreshwa uburyo busesengura insanganyamatsiko.

## Ubwiganze bw'ibyiciro by'urubyiruko nyarwanda muri 618 bitabiriye ubushakashatsi

Abitabiriye ubushakashatsi b'urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ni 23.8%; abo mu itsinda ry'urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside ni 14.4%; abaturuka mu cyiciro cy'urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo ni 3.1%. Abakomoka mu itsinda ry'urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside yakorewe Abatutsi bari 23.5%; urubyiruko rwitabiriye ruvuye mu cyiciro cy'abavutse ku babyeyi badahuje ibyiswe amoko bari 15.2%; na ho 20.0% baturutse mu cyiciro cy'urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.
Ab'igitsina gore batanze amakuru bagize ubwiganze ku kigereranyo cya 52.0%, mu gihe abenshi mu batanze amakuru ari ababarizwa mu cyaro ku kigereranyo cya 52.2%.

## Iby'ingenzi ubushakashatsi bwagaragaje

Ubushakashatsi bwerekanye ko igikomeje gutera ukwisubira kw'ibikomere byatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ari 'ukutagira ababyeyi cyangwa abavandimwe.' Iyi mpamvu igaragara ahanini mu byiciro by'urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo, urubyiruko rwarokotse Jenoside, urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu mu bihe bya Jenoside, ndetse n'urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside.

Ihungabana ry'amikoro bwite na ryo ryagaragajwe nk'indi mpamvu itera ukwisubira kw'ibikomere byatewe na Jenoside mu rubyiruko rwibasiwe bikabije. Iyi mpamvu yiganje cyane mu cyiciro cy'urubyiruko rutamenye imiryango rukomokamo, urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu, urubyiruko rwarokotse Jenoside, ndetse n'urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside. Ihungabana mu mitekerereze ni imwe mu mbarutso nyinshi z'ibi bikomere. Ingero z'iri hungabana mu rubyiruko ni ukwishinja ibyaha rutakoze, kutiyakira mu nkomoko kavukire, kwiyumvamo gutereranwa, kugira ipfunwe n'isoni mu bandi bibangamira ubwisanzure busesuye.

Leta y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa banyuranye, hatirengagijwe urubyiruko rwibasiwe bikabije na Jenoside, bafashe ingamba mu gukumira ibyo bikomere. Muri izo ngamba izikoreshwa cyane, ni izi zikurikira: gushaka ubujyanama mu bijyanye n'imitekerereze n'imibereho, guhura n'abajyanama b'inzego z'ibanze, kuganiriza abanyamadini ndetse n'imiryango ikorera ku nzego z'ibanze. Bamwe mu bafatanyabikorwa b'ingenzi bagira uruhare mu gufasha urubyiruko mu kurenga ibibazo byihariye biterwa n'inkurikizi za Jenoside ni aba bakurikira: Abakozi mu nzego z'amadini, Unity Club Intwararumuri, NIC, CNLG, NURC, Imbuto Foundation, Abayobozi b'inzego z'ibanze, Never Again Rwanda, ndetse n'Ihuriro ry'urubyiruko YouthKonnect.

Ikigaragara ni uko, nyuma y'imyaka 27 Jenoside ihagaritswe, ingamba zitandukanye zafashwe zagize uruhare mu kuzamura urwego rw'ubwiyunge mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside. Ingingo zikurikira zagize ubwiganze mu zo urubyiruko rukoresha mu rugendo rwo kunoza umubano hagati yarwo nyuma ya Jenoside: kumenyesha Polisi, kugisha inama abayobozi b'inzego z'ibanze, ibiganiro hagati y'urubyiruko ubwarwo, no kugisha inama imiryango ya ngombwa. Icyizere urubyiruko rufitiye izo nzego ndetse n'icyo rwifitiye hagati yarwo kirashimishije mu gushyigikira umuhate w'ubwiyunge mu Rwanda.

Ariko, ibi ntibivuze ko iki cyizere urubyiruko rufitiye inzego ari gihamya yuzuye urebye ko mu basubije ibibazo by'ubushakashatsi hari abavuga ko ntawe bagisha inama. Birebewe mu bipimo by'imibare, haracyari urwikekwe mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside, icyakora rwagaragaye ku bipimo biri hasi cyane.

Nyuma ya Jenoside, urubyiruko rwibasiwe bikabije rwagaragaje bikomeye icyifuzo cyo kugira ahazaza heza, kandi runafite ishyaka rikomeye ryo guharanira u Rwanda ruzira icyaruhungabanya, u Rwanda rutekanye kandi ruteye imbere mu rwego rw'imibanire inoze, u Rwanda rurangwa n'iterambere ry'ubukungu rihamye.

Urubyiruko rwa nyuma ya Jenoside rwibasiwe bikabije, mu byiciro byose byasuzumwe, rwagaragaje icyifuzo cyo kugira u Rwanda nk'igihugu gifite ubukungu buhamye, amahoro n'umutekano, kandi bishyigikiwe na gahunda ihamye y'uburezi bwahigana mu ruhando rw'amahanga.

Kwinjiza "Ndi Umunyarwanda" muri gahunda zose z'uburezi, byafasha urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside mu guhugukirwa n'amateka y'ukuri y'u Rwanda no kwiremamo indangagaciro zihuza Abanyarwanda.

## Umwanzuro

Ubushakashatsi bwerekanye ko urubyiruko rwibasiwe bikabije rukomeje guhangana n'ibisigisigi by'ibikomere Jenoside yateje bigaragara nk'ibibazo byihariye. Icyakora, ingamba zinyuranye zirimo gahunda za Leta n'ibindi bikorwa by'abafatanyabikorwa ziyemeje guhangana n'ukwisubira kw'ibyo bikomere. Izi ngamba zirimo izo urubyiruko rushyize imbere, zirwubakamo imbaraga z'ubudaheranwa. By'umwihariko, ukwiyemeza kuyoborwa n'ihame rya Ndi Umunyarwanda biherekeza urubyiruko runyotewe no kwisobanukirwa no kugira amahirwe avamo ibisubizo byafasha mu gukira ibikomere no kwiremamo imbaraga, bakaba ingirakamaro mu rugamba rwo kubaka igihugu.

## Inzitizi n'ibyifuzo nama

Ubu bushakashatsi bwagaragaje inzitizi z'ingenzi zisaba kwitabwaho ku buryo bwihariye kandi bwihuse. Ni ngombwa cyane ko izo nzitizi zikemurwa kuko zibangamira bikomeye ubushake bw'urubyiruko rwagizweho inkurikizi zikabije mu kwiyubaka no kwiremamo ubudaheranwa mu gukemura ibibazo byihariye by'imibereho.
Incamake y'izo nzitizi ikubiye mu bika bikurikira:

## Inzitizi

1. Ubu bushakashatsi bwagaragaje zimwe mu nzitizi z'ingenzi zikeneye kwitabwaho cyangwa gukurikiranwa byihariye. Icyakora nta kimenyetso ntashidikanywaho kigaragaza ko hari gahunda yihariye yita ku buzima bw'imitekerereze mu rubyiruko rwagizweho inkurikizi zikabije na Jenoside.
2. Mu nzego zimwe na zimwe z'ibanze n'imiryango itari iya Leta haracyagaragara abantu bamwe na bamwe birengagiza uburemere bw'ibikomere bya Jenoside mu rubyiruko rwibasiwe bikabije. Akenshi bakoresha imvugo zikomeretsa birengagije inkurikizi zifite ku marangamutima yarwo.
3. Serivisi zimwe na zimwe za Leta n'iz'abikorera ziracyakoresha amafishi nkusanyamakuru asaba urubyiruko rwibasiwe bikabije imyirondoro y'ababyeyi n'iy'abavandimwe, bikabazuramo ibikomere, ari na ko bibangiza mu mitekerereze, cyane cyane urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo, n'urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside.
4. Benshi mu rubyiruko rwibasiwe bikabije, nta murimo bagira bahugiraho. Ibyo bitera icyuho kibaha kwihugiraho, bagatekereza ku bibazo bikibabangamiye no ku mbaraga nke bafite zo kubikemura, bikarangira bahungabanye.
5. Hagaragaye ko urubyiruko rwibasiwe bikabije rudakoresha kimwe amahirwe ariho mu gukemura ibibazo byihariye bahura na byo.
6. N'ubwo hafi y'ibyiciro byose by'urubyiruko rwibasiwe bikabije byakiriye ihame rya "Ndi Umunyarwanda", hari bamwe muri rwo batayibonamo icyomoro cy'ibikomere bafite.

## Ibyifuzo nama

1. a. Gushyiraho ingamba zifatika zigamije komora ibikomere by'ababyeyi bakiriho b'urubyiruko rwagizweho inkurikizi zikabije; ni ngombwa komora ibyo bikomere ababyeyi bagihangayikishijwe no kubona ihumure rituma biyunga na bo ubwabo, ndetse n'umuryango mugari w'aho batuye.

b. Gushishikariza abo babyeyi / imiryango yishingiye abana / inzego zinyuranye n'abaturanyi kugira uruhare mu gushishikariza urubyiruko kwitabira ibiganiro byeruye ku bibazo by'ingenzi bitera ukwisubira kw'ibikomere.

**c. Gushyiraho gahunda y'ubujyanama yaba igizwe n'ibyiciro bibiri:**

- Guhugura abajyanama;
- Guhuza buri mujyanama wabihuguriwe n'umubare runaka w'urubyiruko azaherekeza.

2. Gutegura ubukangurambaga bwo ku rwego rw'igihugu bugamije gushishikariza abaturage imibanire myiza, indangagaciro z'igihugu, n'inshingano mu bijyanye no guhashya amazina akomeretsa, amazina y'iteshagaciro n'ibindi byatuma urubyiruko rwibasiwe bikabije, kimwe n'undi muntu wese, yiburira icyizere no kuba ingirakamaro. Kugira ngo ubwo bukangurambaga bugere ku ntego, ni ngombwa ko urubyiruko rwibasiwe bikabije ruhagararirwa, rukanagira uruhare rufatika.

3. **a.** Gushishikariza serivisi za Leta n'iz'ibigo by'abikorera, kimwe n'urubyiruko rwibasiwe bikabije, kwimika imyifatire n'ubushobozi bizahura uburyo bw'imitekerereze mu rubyiruko rwibasiwe bikabije.

   **b.** Gufasha urubyiruko rwibasiwe bikabije kubona serivisi z'ubujyanama no kwiremamo ubudaheranwa.

4. Gushyiraho amahugurwa ku bukorerabushake ku nzego zinyuranye, hitabwa by'umwihariko ku rubyiruko rwibasiwe bikabije kandi rudafite akazi.

5. Gucukumbura impamvu zituma urubyiruko rwibasiwe bikabije rutihutira kwitabira kubyaza umusaruro amahirwe ariho no gukorana n'abafatanyabikorwa b'ingenzi bagaragajwe.

6. **a.** Gusesengura impamvu ihame rya "Ndi Umunyarwanda" risa n'aho ritagaragara nk'icyomoro cy'ibikomere bigaragara mu byiciro by'urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside n'urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

   **b.** Kugira ngo "Ndi Umunyarwanda", benshi babona nk'umuti w'ibibazo byihariye ibyazwe umusaruro, birakwiye ko yagezwa ku baturage bose binyuze muri gahunda zisanzwe, iy'uburezi no muri gahunda zisanzwe z'ubukangurambaga.

7. Nka gahunda y'igihe kirekire, binyuze mu bufatanye hagati ya Leta n'urwego rw'abikorera, birakwiye gushyiraho ishuri ryihariye ryakwakira abana bagira ibyago byo guta ishuri imburagihe ku mpamvu zitabaturutseho. Kandi mu gihe haba habonetse amahirwe yo gusubukura amasomo, uru rubyiruko rukaba rwagira ubwiyoroshye bwo gusubukurira amasomo aho ruba rwahagarikiye, n'ubwo kwigana n'abo baruta mu myaka y'ubukure byababangamira.

## Ibyerekezo by'ubushakashatsi bw'inyongera

Muri ubu bushakashatsi, hagaragaye ibyuho bikomeye byakenera ubushakashatsi bw'inyongera. Ibyo byuho birimo ibi bikurikira:

1. Kugaragaza inzitizi ku rubyiruko mu kubyaza umusaruro amahirwe ariho yakemura ibibazo rwihariye; hakanasuzumwa imikoranire n'abafatanyabikorwa b'ingenzi.
2. Kwiga uburyo "Ndi Umunyarwanda" yaba icyomoro cy'ibikomere ku rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.
3. Kwagurira ubu bushakashatsi ku rwego rw'igihugu hasuzumwa ibyiciro byose by'urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.
4. Gusuzuma inzitizi zihariye zishingiye ku gitsina mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

## UMUTWE WA MBERE:

# AMAVO N'AMAVUKO Y'UBU BUSHAKASHATSI

## INTANGIRIRO

Nyuma ya Jenoside, Unity Club Intwararumuri n'abandi bafatanyabikorwa bashyizeho gahunda zifasha urubyiruko nyarwanda rwo mu byiciro bitandatu byibasiwe bikabije gukira ibikomere. N'ubwo izo gahunda zihari, Unity Club Intwararumuri yabonye ibimenyetso bimwe na bimwe bihabanye mu myumvire y'urubyiruko ku bijyanye n'ibyo izo gahunda zagezeho. N'ubwo Jenoside imaze imyaka makumyabiri n'irindwi (27) ihagaritswe, bamwe muri uru rubyiruko baracyahanganye n'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside byabahungabanyije.

Gucukumbura ibi bitekerezo no kugaragaza imiterere n'impamvu z'ibi bibazo byihariye mu rubyiruko nyuma ya Jenoside ni byo shingiro ry'ubu bushakashatsi. By'umwihariko, ubu bushakashatsi bwari bugamije gusuzuma imitekerereze, imyumvire, imigirire n'imibereho y'urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside mu kugerageza kuzikira.

Ni ngombwa kwibutsa ko ibibazo byo mu rwego rwa politiki n'imibereho u Rwanda ruhanganye na byo bifite isoko mu bihe bya gikoloni byaranzwe no kubiba amacakubiri. N'ubwo ubu bushakashatsi bwibanze ku nzitizi zikibangamiye urubyiruko nyuma ya Jenoside, birakwiye kuzihuza n'amateka ya politiki y'ibihe bya mbere ya gikoloni, iby'Ubukoloni ubwa bwo, ndetse n'ibyakurikiye Ubwigenge. Ibyo byagaragaza imyumvire Abanyarwanda bafite n'umwanya urubyiruko rwakomeje kugira mu mateka y'u Rwanda.

Kugira ngo hasesengurwe ibibazo bihangayikishije urubyiruko mu bihe bya nyuma ya Jenoside, ni ngombwa kuzirikana imibereho n'imibanire yaranze Abanyarwanda mbere y'uko Abakoloni bagera mu Rwanda.

### Urubyiruko muri politiki yo mu gihe cyabanjirije Ubukoloni

Birazwi ko Abanyarwanda, mu byiciro binyuranye by'imibereho, Abahutu, Abatutsi n'Abatwa, bari babayeho mu bumwe, barangwa n'imibanire nta makemwa, mbere y'uko Abakoloni bagera mu Rwanda. Muri ibyo byiciro, barangwaga no kuba bahuje isano muzi y'Ubunyarwanda, basangiye umuco n'ururimi rumwe; bubahirizaga kimwe imigenzo gakondo, imihango, imyemerere nyobokamana, ubuhanzi, ubukorikori, indirimbo n'imbyino, ubuvuzi bwa gihanga n'ibindi byinshi. Imiyoborere y'Igihugu yahuzaga ubutegetsi bwite n'imiyoborere y'ingabo ku buryo Abanyarwanda bari bafite imitwe y'ingabo yabarindaga nk'Abashakamba, Uruyange, Abarashi, n'indi myinshi. Iyo mitwe yarindaga Abanyarwanda bose ntavangura.

Kugira ngo iyi politiki y'ubumwe bw'igihugu irambe, urubyiruko rw'u Rwanda rwagombaga kunyura mu 'Itorero ry'Igihugu' ryari rizwiho kuba ishuri gakondo. Itorero ry'Igihugu ryari rigamije gushimangira isano-muzi y'Ubunyarwanda binyuze mu gutoza urubyiruko indangagaciro z'u Rwanda. Itorero ry'Igihugu ryashimangiye kandi riteza imbere indangagaciro zirimo: kubahana, gusabana, gufatanya, kugira ubumwe, gukunda igihugu, kwanga umugayo, kujya inama n'indi migenzo myiza. Izi nyigisho zafashije urubyiruko gukura rusobanukirwa kandi rwubahiriza indangagaciro z'umuco cyane cyane iyo gukunda u Rwanda no kururinda rwo n'abaturage barwo, kwiyubaha no kwihesha agaciro. Urubyiruko rwahugurwaga cyane mu buryo bwo kungurana ibitekerezo ku bijyanye n'inyungu z'igihugu. Byongeye kandi, Itorero ry'Igihugu ryari rifite inshingano yo gukuza no kwinjiza mu rubyiruko indangagaciro zo kwita kuri buri Munyarwanda, kurinda u Rwanda nk'igihugu ndetse n'abaturage bacyo, no gukorera hamwe mu nyungu z'igihugu (Buckley-Zistel 2009: 34).

Hashingiwe ku burere urubyiruko rwahabwaga mu Itorero ry'Igihugu, Abanyarwanda biremyemo, banateza imbere ukubana mu mahoro hagati y'abaturanyi n'abavandimwe. Bashoboraga gusurana, gufashanya mu bikorwa binyuranye, gushyingirana no guhana inka. Ubufatanye mu Banyarwanda bwagerwagaho binyuze mu gutabarana, gusangira ibyishimo n'ibyago no mu gufashanya. Kugira ngo bashimangire imibanire myiza kurushaho, habagaho umugenzo wo 'kunywana', nk'umwe mu migirire gakondo yaranze Abanyarwanda mbere y'ubukoloni. Igihe habaye amakimbirane, Itorero ry'Igihugu ryafashaga mu gushyiraho uburyo bwo kuyakemura, nka Gacaca. Nuko Itorero ry'Igihugu ryabaye urubuga rwakoreshejwe cyane mu guhererekanya indangagaciro nyarwanda z'ingenzi hagati y'abakuze n'urubyiruko, uko ibisekuruza byagiye bisimburana. Umwaduko w'Abakoloni n'imitegekere yabo byangije ubumwe n'ituze byari byararanze u Rwanda mbere y'Ubukoloni.

## Urubyiruko muri politiki yo mu gihe cy'Abakoloni

Abakoloni basenye bidasubirwaho inzego za politiki basanze, iz'imibereho myiza, iz'ubuyobozi n'iz'imyemerere nyobokamana zifashishwaga mu guhererekanya indangagaciro zihuriza hamwe Abanyarwanda muri rusange n'urubyiruko by'umwihariko. Ibyiciro bitatu byagaragazaga imibereho Abanyarwanda bagiye bahuriyemo (Abahutu, Abatutsi n'Abatwa) byahinduwe amoko atatu nk'uko Abakoloni bahisemo kubyita. Binyuze mu mashuri n'izindi nzego nka Kiliziya, Abakoloni bashenye ibyahuzaga Abanyarwanda, bakwirakwiza ibinyoma bishyigikira ibitanya abantu, aba ari na byo bagira ishingiro ry'imibanire. Urubyiruko rw'u Rwanda ndetse n'abakuru bacengejwemo ingengabitekerezo y'amacakubiri mu gihe cyose cy'Ubukoloni.

Politiki ya "mbatanye mbategeke" yabaye impamvu ikomeye y'amacakubiri n'amakimbirane yaranze u Rwanda rwo mu bihe by'Ubukoloni. Buhoro buhoro iyo politiki yateje urwango rukomeye mu Banyarwanda, iba n'intandaro yo kutizerana. Ingengabitekerezo y'amacakubiri yahawe rugari maze iganisha ku cyiswe impinduramatwara yo mu 1959 yanabaye imbarutso y'ubwicanyi n'ubusahuzi, ubuhunzi imbere mu gihugu no hanze yacyo, itatanya abantu bari basanzwe bafite byinshi bahuriyeho. Mu bigaragara, Ubukoloni bwahinduye bikomeye icyerekezo cy'amateka y'u Rwanda.

Kuba Leta zasimburanye kuva mu 1959, aho guhagarika ingengabitekerezo y'amacakubiri zazanywe n'Abakoloni, ahubwo zarayikuririje, zigashyira imbere ivangura n'itoteza mu gihe cy'imyaka isaga 30 ni byo byoretse Igihugu muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

## Urubyiruko muri politiki nyuma y'Ubukoloni

Imitegekere yakurikiye Ubukoloni kugeza muri Nyakanga 1994 yananiwe guhangara ikibazo cy'ingengabitekerezo y'amacakubiri. Ibyo byatumye, "amacakubiri n'ivangura bishingiye ku moko, imyemerere nyobokamana, akarere k'inkomoko n'itonesha bikomeza ubukana. Ibyo byagize ingaruka mbi ku mibanire myiza y'abaturage b'u Rwanda" (Repubulika y'u Rwanda 2007). Urwikekwe mu bantu rwakomeje guhabwa intebe, rusimbura imibanire myiza yarangwaga no kwizerana kuva kera. By'umwihariko, urubyiruko rwagizwe igikoresho ntakumirwa mu ruhererekane rw'urugomo rushingiye ku moko rwabaye mu myaka ya 1959, 1962-1964 na 1973 rugahitana Abatutsi ibihumbi n'ibihumbi, abatari bake bagacirwa ishyanga.

Mu bihe bya nyuma y'Ubukoloni, ubuyobozi bubinyujije mu mashuri no mu bukangurambaga bwa politiki, bwatangiye kwigisha amateka y'amacakubiri ashingiye ku moko nk'uko Abakoloni bari barabisakaje. Ubuyobozi bwashyizeho gahunda y'iringaniza ry'amoko n'uturere, urubyiruko rw'Abatutsi ruravangurwa, rubuzwa amahirwe yo gukuza no kugaragaza ubushobozi rwari rufite.

Mu gushyira mu bikorwa iyo politike y'amacakubiri, abanyapolitiki n'abandi bafatanyabikorwa bashishikarije urubyiruko urugomo rushingiye ku moko n'ubwicanyi, bashyiraho imitwe yihariye y'Interahamwe n'Impuzamugambi. Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabaye indunduro y'uruhererekane rw'urwo rugomo rwayibanjirije mu bihe binyuranye.

Mu gihe cy'iminsi ijana gusa, urubyiruko rw'u Rwanda rwabonye ubwicanyi ndengakamere bwahitanye miliyoni isaga y'Abatutsi n'abatari babushyigikiye. Muri buri ntera y'ubu bwicanyi bugamije kurimbura ubwoko, urubyiruko ku ruhande rumwe, rwaribasiwe, ku rundi ruhande, rugira uruhare rukomeye muri ubwo bwicanyi. Ntibitangaje rero kuba inkurikizi  za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 zaribasiye umubare munini w'urubyiruko rwagizwe impfubyi, cyangwa se rukaba rwarasigaye nta mubyeyi wo kurwitaho, rukarwana urugamba rwo kubaho nta gifasha. Inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 zateye ibibazo byihariye urubyiruko rukomeje guhangana na byo.

### Urubyiruko muri politiki nyuma ya Jenoside

Nyuma ya Jenoside, urubyiruko rugaragara mu byiciro bitatu: urubyiruko rwibasiwe mu gihe cya Jenoside, urwagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'urwagize uruhare mu rugamba rwo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside, rwari mu mutwe w'ingabo za FPR-Inkotanyi. Iryo tsinda rya nyuma rikomeje gutanga umusanzu waryo mu kubaka Igihugu muri Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda.

## IBIKORWA LETA ISHYIZE IMBERE BISHYIGIKIRA URUBYIRUKO

Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yo ku wa 19 Nyakanga 1994 yagaragaje mu byihutirwa ko ishyize imbere kuzahura ubukungu n'imibanire byari byarashegeshwe na Jenoside yakorewe Abatutsi. Kwita ku rubyiruko n'ahazaza heza harwo, byari ingingo shingiro kuri Leta y'u Rwanda. Ni muri urwo rwego habayeho inyigo n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zinyuranye n'ingamba zigenewe urubyiruko.

Kuva mu 1994, Leta y'u Rwanda yatangiye gushyiraho uburyo butuma urubyiruko rw'Igihugu rutera imbere kandi rukagira n'uruhare muri gahunda ziteza Igihugu imbere. Ni yo mpamvu Leta yatangije gahunda zishyigikira urugendo rwo kwinjiza urubyiruko mu cyerekezo cy'iterambere ry'Igihugu.

Mu rwego rw'amategeko n'imiterere y'inzego, Abanyarwanda baha agaciro uruhare urubyiruko rushobora kugira mu guhindura amateka y'Igihugu no kudaheranwa n'inenge zayaranze. Itegeko Nshinga n'andi mategeko arishamikiyeho bishyigikira byimazeyo iyi ntekerezo. Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (NYC) ni urwego rw'igihugu rushyirwaho n'Itegeko Nshinga ryavuguruwe mu 2015 (Ingingo ya 139) rugengwa n'Itegeko N° 001/2016 ryo ku wa 05/02/2016. Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ni urwego nshingwabikorwa rushamikiye kuri Minisiteri y'Urubyiruko, ruhereye mu nzego z'ibanze (Umudugudu n'Akagari). Gushyigikira iterambere ry'ubumenyi n'ubushobozi mu rubyiruko, gushyigikira umurimo no guhanga imirimo mishya, ni bimwe mu byihutirwa bikubiye muri Gahunda y'Iterambere ry'Igihugu y'imyaka irindwi kuva 2017 kugera 2024 (National Youth Council Strategic Plan 2021-2025).

Mu guharanira gusohoza inshingano zayo, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko yashyize mu bikorwa ku buryo bushimishije gahunda yayo y'ibikorwa 2013-2018 yari ifite intego zikurikira:

- Guteza imbere ubushobozi bw'urubyiruko ku buryo burambye mu bijyanye n'ubukungu;
- Korohereza urubyiruko gukoresha no kurwegereza ikoranabuhanga (ICT), itumanaho n'ihuzanzira rya murandasi (interineti);
- Guteza imbere ubuzima n'imibereho myiza mu rubyiruko;
- Gushishikariza urubyiruko kubungabunga no kurengera ibidukikije;
- Guteza imbere ubushobozi mu bijyanye n'ubuyobozi, uburere mboneragihugu no gukorera urubyiruko ubuvugizi ku nzego zose (National Youth Council Strategic Plan 2021-2025).

Ku buryo bushimishije, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko yashyize mu bikorwa gahunda nyinshi zirugenewe ari zo izi zikurikira:

- Hanga Umurimo ishyigikiwe n'ibigo by'imari nka 'Urumuri Initiative' yo muri Banki ya Kigali na "Igire Program" iri muri Banki y'ubucuruzi ya Kenya (KCB).
- Tony ELUMURE Foundation;
- Jack Ma e-Founder Fellowship.

Izi gahunda zose zigamije guteza imbere kwihangira umurimo mu rubyiruko nyarwanda.
Inama ngarukamwaka ya YouthConnekt hamwe n'ingando z'urubyiruko ziyishamikiyeho zabaye imbuga zizewe zikoreshwa mu guteza imbere gahunda zigamije guhanga umurimo n'udushya.

YouthKonnekt izwiho kuba yarorohereje ihangwa ry'imirimo 8.000 mu rubyiruko. Hashyizweho gahunda zinyuranye zo guteza imbere udushya mu rubyiruko rushingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga. Izi gahunda zirimo amarushanwa y'inganda z'urubyiruko yakoreshejwe na Minisiteri y'Urubyiruko (MINIYOUTH) mu bufatanye n'Ibigo by'Amashuri Makuru na Kaminuza (HLIs), Ibigo by'Amashuri Makuru yigisha amasomo y'imyuga (IPRCs), Ikigo cy'Amashuri yisumbuye cyigisha amasomo y'imyuga (TVET), Ihuriro ry'urubyiruko nyarwanda mu ruhererekane rw'ibiva ku buhinzi (RYAF) rizwi nk'urubuga rwashyiriweho guhuriza hamwe amashyirahamwe anyuranye y'urubyiruko, urubyiruko rw'abahinzi ku giti cyabo na ba rwiyemezamirimo mu ishami ry'ubuhinzi, kimwe n'Ikoranabuhanga (ICT) rishyigikira ubuhinzi mu Rwanda, n'izindi. Ibigo by'ikoranabuhanga byateje imbere urubyiruko mu bijyanye no guhanga udushya nka "Tap & Go" na 'Yego Moto' zikoreshwa mu kwishyura imodoka n'amapikipiki bikoreshwa mu gutwara abantu mu buryo bwa rusange; udushya nka 'Pivot', Irembo, n'ibindi (National Youth Council Strategic Plan 2021-2025).

Ibigo by'urubyiruko bizwi nka Youth Friendly Centers mu Turere bikomeje kuba ahantu urubyiruko ruhurira rukahungukira byinshi. Ibi bigo bitanga serivisi ku bijyanye n'ubuzima, bihuza abatanga akazi n'urubyiruko rugashaka, bikanafasha kwegereza urubyiruko ikoranabuhanga (ICT). Ubukangurambaga mu rubyiruko bwashobotse kubera guhuza inzego z'urubyiruko kuva ku rwego rw'igihugu kugeza ku rwego rw'Umudugudu, bwashobotse kubera gutunganya ibyiciro by'Itorero ry'Igihugu, iry'imena rikaba rigizwe n'Itorero ngarukamwaka ry'Inkomezamihigo n'Urunana rw'Urungano, rihuriza hamwe urubyiruko nyarwanda rw'imbere mu gihugu n'urutuye mu mahanga (National Youth Council Strategic Plan 2021-2025).

Byongeye, Leta y'u Rwanda ishingiye ku mwihariko w'imitekerereze n'imibereho nyarwanda, yashyizeho inzego z'ingenzi zigamije guteza imbere amahoro, ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda. Izi nzego zirimo, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC), Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu (NIC), Itorero ry'Igihugu, Urugerero rw'urubyiruko, n'izindi. Izi nzego zafashije urubyiruko rw'u Rwanda kwiremamo ubudaheranwa, imbaraga zo kwigira, zinarubera urubuga rutanga amahirwe yo kugaragaza ibyo rushoboye.

Muri icyo cyerekezo cyo kubaka u Rwanda, Leta yasakaje amahame ya "Ndi Umunyarwanda" mu 2013 mu rwego rwo kugarura indangagaciro nyarwanda no guteza imbere u Rwanda rushingiye ku bwizerane n'ubufatanye. Iyi gahunda yashyiriweho guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge, no gushyigikira indangagaciro yo gukunda igihugu. Abanyarwanda bashishikarijwe kudaha agaciro ukwihuza kose kwashingira ku bwoko, akarere k'inkomoko cyangwa imyemerere nyobokamana, bityo bakanyuranya n'ibyo Abakoloni bigishije. Binyuze mu ihame rya Ndi Umunyarwanda, urubyiruko nyarwanda ruri ku isonga mu guteza imbere, mu buryo bufatika, indangagaciro zagize uruhare runini mu gutuma u Rwanda ruva mu icuraburindi ryaruranze (Mushongayire A 2018, p. 3).

Itorero ry'Igihugu n'Urugerero rw'urubyiruko na byo byashyizweho kugira ngo Abanyarwanda, cyane cyane urubyiruko, basobanukirwe amateka nyakuri y'u Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, n'inkomoko yayo. Icyari kigamijwe ni uguhagarika politiki y'ivangura no gushyiraho politiki itagira uwo iheza.

Ibi bigamije kurema bundi bushya mu Banyarwanda, by'umwihariko mu rubyiruko, ishema ryo kuba Umunyarwanda no gusangira inyungu z'amajyambere rusange y'igihugu. Ibi byanafashije urubyiruko kongera kubaka umubano hagati yarwo ndetse n'Abanyarwanda muri rusange hagabanywa urwikekwe, hanatezwa imbere amahoro kuri bose (Alert International Rwanda report 2019, p. 8).

Itorero ry'Igihugu ryabaye igikoresho cya ngombwa mu kuyobora urubyiruko mu cyerekezo cy'ubumwe n'ubufatanye bushingiye ku ndangagaciro za gakondo, kigaragaza isura nziza y'u Rwanda nk'Igihugu cyubashywe kandi gifite agaciro. Ibyo byubatse umuco wo kwiyubaha no kubaha indangagaciro nyarwanda, n'umuco wo gukunda igihugu mu rubyiruko nyarwanda. Gusubiza agaciro inzego gakondo n'iz'umuco nk'Itorero, byagaruriye imbaraga indangagaciro z'ubunyangamugayo, ubumwe, ukuri, umwete ku murimo no gukunda igihugu (National Itorero Commission Volunteerism Policy Paper, 2012). Bifatiye ku Itorero ry'Igihugu, amahugurwa ku muco yabaye urubuga rwo guhanahana ibitekerezo hagati y'urubyiruko ku bijyanye n'uburyo bwo kubaka ahazaza heza h'u Rwanda, hazira intekerezo ziyobya.

Amahuriro y'urubyiruko mu mashuri yose y'u Rwanda yateye Itorero ry'Igihugu ingabo mu bitugu. Aya mahuriro yaherekejwe no gushyira imyigishirize yimakaza amahoro mu nteganyanyigisho z'amashuri. Izi ngamba zose zazamuye imyumvire y'urubyiruko mu bijyanye n'inshingano z'umwenegihugu ku gihugu cye. Kubera iyo mpamvu, urubyiruko rugomba gukoresha ayo mahirwe, rugakora ibishoboka byose kugira ngo rurenge ibikomere rwatewe n'inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi, rukagira uruhare rufatika mu kubaka u Rwanda rushya (Alert international Rwanda 2019, p. 12).

### Ibikorwa by'imiryango itari iya Leta bishyigikira urubyiruko

Hari indi miryango itari iya Leta ikorana n'urubyiruko yagize uruhare rukomeye mu kurufasha guharanira ubumuntu. Iyo miryango ni myinshi, ariko imwe muri yo ni Imbuto Foundation, Never Again Rwanda (NAR), Aegis Trust na International Alert.

Mu guha urubyiruko nyarwanda amahirwe yo kugaragaza impano z'ingirakamaro n'agaciro rufite, Imbuto Foundation yaherekeje urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ihuza buri wese n'abajyanama. Iyi gahunda yigishije urubyiruko ibanga ryo kubaho ibinyujije mu biganiro bifite insanganyamatsiko nk'izi zikurikira: Ubujyanama mu guhitamo umwuga, Gukunda igihugu, Ubumenyi mu bijyanye n'imiyoborere, n'izindi. Gahunda z'ubujyanama zagenewe urubyiruko rwo mu kigero cy'imyaka y'ubukure 24 kugeza 35.

Ibikorwa by'umuryango Imbuto Foundation biri mu murongo umwe n'amahitamo y'igihugu kandi usohoza inshingano zawo binyuze mu buvugizi, ibikorwa mu baturage, ubujyanama, guteza imbere ubufatanye no gufasha urubyiruko kugaragaza impano zarwo (Imbuto Foundation Annual report, 2018 p. 8).

Raporo y'umwaka wa 2020 y'Umuryango Never Again Rwanda yemeza ko kugeza magingo aya urubyiruko, mu bufatanye na Leta y'u Rwanda, rwagize umwanya wo kongera gutekereza ku mateka y'Igihugu, rufata n'ingamba ku buryo bwo kugira uruhare rufatika mu kongera kubaka umuryango mugari w'Abanyarwanda. Iyo raporo yemeza kandi ko umuryango Never Again Rwanda wakoreye urubyiruko byinshi birufasha mu kunoza umubano wabo mu duce tunyuranye batuyemo hirya no hino mu gihugu. Kuri ubu urubyiruko ni abenegihugu bifitemo imbaraga zo gukora, bahawe ubushobozi, bagerwaho n'amahirwe aboneka mu gihugu, kandi bashoboye guhugurana hagati yabo ku buryo bwo kwiteza imbere.

Umuryango Never Again Rwanda washoboye gushishikariza urubyiruko kwihuriza hamwe no gutangira ibikorwa bigamije kwimakaza amahoro. Uko urubyiruko rwahuraga, hagiye haganirwa ku bibazo binyuranye kandi urwo rubyiruko rukagira urubuga rukwiye rwo kubishakira ibisubizo birambye (Never Again Rwanda 2020, pp. 2- 4). Izi gahunda zose z'urubyiruko zifatiye ku gaciro ruhabwa na Leta y'u Rwanda ndetse n'umuhate uriho wo guhererekanya ubuyobozi, bigaha urubyiruko amahirwe yo kuba abafatanyabikorwa bizewe mu kubaka ahazaza h'u Rwanda bifuza.

Ibikorwa byinshi bigamije amahoro byafashije urubyiruko kwinjira neza mu mugambi wo kwimakaza amahoro, imbabazi, ubumwe n'ubwiyunge. Binyuze mu bikorwa by'Umuryango Never Again Rwanda, urubyiruko ruritabira ku bwinshi muri ibi bihe, rimwe na rimwe rugafata iya mbere mu gukemura inzitizi zugarije uduce tunyuranye rutuyemo mu gihugu. Urubyiruko rukomeje umuhate wo kuba muri gahunda ziganisha igihugu mu hazaza huje iterambere n'amahoro.
Imishinga urubyiruko rwatangijje (YIP) mu rwego rw'Umuryango Never Again Rwanda yaruremyemo imbaraga zo kuba umusemburo w'impinduka nziza mu baturage babana na rwo (Never Again Rwanda 2020, p. 8-9).

Ihuriro ry'urubyiruko YouthConnekt ni igikorwa gishingiye ku gashya mu gihugu, kimaze kugera ku bihumbi by'urubyiruko byafashijwe guhanga imirimo irenga 4,000 idashingiye ku buhinzi. Ubwitabire bw'urubyiruko muri YouthConnekt irebwa nk'igikorwa kirambye cy'iterambere, ni ingenzi mu kugera ku Rwanda rutekanye kandi rurambye, rurinda abaturage ibyabatera inkeke no kubakemurira ibibazo bihungabanya imibereho myiza. Ibi ni igikorwa cya ngombwa kiganisha mu gufasha urubyiruko kurenga ibikomere rwakomoye kuri Jenoside yakorewe Abatutsi (YouthConnekt 2017 p. 2).

Ibyo bikorwa birimo kubakira abatishoboye amazu mu duce tunyuranye batuyemo, gusana imihanda y'imigenderano, ibiraro, kubaka ibyumba by'amashuri n'ibindi bikorwaremezo bya ngombwa. Urubyiruko nyarwanda rwitabiriye ibiganiro kuri politiki zinyuranye, rutangamo ibyifuzo bifite ireme, birakirwa, nko gusaba guhagararirwa mu nzego zose z'imiyoborere y'igihugu zifatirwamo ibyemezo.

Umuryango Aegis Trust watangije gahunda zinyuranye ziteza imbere inyigisho ku mahoro no kubaka amahoro mu Rwanda. Imwe muri izi gahunda igarukwaho kenshi ni ijyanye no kwigisha amahoro ku bufatanye na Radiyo La Benevolencija, Ikigo cy'Ubushakashatsi n'Ibiganiro Bigamije Amahoro (IRDP), na Kaminuza ya Shoah Foundation iherereye mu majyepfo ya California ho muri Leta zunze ubumwe z'Amerika. Iyi gahunda iteza imbere imibanire ishyigikiwe n'ubumwe, indangagaciro zibanisha Abanyarwanda, zirimo ihame ry'imitekerereze inyuranye no kumenya kwirengera imigirire bwite, imbaraga zo gusangira ibihe by'ibyishimo n'iby'umubabaro, imitekerereze ishungura, n'ibikorwa bishyigikira igihugu cyuje ituze, kandi Ikigo cy'igihugu cy'uburezi (REB) kikaba cyaramaze kwinjiza iyi gahunda mu nteganyanyigisho z'amashuri (Awiti & Scott 2016).

Ibikorwa by'inyongera bigamije kubaka amahoro bikorwa n'Umuryango Aegis Trust birimo amahugurwa y'urubyiruko ruharanira impinduka. Iyi gahunda y'amahugurwa ifasha, igateza imbere urubyiruko rushishikajwe no kwimakaza amahoro aho rutuye, binyuze mu buhanzi, kubara inkuru n'ibindi bikorwa birimo imurikagurisha mu buryo bw'imbona nkubone cyangwa se irikorewe kuri telefoni ngendanwa, biyobowe n'itsinda rishinzwe uburezi ry'Umuryango Aegis Trust n'Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali. Ibi bikorwa bigenewe kwigisha amateka y'u Rwanda n'akamaro ko kwimakaza amahoro. Ibihumbi by'abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye mu gihugu, abarimu n'abandi benshi bitabiriye ibyo bikorwa kandi babiha agaciro (Awit & Scott 2016).

Mu rwego rwo guteza imbere imbaraga zo kwigira mu rubyiruko, impano zishyigikira umumaro warwo no kugira uruhare mu kubaka igihugu nyuma ya Jenoside, Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha iterambere (NST1) yagize urubyiruko abafatanyabikorwa b'imena mu bikorwa byayo by'ingenzi (NST1, 2017). Muri iyi gahunda, bisobanutse neza ko urwego rushinzwe kongerera urubyiruko ubushobozi mu bijyanye n'ubukungu muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco rwakwita kuri ibi bikurikira:

- Guherekeza gahunda, imishinga, ingamba na politiki zongerera urubyiruko ubushobozi mu bijyanye n'ubukungu n'imibereho myiza, cyane cyane guhanga umurimo, guteza imbere ba rwiyemezamirimo, gukuza impano n'ubumenyi no gushakashaka amahirwe ndengamipaka kugira ngo urubyiruko rwinjire byuzuye muri gahunda z'impinduka.
- Kugenzura no gukurikirana uko urubyiruko rwongererwa ubushobozi by'igihe kirekire, iby'ikiringaniye n'iby'igihe gito, no guhuza abafatanyabikorwa bose bahuriye kuri iyo gahunda yo kongera ubushobozi mu rubyiruko.
- Gukora ubushakashatsi ku bikorwa birebana n'urubyiruko hagamijwe kubaha ubushobozi bwo gufata ingamba zikwiye n'ibikorwa bijyanye na zo.
- Gusesengura ubushakashatsi bwatangajwe no gusesengura politiki z'inzego zinyuranye z'igihugu n'iz'inzego mpuzamahanga, cyane cyane Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), kugira ngo hamenyekane uko urubyiruko ruhagaze mu kudahezwa, hagamijwe kurwinjiza mu byiciro byose by'ubukungu.
- Gutegura no guhuza inzira z'ubukangurambaga mu rubyiruko no gushyiraho ingamba zikumira imyitwarire yateza ibyago, inzira zimakaza ubukorerabushake, kugira uruhare mu bikorwa by'inyungu rusange n'ibifitanye isano n'imibereho myiza y'urubyiruko, ibikorwa ngengamyitwarire, no kwimakaza indangagaciro.

## Ibikorwa byihariye bya Unity Club Intwararumuri

Unity Club Intwararumuri ni umuryango washinzwe ku wa 28 Gashyantare 1996 na Nyakubahwa Jeannette KAGAME, Madamu wa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda. Kuva mu 1996, ni urubuga ruhuriyemo abari n'abahoze muri Guverimoma n'abo bashakanye, himakazwa ihame ry'ubudacyura igihe mu muryango Unity Club Intwararumuri. Uru rubuga rugamije kwimakaza ubumwe hagati y'abo bayobozi no gukorera hamwe mu guteza imbere ubumwe n'amahoro byo nkingi y'iterambere rirambye n'imibereho myiza y'abaturage. Ni yo mpamvu y'izina Unity Club Intwararumuri. Intego rusange n'izihariye za Unity Club Intwararumuri zigamije gutanga umusanzu mu kuzamura ubumwe n'amahoro, byo shingiro ry'igihugu gitekanye kandi gitera imbere. Mu bikorwa byayo, Unity Club Intwararumuri ifasha by'umwihariko imiryango ifite urubyiruko rukabije kugira intege nke, hagamijwe kuyubakamo imibanire irangwa n'urukundo n'ubufatanye. Umuryango Unity Club Intwararumuri ukora ubuvugizi mu nyungu z'imibereho myiza n'iterambere ry'ubukungu ku matsinda y'abantu barangwa n'imibereho itari myiza, hibandwa ku mfubyi n'abapfakazi. Uwo muryango uharanira guteza imbere ubufatanye no gushyiraho urubuga rw'ibiganiro mu kuri no mu bwisanzure ku bijyanye n'ubumwe mu banyamuryango bawo n'abandi bayobozi.

Raporo y'Ihuriro rya cumi na rimwe rya Unity Club (2018) yagaragaje ko ryashishikarije imiryango kuba imbarutso y'amahoro n'iterambere rirambye. Muri iri huriro, urubyiruko nyarwanda rwahawe umwihariko.

Hashimangiwe ko urubyiruko rufite uruhare runini n'ubushobozi bwo guhitamo no kugena icyerekezo cyiza n'ahazaza h'igihugu kijyanye n'ibyifuzo rufite. Urwo rubyiruko rwasangije abari bitabiriye Ihuriro urugendo rw'ubuzima bwarwo. Hongeye gushimangirwa ko imiryango n'urubyiruko bagomba kubyaza inyungu ihame rya "Ndi Umunyarwanda" kugira ngo Abanyarwanda bose bakire ibikomere batewe n'amateka mabi u Rwanda rwanyuzemo. Hashimangiwe kandi ko, binyujijwe mu miryango, urubyiruko ari ishingiro ry'amahoro arambye n'ahazaza h'u Rwanda. Kubera izo mpamvu, abitabiriye Ihuriro bose bemeje ko bagomba kugira uruhare, kandi akaba ari inshingano kuri bo yo gusangiza urubyiruko amateka yihariye y'u Rwanda. Urubyiruko na rwo rwiyemeje kuzagira uruhare mu kubaka ahazaza heza (Raporo y'Ihuriro rya 11 rya Unity Club 2018, p3).

Mu ijambo rye, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME yongeye gushimangira ko bamwe mu rubyiruko babonye ibiteye ubwoba byinshi byabaye mu gihe Jenoside yakorerwaga Abatutsi mu 1994, ko abandi batabibonye cyangwa se ko babyumvise gusa. Ibyo byose byabaye umutwaro ku rubyiruko. Madamu wa Perezida wa Repubulika yongeye kwibutsa ko abantu bakuru bagomba guhora bari hafi

y'urubyiruko kugira ngo baruhumurize kandi barufashe kurenga ibyo byose byaruhungabanyije. Yagiriye inama urubyiruko ko rudakwiye kwiheba.

N'ubwo hakozwe byinshi bigamije gufasha urubyiruko mu kurenga inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, benshi baracyahanganye n'ibibazo byihariye bishingiye ku bikomere izo nkurikizi zateje. Unity Club Intwararumuri yemera cyane ko urubyiruko rugomba gufashwa, rugakomera, ntiruheranwe n'ayo mateka mabi igihugu cyanyuzemo, ahubwo rukitandukanya na politiki y'amacakubiri n'ingengabitekerezo y'ivangura.

Ni muri urwo rwego Unity Club Intwararumuri yasanze ari ngombwa gukora ubu bushakashatsi ku nkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hibandwa cyane cyane ku byiciro by'urubyiruko rwibasiwe bikabije, ku bibazo byihariye ndetse n'amahirwe ariho yo kubikemura. Ihuriro rya 11 ry'Umuryango Unity Club Intwararumuri ryatumiye abahagarariye amatsinda y'urubyiruko akurikira:

1. Urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi;
2. Urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi;
3. Urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi;
4. Urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi;
5. Urubyiruko rwavutse ku babyeyi badahuje ibyiswe 'amoko';
6. Urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu biganiro by'Ihuriro rya 11, abahagarariye ibi byiciro bagaragaje ibibazo byihariye bikurikira: kutagira ababyeyi n'abavandimwe, kuvuka ku babyeyi bafashwe ku ngufu, kutagira iby'ibanze umuntu akenera ngo abeho, ipfunwe ryo kuvuka ku babyeyi bakoze icyaha cya Jenoside, n'ibindi. Ubu bushakashatsi bwari bwitezweho kugaragaza impamvu z'ukwisubira kw'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko na nyuma y'imyaka 27 ihagaritswe burundu. Na none ubu bushakashatsi bwari bwitezweho gucukumbura imbogamizi n'amahirwe ariho yo kuzikemura, ashobora gushyigikira imbaraga n'impano urubyiruko rwifitemo zo kuba rwagira umumaro muri gahunda ngari yo kongera kubaka igihugu.

UMUTWE WA KABIRI:

# IKUSANYAMAKURU RISHINGIYE KU BYATANGAJWE

## INTANGIRIRO

Uyu mutwe urashingira kuri raporo zimwe na zimwe z'ubushakashatsi zatangajwe zifite icyo zihuriraho n'ubu bushakashatsi bwihariye ku rubyiruko rw'u Rwanda. Ibitekerezo by'ingenzi biboneka muri izo raporo byabaye intangiriro yo gukora isesengura risobanutse ku nsanganyamatsiko yihariye y'ubu bushakashatsi. Uyu mutwe ugabanyijemo ibice bibiri by'ingenzi. Icyambere, gishingiye kuri raporo z'ubushakashatsi bwatangajwe ku rubyiruko mu Rwanda, harebwa ibyakorewe urubyiruko mu gukemura inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi. Mu gice cya kabiri, uyu mutwe urakusanya ibyanditswe k'uburyo urubyiruko rwiyubatsemo ubudaheranwa rukaniremamo icyizere.

### IBYATANGAJWE K'URUBYIRUKO MU RWANDA

Kuva Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahagarikwa, Leta y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo bakoze byinshi mu gufasha urubyiruko kongera guha ubuzima icyerekezo, kugira ngo rurenge ibibazo byihariye birimo n'iby'imibereho. Ni na yo mpamvu, urubyiruko rwibasiwe bikabije rushyize hamwe, rushobora gukomeza kwiyubaka bya nyabyo. Mu guha agaciro iki gitekerezo, Gahunda y'Igenabikorwa y'Urubyiruko (2013-2018) yagaragaje ubushake bwo gukemura ibibazo byinshi byugarije urubyiruko. Iby'ingenzi muri ibyo bibazo birimo akato gahabwa urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi. Gukemura iki kibazo byatanga imbaraga mu rubyiruko rukigirira icyizere, bityo rukaba ruhawe n'urubuga rukwiye rufasha mu guhanga udushya. Mu Rwanda, urubyiruko rwahawe ubumenyi n'ubushobozi bifite ireme riri ku gipimo gishimishije ku buryo bahiganwa imbere mu gihugu no ku rwego mpuzamahanga. Na none, urubyiruko rugaragaza isura nziza igihe rukoreye igihugu cyarwo, Akarere k'Ibihugu by'Uburasirazuba bw'Afurika rurimo (EAC), n'ibindi bihugu byo hirya no hino ku Isi (Youth Strategic Plan 2013-2018 p. 1). Muri iyi gahunda y'iteganyabikorwa hahurijwe ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

- Gushinga no kongera umubare w'amakoperative y'urubyiruko (kugeza nibura ku makoperative 350), no gukurikirana uko akora;
- Kubaka ubushobozi n'ubumenyi mu rubyiruko byatuma rushobora guhanga imirimo mishya, bityo igipimo cy'ubushomeri kikaba munsi ya 5% by'umubare mbumbe w'abaturage;
- Gushyiraho gahunda cyangwa urubuga rutuma urubyiruko rwitabira ibikorwa bibyara umusaruro, nk'ibikoresho byo kubaka byakorohereza urubyiruko, birimo imashini zitunganya ibikoresho byoroshya imiturire mu midugudu, mu cyaro no mu mijyi;
- Gushyira imbaraga muri gahunda zigenewe gushyigikira uburyo bunoze bw'imibereho y'urubyiruko, harimo kurwegereza amakuru ya ngombwa arufasha gutekereza neza, kugira imyumvire myiza, no gukumira imyitwarire ihungabanya ubuzima bwarwo, nko kwishora mu biyobyabwenge;
- Guteza imbere imikoranire mu rubyiruko n'ubucuruzi imbere mu gihugu no hanze yacyo. Ku rwego rw'igihugu, umuhigo wo guhanga imirimo idashingiye ku buhinzi 200,000 buri mwaka waremejwe, urubyiruko rukaba ari rwo bagenerwabikorwa bayo, kandi inzego zose zibifitemo inshingano zirasabwa kugira uruhare rufatika kugira ngo uwo muhigo ugerweho.

Raporo ya Loni (2020) ivuga ko urubyiruko rufite uruhare rufatika mu bikorwa by'iterambere rirambye, rukaba kandi ari ingenzi kugira ngo gahunda ishyigikira ko buri muturage ahabwa umwanya akwiye igerweho kandi ku buryo burambye. Uruhare nk'uru rurinda kandi abaturage guhora ku nkeke z'imibereho ndetse n'iz'imbogamizi ku iterambere rirambye. Zimwe muri izi mbogamizi zikigaragara henshi ni ubusumbane bushingiye ku gitsina n'amakimbirane y'urudaca mu bantu. Urubyiruko rushobora kugira uruhare rugaragara kandi rw'ingirakamaro, kuva ruzwiho kugira imbaraga ziherekeza impinduka nziza kandi zubaka (UN, 2020, p. 25).

Muri raporo yayo, Unity Club Intwararumuri yongeye kwibutsa ko "Abanyarwanda biboneye icyo kubura ubumwe bishobora guhombya igihugu. Ariko na none, u Rwanda rwabonye imbaraga z'ubumwe mu kubaka igihugu" (Raporo ya Unity Club 2016, p1). Umuryango Alert International (2018, p 2) wapimiye 'imbaraga z'ubumwe bwubaka igihugu' mu ndorerwamo y'imibanire yuje ituze, urwego rw'ubwizerane rushimishije, imikoranire myiza n'ubufatanye mu Rwanda, usanga ibi byose bibarirwa ku gipimo cya 96.1%. Isuzuma rya Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge (2020, p.vii) rigaragaza ibikorwa Leta y'u Rwanda yakoze bigamije ubumwe bw'Abanyarwanda. Raporo ikubiyemo iryo suzuma yagaragaje ko "Ndi Umunyarwanda" yateye intambwe muri uru rwego, aho urugendo rw'ubwiyunge rugeze ku kigereranyo cya 98.5%. Bityo Ndi Umunyarwanda yageze ku ntera nziza y'ubwiyunge bw'Abanyarwanda ibinyujije mu guteza imbere uturango duhuza Abanyarwanda.

Kimwe n'ibindi bihugu byinshi, urubyiruko rugize igice kinini cy'abaturage b'u Rwanda. Nyamara kuba ari urubyiruko, birushyira mu cyuho cy'intege nke kurusha abakuze; biroroshye ko hagira abaruyobya bakarugira ibikoresho.

Imaze kubona izo ntege nke, Never Again Rwanda (NAR), nk'umuryango ushyize imbere ibikorwa byo kubaka amahoro, watangije ibikorwa bishyize imbaraga ku ireme ry'ubusabane mu rubyiruko aho rutuye, inarebera ubwo busabane mu ndorerwamo y'iby'ingenzi bibanziriza iterambere. Uwo muryango wemera ko urubyiruko rw'u Rwanda rukeneye gushishikarizwa kuba abenegihugu bahamye bafite ubushobozi bwa ngombwa. Urubyiruko rwagerwaho n'amahirwe anyuranye, kandi rushobora kwihugura mu bijyanye no kwiteza imbere (NAR 2020, p. 31). N'ubwo urubyiruko rw'u Rwanda rwayobejwe rukagira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, urwo rubyiruko na none rwagaragaje ko rushobora gukora ikinyuranyo. Nyuma ya Jenoside, rwagaragaje ko rushobora kugira uruhare rw'ingenzi mu kubaka u Rwanda kugira ngo ahazaza harwo hazabe hazira amacakubiri ayo ari yo yose (Never Again Rwanda 2020, p. 40).

Binyuze mu bikorwa by'umuryango Never Again Rwanda (NAR), urubyiruko muri iki gihe ruritabira bishimishije kandi rimwe na rimwe rufata iya mbere mu bikorwa bigamije gukemura imbogamizi zinyuranye zikigaragara aho rutuye. Urubyiruko rukomeje kwiyemeza kuyobora igihugu mu cyerekezo cy'iterambere n'ahazaza huje ituze kuri bose. Ushingiye kuri gahunda n'imishinga itandukanye, Umuryango Never Again Rwanda (NAR) urakora ibishoboka byose kugira ngo urubyiruko rugire ubumenyi, ubushobozi n'icyizere cyo kubaka igihugu. Imishinga uwo muryango washyiriyeho urubyiruko (YIP) yaruremyemo inyota yo kuba imbarutso y'impinduka nziza aho rutuye. Binyuze muri iyo mishinga, amahuriro y'urubyiruko ashingiye ku muryango Never Again Rwanda (NAR) ashishikarizwa gutoranya umushinga, kuwiga no kuwushyira mu bikorwa, kandi ukaba wagirira umumaro aho rutuye, biturutse ku bumenyi rufite bwo kuyobora abandi muri urwo rugendo.

Harebwe ibikorwa byaryo, ihuriro ry'urubyiruko YouthConnekt ni igitekerezo gishya mu Rwanda gishingiye kuri gahunda ya Leta, igamije guhuriza hamwe urubyiruko rwubaka ubushobozi bubafasha kubaka igihugu. Iyi gahunda yagejeje ibikorwa byayo kuri benshi mu rubyiruko, kandi igira n'uruhare mu guhanga imirimo idashingiye ku buhinzi isaga 4,000. Ihuriro ry'urubyiruko ryanarufashije kandi kwitabira bigaragara ibikorwa by'iterambere rirambye, bikaba ari ingenzi mu kugera ku Rwanda rutekanye kandi rudaheza, hakomwa imbere ibyatera abaturage inkeke byose n'imbogamizi mu mibereho yabo. Ibikorwa by'ihuriro ry'urubyiruko, YouthConnekt, ni ingenzi rwose mu gufasha urubyiruko kurenga inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi (YouthConnekt report 2017, p.2).

Ibihumbi by'urubyiruko nyarwanda rwitabiriye ibikorwa bijyanye n'inshingano mboneragihugu ku buryo bugaragara. Ibyo bikorwa birimo kubakira abatishoboye amazu mu duce tunyuranye tw'igihugu, gusana imihanda y'imigenderano, ibiraro, kubaka ibyumba by'amashuri, n'ibindi bikorwa remezo bya ngombwa. Urubyiruko rwateguriwe kandi rwitabira ibiganiro kuri politiki zinyuranye, rwabitanzemo ibyifuzo bifite ireme kandi birakirwa, nko gusaba guhagararirwa mu nzego zose z'imiyoborere y'igihugu zifatirwamo ibyemezo.

Uko raporo yaYouthConnekt (2017) ibigaragaza, urubyiruko rwashishikarijwe kwitabira gahunda zishyigikira indangagaciro, hakoreshejwe imbuga zinyuranye. Raporo yashyizwe ahagaragara n'Ikigo cy'Ubushakashatsi n'Ibiganiro Bigamije Amahoro (IRDP 2020, p. 10) yagaragaje ko ibiganiro mpaka ku rubyiruko rwazahajwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside ari uburyo bwiza bwo kurwubakamo ubudaheranwa. Iyo raporo irashimangira ko ibiganiro mpaka byagize uruhare rukomeye mu kubaka u Rwanda ruhamye kandi rutekanye. Uru rugendo rwabaye ingirakamaro mu kurema urubuga rufunguye, ruganirirwamo insanganyamatsiko benshi badatinyuka, nk'uruhare rw'urubyiruko mu kubaka amahoro n'imibanire idaheza mu Rwanda. Raporo yashyizwe ahagaragara na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC, 2017) yashimangiye ko hakenewe ibiganiro ku nzego zose, kugira ngo habeho kumenyereza urubyiruko kujya impaka zishungura hagenderewe gusobanukirwa no kwiremamo imbaraga zo guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside. Ni ngombwa guhugura urubyiruko ritararenga kugira ngo rushobore guhangana n'ibibazo bitoroshye byatewe na politiki y'amacakubiri.

## IBYATANGAJWE MU RWEGO MPUZAMAHANGA

Iyo amakimbirane amaze guhosha, urubyiruko ruba ari ikigega cy'imbaraga n'umuyoboro wanyuzwamo gahunda z'ubwiyunge, kurusha ko rwakwimika ivangura n'amacakubiri. Ni yo mpamvu Leta z'ibihugu, iyo ziva zikagera, zishishikarira kumenya impamvu muzi z'ibibazo bishobora guherana urubyiruko mu buzima bw'amacakubiri (Gray et al 2014, p. 28). Herdiana, et al. (2019, p. 19) bagaragaje ko imbaraga buri muntu yifitemo zo gukira ibikomere no kwiyubaka ari zo zituma urubyiruko rudaheranwa. Ntabwo ari ukuba umuntu yamenya imbaraga ze gusa, ahubwo ni n'uburyo izo mbaraga zibyara ubudaheranwa mu muntu, agahangana n'imbogamizi ahuye na zo.

Harebwe urubyiruko rwo mu Rwanda, imbogamizi ikomeye ni ugukira ibikomere bikigaragara n'ubu nyuma y'imyaka 27 ishize Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 ihagaritswe.

Imwe mu ntego z'ubu bushakashatsi ni ukugaragaza umutwaro uremereye w'ibibazo byihariye bifite inkomoko kuri Jenoside urubyiruko rwikoreye n'uburyo rwahangana na wo. Black & Lobo (2008) berekanye bimwe mu bintu bishyigikira ubwirinzi mu bantu no kongera gusubirana, bishyize imbaraga hamwe cyangwa se bisimburanye mu rugendo rwo guhashya imbogamizi runaka zabangamira urubyiruko. Bagaragaje ko ibyo bishyigikira ubwirinzi binorohereza urubyiruko kwiyubakamo ubushobozi, ubunyangamugayo n'umuhate wo gukora, rugatunganya inshingano zigamije iterambere. Gukangura ubushobozi mu rubyiruko ngo rushikame kandi ruhangane n'imbogamizi biterwa n'uburyo bukoreshwa mu guhangana n'ibyo bikomere, guhangara no gucika intege kubera imbaraga zisubiza umuntu inyuma, ariko na none bikajyana no kumuzahuramo imbaraga zibimurinda (Black & Lobo 2008, p. 32). Bityo ubufatanye hagati ya za Leta z'ibihugu n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga bukwiye gushyigikira urubyiruko mu kugera ku bisubizo bikemura ibibazo bibangamiye ubwiyunge. Ibi byafasha urubyiruko gukora rukiteza imbere n'imiryango rukomokamo ndetse rukaba rwanagira uruhare rugaragara mu kwimakaza amahoro no gusana ibihugu rukomokamo (Gray et al. 2014, p. 28). Uburyo urubyiruko nyarwanda rwahaguruka rugakemura ibibazo byihariye by'imibereho mibi bishamikiye ku nkurikizi za Jenoside ni ukwiyemeza kubyaza umusaruro inkunga Leta inyuza muri gahunda na politiki zinyuranye, n'ibikorwa by'urubyiruko ubwarwo. Muri iki cyerekezo cy'imitekerereze, raporo ya Loni (2009) yemeza ko iterambere n'ukwimakaza uburenganzira bw'urubyiruko ari ngombwa cyane.

Mu gihe urubyiruko rwo mu Rwanda rubashije kurenga ibibi byaruhungabanyije bikomoka ku mateka ya Jenoside, ruba rushobora kongera kwiremamo imbaraga no gukangura impano ziri mu murongo w'ibyo bashoboye. Uru ni rwo rufatiro ruhamye ku rubyiruko rushingirwaho mu gutangira kwiyunga no kuba mu buzima buzana impinduka. Ni ngombwa rero ko Leta n'urwego rw'abikorera bagenera urubyiruko amahirwe yo guhugurwa yarwongeramo imbaraga zo kugira uruhare rugaragara mu kwimakaza amahoro. Aha umwihariko washyirwa ku rubyiruko inkurikizi za Jenoside zibasiye bikabije, hagendewe ku mbaraga za gisore, ubushobozi n'imbaraga rwifitemo zo kwakira vuba impinduka mu ikoranabuhanga. Urubyiruko, harimo n'urwashegeshwe bikabije, rwakora neza inshingano zo kunga abaturanyi, gukora ubukangurambaga mu baturage, gufasha imbabare, ndetse no kuba abahuza b'amahoro (Ansell 2015, p.30).

Awiti & Scott (2016) bagaragaje ko kubera imbaraga zidacogora Leta y'u Rwanda ishyira mu kuba hafi y'urubyiruko no mu kurufasha kugira ngo rutsinde akababaro rwagize nyuma ya Jenoside, byatumye urwo rubyiruko rugaragaza ugukunda igihugu mu buryo bukomeye.

Abenshi muri uru rubyiruko bamaze kumenyera kwibonamo ko ari Abanyarwanda mbere y'ibindi byose. Baha agaciro bikomeye ibyo bemera, igihugu cyabo n'imiryango bakomokamo, kandi bafite icyizere mu gukora cyane. Bamwe babaye ba rwiyemezamirimo mu byerekezo binyuranye, aho abenshi bafite inyota yo gutangiza imishinga bwite, aho kwizirika ku mirimo imenyerewe nk'iyo kuba abanyamategeko, abarimu, abaganga cyangwa se abubatsi (Awiti, A., Scott, B. 2016. p.1-3). Ubushakashatsi bukomeza bugaragaza ko mu gihe urubyiruko nyarwanda rukomeje guhangayikishwa n'ikibazo cy'ubushomeri, rufite inyota yo kuba mu bakivugutira umuti binyuze mu guhanga umurimo. Ubushakashatsi na none bugaragaza ko urubyiruko nyarwanda rwemera ntagushidikanya ko kugira uruhare mu miyoborere y'igihugu ari inshingano y'ingenzi ku mwenegihugu. Muri rusange, urubyiruko rufite icyizere gikomeye ku bijyanye n'ahazaza h'igihugu, rubona kandi ko igihugu kizakomeza gutera imbere kuruta ibihe byatambutse (Awiti, A., Scott, B. 2016, p.5-7).

Hashingiwe ku bitekerezo byiza bivuzwe haruguru, urubyiruko nyarwanda ntirukwiye guheranwa n'inkurikizi za Jenoside zirimo ibikomere by'amateka byangije byinshi ku buryo bidashidikanywaho. Ahubwo icyerekezo cy'urubyiruko gikwiye kwibanda ku buryo bwo kwiremamo ubudaheranwa, no guhanga inzira ziganisha ku kubaka igihugu. Nk'uko Mihyo et al. (2016, p. 30) babyanditse, Leta z'ibihugu zigomba kumenya byinshi ku bijyanye n'uruhare urubyiruko rwagira nk'urwahuza abaturage, urwasakaza intekerezo, urwarema kandi rugaha ireme ibisobanuro izo ntekerezo. Gusobanukirwa uburyo bwiza urubyiruko rwashyigikirwamo mu kugena imyifatire iboneye n'imbaraga zo gukora ibyiza mu buzima bikwiye gushyirwa imbere n'i bigo mpuzamahanga, za Leta z'ibihugu n'imiryango itari iya Leta. Leta z'ibihugu zigomba kugaragaza ibikenewe byose kugira ngo urubyiruko rugire ubumenyi bwakangura ubushobozi rwifitemo n'imbaraga zo kwigirira umumaro. Ibyo byatuma urubyiruko ruzajya rufata ibyemezo bifite ireme no kugira ubumenyi ku gaciro n'ubushobozi rufite. Ubushakashatsi bwemeza ko izi ari imbaraga zishyigikira imibereho myiza n'ubudaheranwa mu byerekezo byinshi by'ubuzima bw'urubyiruko. Nk'uko Morton na Montgomery (2017) babigaragaza, gufasha urubyiruko guhangana n'ibikomere bituruka ku ntambara bijyana na gahunda zongerera urubyiruko ubushobozi bwaherwaho mu kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo bifite ingaruka ku buzima bwarwo n'aho rutuye (Larson et al. 2015). Leta y'u Rwanda isobanukiwe neza iri hame, kandi ibikorwa ihuriraho n'abafatanyabikorwa bayo, imiryango itari iya Leta n'indi miryango mu gusohoza izi ntego biri muri uwo murongo.

# UMUTWE WA GATATU:
# UKO UBUSHAKASHATSI BWAKOZWE

## INTANGIRIRO

Ubu bushakashatsi bwasuzumye ibibazo byihariye mu byiciro bitandatu by'urubyiruko rwibasiwe bikabije, guhera mu mwaka wa 1994 kugeza mu 2021. Ibyo byiciro biboneka mu matsinda y'urubyiruko asanzwe ariho, akora, kandi azwi: AERG, Mizero Care Organisation, Kanembwe Settlement, SEVOTA, Hope and Peace Foundation na Rwanda We Want. Aya matsinda yita kuri kimwe cyangwa byinshi mu byiciro byihariye by'urubyiruko kuva nyuma ya Jenoside. Imbuga zinyuranye n'ibikorwa by'urubyiruko, amatsinda y'ubumwe n'ubwiyunge, amatsinda ashingiye ku rubyiruko, n'ibindi bikorwa bya Leta n'iby'inzego z'abikorera, bigize isoko y'amakuru y'inyongera ubu bushakashatsi bwifashishije. Isoko y'amakuru ivuzwe haruguru yabaye ishingiro rikomeye ry'ibyavuye muri ubu bushakashatsi nk'uko byagaragajwe.

### Intego n'ibibazo by'ubushakashatsi

### Ubushakashatsi bwari bufite intego nkuru ebyeri:

1. Gusobanura impamvu z'ukwisubira kw'ibikomere byatewe n'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko rwibasiwe bikabije;

2. Gusuzuma imbogamizi ziriho mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside n'amahirwe yo kuzikemura mu buryo bushyigikira imbaraga z'ukwiyizera no gutanga umusanzu wo kubaka igihugu.

Hagendewe kuri izi ntego nkuru, ubu bushakashatsi bwagaragaje bunasesengura ibibazo byihariye mu byiciro bitandatu by'urubyiruko n'ibisubizo byo kubikemura nyuma ya Jenoside.

**Intego ya mbere nkuru yasesenguwemo intego zihariye zikurikira:**

- Gucukumbura ibitiza umurindi ibikomere by'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko nyuma y'imyaka 27 mu gihe hari byinshi byakozwe;
- Kugaragaza icyiciro cy'urubyiruko kibasiwe bikabije kurusha ibindi;
- Kugaragaza ibihe byihariye bibyutsa ibikomere by'amateka ya Jenoside;
- Gushakisha ibimenyetso bigaragaza ibikomere by'amateka ya Jenoside;
- Kugaragaza itandukaniro ry'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside mu byiciro by'urubyiruko;
- Kugaragaza ingamba z'ingenzi zakwifashishwa mu guhangana n'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko;
- Kugaragaza abafatanyabikorwa b'ingenzi bagira uruhare mu bikorwa byo gufasha urubyiruko.

**Intego nkuru ya kabiri yasesenguwemo intego zihariye zikurikira:**

- Gupima ikigero cy'ubwiyunge mu rubyiruko nyuma ya Jenoside;
- Gupima ikigero cy'amacakubiri mu rubyiruko nyuma ya Jenoside;
- Kugaragaza ibintu cyangwa ibihe bibyutsa ibisigisigi bya politiki zishingiye ku macakubiri n'intekerezo z'ivangura;
- Kugaragaza inyungu z'ingenzi urubyiruko rwakuye muri "Ndi Umunyarwanda" nyuma ya Jenoside;
- Kwerekana ibyerekezo bikuru urubyiruko rwatangamo umusanzu uruseho nyuma ya Jenoside ku Rwanda rwuje ubumwe;
- Gutanga ibitekerezo ku ndoto urubyiruko rufite ku bijyanye n'ahazaza h'u Rwanda.

Hashingiwe kuri izo ntego, ubu bushakashatsi bwasubije ibibazo bikurikira:

- Ni ibiki bituma ibikomere byatewe n'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko nyarwanda bihora byisubira nyuma ya Jenoside?
- Ni izihe nzitizi zishobora kubangamira urubyiruko mu kwiyumvamo umumaro n'agaciro mu kubaka igihugu?
- Hari ayahe mahirwe yakongera imbaraga mu rubyiruko, zo kwiyumvamo umumaro n'agaciro mu kubaka igihugu?
- Ni ibihe bisubizo urubyiruko nyarwanda rufite byararufasha gukira ibikomere by'inkurikizi za Jenoside?

### Ishusho mbonera y'ubushakashatsi

Abantu bihariye ubu bushakashatsi bwasuzumye ni urubyiruko rwatoranyijwe mu byiciro bitandatu bisanzwe biriho nk'uko byagarutsweho mu bika byabanje. Umuryango Unity Club Intwararumuri n'abayobozi b'amatsinda urwo rubyiruko ruherereyemo bahaye ubu bushakashatsi amakuru ku bijyanye n'ayo matsinda, imibare y'urubyiruko ruyagize, ndetse n'aho ruherereye mu gihugu. Ni na ho ubushakashatsi buhera busuzuma ibyo byiciro by'urubyiruko bizwi, biherereye ahantu hazwi. Ibyo bimaze kugaragara, inyigo y'icyitegererezo, "Case Study," ni yo ikwiye ubu bushakashatsi.

### Uburyo bwo gukusanya amakuru

Ubu bushakashatsi bwakoresheje uburyo bukusanya amakuru ashingiye ku mibare (bipimo) n'ubukusanya amakuru ashingiye ku buhamya, binyuze mu biganiro byubakiye ku ntego n'ibibazo byayoboye urugendo rw'ubu bushakashatsi. Ubu buryo bwombi bwakoreshejwe mu kugaragaza imiterere y'amakuru ku byiciro bitandatu byihariye by'urubyiruko ubushakashatsi bwashingiyeho. Mu gukusanya amakuru, abatangamakuru basubije ibibazo bahitamo mu bisubizo bahawe, ibindi bibazo babitangaho ibisubizo bigufi ariko bisanzuye. Ibiganiro nkusanyamakuru byakozwe hagati y'umushakashatsi n'umutangamakuru umwe umwe, ibindi bihuza umushakashatsi n'amatsinda mato hagendewe kubibazo byateguwe.

### Uburyo bukusanya amakuru ashingiye ku mibare

Ubu bushakashatsi bwakusanyije amakuru ashingiye ku bisubizo by'ibibazo byabajijwe abatangamakuru, bunayahinduramo ibipimo hifashishijwe imibare y'abasubije. Urutonde rw'ibibazo rutanga amahirwe yo guhitamo igisubizo gikwiye rwarateguwe, rushyikirizwa abatangamakuru, barabisubiza.

### Uburyo bukusanya amakuru ashingiye ku buhamya

Kugira ngo amakuru ashingiye ku mibare yumvikane neza, ubu bushakashatsi bwakusanyije ubuhamya bunyuranye mu batangamakuru, umwe umwe cyangwa mu matsinda mato. Ibitekerezo, imyumvire n'ibyifuzo ku nsanganyamatsiko zateganyijwe byasesenguwemo ibitekerezo by'ingenzi. Ibyo bitekerezo byarasuzumwe bibyazwa ibisobanuro by'inyongera ku makuru ashingiye ku mibare.

### Abantu bakoreweho ubushakashatsi

Ubu bushakashatsi bwakorewe ku rubyiruko rukubiye mu byiciro bitandatu bigaragara ko inkurikizi za Jenoside zarwibasiye bikabije, bikaba biboneka mu matsinda y'urubyiruko asanzwe azwi. Imibare n'imiterere y'ibyo byiciro birahindagurika ku buryo imibare fatizo ikoreshwa muri ubu bushakashatsi ijyanye n'igihe bwakorewe.

Birashoboka rwose ko habaye impinduka mu mibare nyuma y'uko ubu bushakashatsi bumaze kubarura. Kuba mu itsinda Rwanda We Want haratoranyijwe urubyiruko mu bitabira ibiganiro kuri "Ndi Umunyarwanda" gusa, ni urugero rwiza rwatuma iyi ngingo yumvikana neza. Ni mu gihe kandi muri

AERG, abatoranyijwe ari abanyeshuri biga mu mashuri makuru na Kaminuza mu Rwanda, hagendewe ku byiciro by'imibereho barimo. Amashuri makuru na Kaminuza bigamo arimo UNILAK-Rwamagana (104), UR-Huye (160), UR- CST (230), UR-CMHS (30), AUCA (275), ULK-Kigali (593), ULK-Gisenyi (70), INES -Ruhengeri (674), UTB- Gisenyi (86) na ICK (145). Igiteranyo rusange cy'urubyiruko rwatoranyirijwe rwakoreweho ubu bushakashatsi kiragaragara mu mbonerahamwe ya 1.

**Imbonerahamwe ya 1: Amatsinda y'urubyiruko n'imibare yabo**

| No | Izina ry'Umuryango | Icyiciro cy'urubyiruko | Umubare w'abatan-gamakuru |
|---|---|---|---|
| 1 | AERG | Urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi | 2367 |
| 2 | Mizero Care Organization | Urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi | 205 |
| 3 | Kanembwe Settlement | Urubyiruko rutashoboye kumenya umuryango rukomokamo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi | 22 |
| 4 | SEVOTA | Urubyiruko rwavutse ku ababyeyi bafashwe ku ngufu mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi | 1,984 |
| 5 | Peace and Hope Foundation | Urubyiruko rwavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' | 235 |
| 6 | Rwanda We Want | Urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi | 581 |
| **Igiteranyo mbumbe** | | | **5394** |

*Amakuru yatanzwe n'abahuzabikorwa b'ibyiciro by'urubyiruko.*

## UBURYO UMUBARE W'ABAKOREWEHO UBUSHAKASHATSI WABAZWE

Umubare w'abatangamakuru (618) wabazwe hagendewe ku giteranyo mbumbe cy'urubyiruko (5394) rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside (Reba Imbonerahamwe ya 1). Mu byiciro by'urubyiruko, imibare y'urubyiruko yararutanaga. Ku bw'ibyo, hagenwe umubare uhagararira buri cyiciro haringanizwa n'uburemere gifite mu giteranyo rusange cy'urubyiruko mu byiciro byose. Mu kugena umubare w'abakoreweho ubushakashatsi urubyiruko muri buri cyiciro, hakoreshejwe uburyo bwa gihanga bukurikira (Eq. 1) nk'uko bwashyizwe ahagaragara na Slovin (1960):

$$n = \frac{N}{1 + Ne^2}$$

Muri ubu buryo bwa gihanga, inyuguti n isobanuye umubare w'abatanga amakuru bahagararira abandi. N: ihagarariye igiteranyo rusange cya buri tsinda ry'urubyiruko nk'uko Imbonerahamwe ya 1 ibigaragaza. e: ihagarariye ikigereranyo cyo hasi cy'ibyo ubushakashatsi bwakwibeshyaho mu gihe habarwa umubare n. Umuhanga Creswell (2014) yateganyije ko umubare n ugomba kuba hagati ya 1% na 10%. Biba bisobanuye ko ireme ry'umubare n ryakwizerwa ku kigereranyo kiri hagati ya 90% na 99%. Mu gusimbura imibare N na e muri Eq.1, imibare ihagararira buri cyiciro igenwa ku buryo bukurikira:

$$n_1 = \frac{205}{1 + 205 * (0.08)^2} = 89$$

$$n_2 = \frac{581}{1 + 581 * (0.08)^2} = 124 n_3 = \frac{22}{1 + 22 * (0.08)^2} = 19$$

$$n_4 = \frac{1{,}984}{1 + 1{,}984 * (0.08)^2} = 145 n_5 = \frac{235}{1 + 235 * (0.08)^2} = 94$$

$$n_6 = \frac{2367}{1 + 2367 * (0.08)^2} = 147$$

Imbonerahamwe ya 2 ikurikira ikubiyemo incamake z'imibare y'abatangamakuru batoranyijwe muri buri cyiciro n'ijanisha buri cyiciro gihagarariye mu giteranyo mbumbe cy'urubyiruko rwakoreweho ubushakashatsi.

**Imbonerahamwe ya 2: Uko ibyiciro bitandatu bihagarariwe mu rubyiruko rwakoreweho ubushakashatsi**

| Ibyiciro by'urubyiruko | Abahagarariye abandi | Ijanisha |
|---|---|---|
| Urubyiruko rwarokotse Jenoside | 147 | 23.78 |
| Urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside | 89 | 14.4 |
| Urubyiruko rutashoboye kumenya umuryango ru-komokamo | 19 | 3.07 |
| Urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu mu bihe bya Jenoside | 145 | 23.46 |
| Urubyiruko rwavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ub-woko' | 94 | 15.21 |
| Urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi | 124 | 20.06 |
| **IGITERANYO** | **618** | **100** |

Ibyiciro by'urubyiruko rwarokotse Jenoside (23.78%), urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside (23.46%) n'urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside (20.06%) ni bo benshi. Urubyiruko rutashoboye kumenya umuryango rukomokamo (3.07%) ni bo bake. Icyiciro cy'urubyiruko rwavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' (15.21%) n'icy'urukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside (14.4%) bari hagati; ibi bikaba bifite icyo bisobanura.

## IMIBARE Y'ABATANGAMAKURU ISHINGIYE K'UBUHAMYA

Abayobozi 6 b'amatsinda y'urubyiruko uko ari atandatu, abayobozi 15 bashinzwe urubyiruko n'umuco ku rwego rw'Akarere gaherereyemo ayo matsinda, n'abayobozi 15 bashinzwe urubyiruko n'umuco ku rwego rwa Minisiteri za ngombwa baratoranyijwe. Aba bose bagize igiteranyo rusange cy'abatangamakuru 36 bitabiriye umwe umwe ibiganiro n'abashakashatsi.

Imbonerahamwe ya 3: Abafatanyabikorwa b'ingenzi bitabiriye ibiganiro nkusanyamakuru

| Urwego / Ikigo | Abatanze amakuru | Umubare |
|---|---|---|
| Urwego rw'Akarere | | |
| Gasabo, Kicukiro, Nyarugenge, Nyamagabe, Muhanga, Ka monyi, Kirehe, Rwamagana, Bugesera, Rulindo, Musanze, Gicumbi, Rubavu, Karongi na Ngororero | Abahuzabikorwa | 15 |
| Urwego rw'Igihugu | | |
| Minisiteri y'Urubyiruko | Umuhuzabikorwa w'urubyiruko | 1 |
| Minisiteri ya Siporo | Ushinzwe urubyiruko | 1 |
| Minisiteri y'Uburezi | Ushinzwe urubyiruko | 1 |
| Minisiteri y'Umurimo | Ushinzwe urubyiruko | 1 |
| Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu | Ushinzwe urubyiruko | 1 |
| FARG | Umuyobozi Mukuru | 1 |
| CNLG | Umushakashatsi Mukuru | 1 |
| WDA | Umuyobozi Mukuru | 1 |
| Never Again Rwanda | Inzobere mu by'uruby-iruko | 1 |
| Inama y'Igihugu y'Urubyiruko | Umunyamabanga Nsh-ingwabikorwa | 1 |
| Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu | Umuyobozi Mukuru | 1 |
| Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge | Ushinzwe urubyiruko | 1 |
| Urwego rw'Igihugu rwo gusubiza ingabo mu buzima busanzwe | Umuyobozi Mukuru | 1 |
| Ibuka | Perezida | 1 |
| IRIBA Centre | Umuyobozi | 1 |
| Igiteranyo | | 15 |
| Ibyiciro byihariye by'urubyiruko | | |
| AERG | Umuhuzabikorwa ku rwego rw'Igihugu | 1 |
| Mizero Care Organization | Umuyobozi | 1 |
| SEVOTA | Uwawushinze & Umuhuzabikorwa | 1 |
| Hope and Peace Foundation | Umuyobozi Nshingwa-bikorwa | 1 |
| Rwanda We Want | Umuyobozi | 1 |
| Kanembwe | Umuyobozi w'itsinda | 1 |
| Igiteranyo | | 6 |
| **IGITERANYO RUSANGE** | | **36** |

## IKUSANYAMAKURU, IMICUNGIRE N'ISESENGURA RY'AMAKURU

### IBYAKORESHEJWE MU IKUSANYAMAKURU

Muri iyi nyigo, abashakashatsi bakusanyije amakuru ku bitekerezo binyuranye, hakoreshejwe ibibazo bisa kuri buri wese, kandi bitanga amahirwe yo guhitamo igisubizo gikwiye. Ibi bibazo, hamwe n'ibindi bisaba ibisubizo bigufi, byafashije abashakashatsi kwegeranya amakuru, ari na yo basesenguye (Prabhat & Meenu M 2015 p. 23).

Mbere yo gukusanya amakuru, abatoranyijwe bahuguwe ku ngingo zinyuranye zirimo uburyo bwo kubaza ibibazo, amahame ngengamyitwarire mu bushakashatsi n'ikusanyamakuru rikoresha ikoranabuhanga. Amakuru akusanyijwe mu buryo butaziguye agerwaho ahanini binyuze mu bibazo byasobanuwe haruguru (Prabhat & Meenu M 2015 p.25). Muri ubu bushakashatsi, aya makuru yakusanyijwe binyuze mu kubaza ibibazo imbona nkubone, kandi hifashishwa ikoranabuhanga, aho abatangamakuru bose batanze ibitekerezo byabo ku bibazo byari byashyizwe mu byiciro bibiri by'ingenzi: icyiciro cya mbere cyari kigizwe n'ibibazo birebana n'umwirondoro w'abatangamakuru, na ho icyiciro cya kabiri cyari kigizwe n'ibibazo bikusanya amakuru ku ngingo zijyanye n'imibereho yihariye mu rubyiruko rwibasiwe bikabije nyuma ya Jenoside.

### IBIBAZO BISABA GUHITAMO IGISUBIZO

Ibibazo byo muri iki cyiciro biteguye ku buryo byahaga abatangamakuru amahirwe yo guhitamo igisubizo bumva gikwiye ku rutonde rw'ibyo bahawe. Bwa mbere, ibi bibazo byafashije abashakashatsi kumenya mu buryo nyabwo imiterere y'imibereho yihariye ibangamiye urubyiruko rwibasiwe n'inkurikizi za Jenoside. Ikindi kandi, amakuru yavuye muri ibi bibazo azafasha Unity Club Intwararumuri mu gufata ibyemezo bijyanye n'uburyo yafasha uru rubyiruko rwibasiwe bikabije.

### IBIBAZO BISABA IBISUBIZO BIGUFI

Mu rwego rwo gucukumbura bihagije no gukurikirana amakuru agenda asigara inyuma ku ngingo za ngombwa ndetse no ku bisubizo by'abatangamakuru, ubu bushakashatsi bwakoresheje ibibazo bisaba ibisubizo bigufi. Ni ibibazo byabaga bitateganyijwe, ahubwo byagiye bisemburwa n'ingingo byagaragaraga ko zikeneye amakuru y'inyongera uko igikorwa cy'ikusanyamakuru kijya mbere. Mu kubaza ibi bibazo, abashakashatsi basobanukiwe kurushaho uko urubyiruko rwibasiwe bikabije rubayeho mu bibazo byihariye by'imibereho bishamikiye ku nkurikizi za Jenoside. Byorohereje abashakashatsi gukusanya ibitekerezo kuri ibyo bibazo. Mu by'ukuri, binyuze muri ubwo buryo, abatangamakuru benshi biyumvisemo imbaraga zo gutanga ibitekerezo mu bwisanzure. Ibi byabaye inyongera nziza ku makuru yari yakusanyijwe mbere.

### IBIGANIRO MU MATSINDA MATO

Ubu bushakashatsi bukorwa, abashakashatsi bari bazi neza ko ibibazo urubyiruko ruhura na byo nyuma ya Jenoside ari ibijyanye n'imibereho kurusha kuba iby'ihungabana. Ku bw'ibyo, ibiganiro mu matsinda mato byafashije abashakashatsi gusobanukirwa imyifatire bwite n'imyemerere yihariye mu rubyiruko, bivamo amakuru y'ingirakamaro. Ibi biganiro byabaye urubuga rwiza rwo kuganiriramo no kujya impaka mu bwisanzure busesuye ku bibazo by'imibereho mu batangamakuru (Tobias O.Nyumba 2018 p 3).

Ibiganiro mu matsinda mato byafashije abashakashatsi kugaragaza no kunoza ingingo zakunze kugaruka kenshi mu gihe cy'ibiganiro by'imbona nkubone hagati y'umushakashatsi n'umutangamakuru umwe umwe. Ibiganiro mu matsinda byabaye na none urubuga rwo gukosora

inenge zagaragaye no kongeramo ibyari byibagiranye muri ibyo biganiro byimbitse byahuje umushakashatsi n'umutangabuhamya umwe umwe; ibyo byongera icyizere cyagirirwa ibyavuye muri ubu bushakashatsi. Amakuru akosoye, anoze, kimwe n'ibitekerezo by'ingenzi byavuye muri iki cyiciro cy'ikusanyamakuru bigaragara mu bice binyuranye by'iyi raporo y'ubushakashatsi.

### AMAKURU ASHINGIYE KU BYATANGAJWE

Nyuma yo gusuzuma amakuru ashingiye ku mibare, hakozwe ibiganiro nkusanyamakuru nk'uburyo bwo guhuriza hamwe ibitekerezo ku bijyanye n'ibibazo byihariye mu rubyiruko. Mu guhuza ibyo bitekerezo no gukosora inenge zagaragaye mu makuru mbere, hakozwe na none ibiganiro mu matsinda. Ubusanzwe, ikusanyamakuru rishingiye ku bushakashatsi bwatangajwe ryifashisha ibitabo na raporo (Ibid p.25). Kubera iyo mpamvu, iri kusanyamakuru ryakozwe binyuze mu gusoma ibitabo by'ingenzi na raporo zivuga ku rubyiruko nyarwanda nyuma ya Jenoside. Amakuru yavuyemo yongereye ubumenyi bw'abashakashatsi ku bijyanye n'ibibazo by'imibereho byihariye mu rubyiruko. Aho bishoboka, ibikorwa byakemura ibi bibazo na byo byarasuzumwe. Raporo z'ubushakashatsi zashingiweho aya makuru zavuye ahanini muri Unity Club Intwararumuri, muri Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC), Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu (NIC), Ihuriro ry'urubyiruko Youth Connekt, no muri politiki za Leta zinyuranye. Ibitabo na raporo byafashije abashakashatsi kugira ubumenyi bwiyongera ku bwo bari bakuye mu batangamakuru b'ikubitiro.

### IGIKORWA CY'IKUSANYAMAKURU

Urubyiruko rwo mu byiciro bitandatu byakozweho ubushakashatsi rwibumbiye mu itsinda rifite ubuyobozi, rigiye riherera aha hakurikira: Kigali, Kamonyi, Kayonza, Rubavu na Nyanza. Unity Club Intwararumuri yahaye abashakashatsi imyirondoro y'abayobozi b'ayo matsinda n'aho babarizwa.

Aho byabaye ngombwa, umuyobozi w'itsinda ry'urubyiruko yayoboye abashakashatsi aho abanyamuryango babo bahereye. Abatangamakuru bagiranye ibiganiro nkusanyamakuru n'abashakashatsi batoranyijwe hashingiye ku Turere ayo matsinda y'urubyiruko aherereyemo.

Hagendewe ku burambe mu bijyanye n'imirimo yo gukusanya amakuru no ku bumenyi ku bibazo urubyiruko ruhura na byo, itsinda ry'abashakashatsi bari mu gikorwa cy'ikusanyamakuru ryari rigizwe n'umushakashatsi, umuhuzabikorwa w'igikorwa nyirizina, inzobere mu ikoranabuhanga, n'abakusanyamakuru ubwabo. Iri tsinda ryafashe umunsi wo guhugurwa; abarigize bayobowe mu umwitozo wo kwimenyereza gukora ibiganiro nkusanyamakuru, babiri babiri hagati yabo. Nyuma y'uyu mwitozo, habayeho kuganira ku mbogamizi babonye mu bibazo byateguriwe igikorwa cyo gukusanya amakuru, ndetse no ku mitegurire y'igikorwa ubwayo. Amahugurwa yakozwe ku ngingo zikurikira: imigendekere y'igikorwa cy'ikusanyamakuru, amahame ngengamyitwarire mu bushakashatsi, uburyo ibiganiro nkusanyamakuru biyoborwa n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gikorwa cy'ikusanyamakuru. Ibi byose byabereyeho kugira ngo imigendekere myiza y'igikorwa cy'ikusanyamakuru yubahirizwe. Nyuma, abashakashatsi n'abakusanyamakuru boherejwe aho abatangamakuru bahereye.

### IMICUNGIRE N'ISESENGURA RY'AMAKURU

Muri ubu bushakashatsi, imirimo yo kwegeranyiriza amakuru yakusanyijwe mu muyoboro w'ikoranabuhanga (seriveri), n'iyo kuyasesengura yayobowe ahanini n'impuguke mu ikoranabuhanga ry'ikusanyamakuru. Amakuru yatunganyijwe hifashishijwe ikoranabuhanga rizwi nka ODK Survey Software. Amakuru ashingiye ku mibare yagendaga buhoro buhoro akusanyirizwa mu muyoboro w'ikoranabuhanga wari washyiriweho iki gikorwa gusa. Aho igikorwa cy'ikusanyamakuru kirangiriye, aya makuru yashyizwe mu bundi buryo bw'ikoranabuhanga rizwi nka STATA v16 kugira ngo asesengurwe. Imibare ikomotse muri iri koranabuhanga yarakoreshejwe igaragaza ibipimo by'uko ibitekerezo bisaranganyijwe, ndetse hanagaragazwa impinduka zigenda ziba mu bipimo hakurikijwe ibyiciro by'urubyiruko, igitsina, ndetse n'aho urubyiruko rwatanze amakuru ruherereye.

Kugira ngo intego nyamukuru z'ubu bushakashatsi zigerweho, amakuru ashingiye ku mibare

yunganiwe n'amakuru ashingiye ku buhamya. Ibitekerezo by'ingenzi byagaragaye mu buhamya n'ingingo zigaruka kenshi byakorewe incamake. Ubuhamya bwatanzwe imbona nkubone n'inkuru za ngombwa byifashishijwe mu kugaragaza inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi ku rubyiruko. Ibiganiro nkusanyamakuru n'abatangamakuru b'ingenzi byafashije abashakashatsi kumenya ibi bikurikira: uburyo urubyiruko rukomeza kwiyubaka no kugira uruhare mu kubaka igihugu rwifuza; icyo urubyiruko rukora; n'uburyo rubikora kugira ngo rudaheranwa n'ibikomere byatewe n'inkurikizi za Jenoside, bityo rwiyubakemo ubushobozi butuma rubaho neza. Mu gihe cy'ikusanyamakuru ashingiye ku buhamya, ibiganiro byafashwe mu buryo bw'amajwi, nyuma bishyirwa mu nyandiko.

Hagendewe ku mujyo w'ibibazo n'ibitekerezo byagaragajwe mu makuru yakusanyijwe, ingingo z'ingenzi zaragaragajwe, zikoreshwa nk'ibice by'ingenzi byo muri iyi raporo.

Ikoranabuhanga rizwi nka MAXQDA Software ryarakoreshejwe mu gusesengura amakuru ashingiye ku buhamya.

## AMAHAME NGENGAMYITWARIRE Y'UBUSHAKASHATSI

### Ubushake busesuye

Mbere yo gukusanya amakuru, hakoreshejwe ibibazo byateguwe cyangwa ibiganiro, abashakashatsi basabye urubyiruko gutanga amakuru ku bushake. Ubwo busabe bwabanzirijwe no gusobanura bihagije impamvu y'ubushakashatsi n'inyungu babufitemo. Iyo umutangamakuru yabaga asobanukiwe neza kandi akemera iyo mpamvu, yahabwaga ifishi agashyiraho umukono, akemeza atyo ko agiye gutanga amakuru ku bushake bwe, ikiganiro nkusanyamakuru kigahita gitangira ku mugaragaro.

### Kubika ibanga

Abashakashatsi bakoze ibishoboka byose kugira ngo amakuru bakusanyije agirwe ibanga. Amakuru ku myirondoro, nk'amazina, itariki y'amavuko, imyaka y'ubukure, igitsina, aho umutangamakuru atuye, amakuru ku muryango we cyangwa ku bamurera, amakuru ku burwayi n'ibindi, byagizwe ibanga.

### Kutagaragaza muri raporo imyirondoro y'abatangamakuru

Ubu bushakashatsi bufite imiterere yihariye kuko bukora ku marangamutima y'abantu bakomerekejwe n'inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi. Kubera iyo mpamvu, umushakashatsi yakoraga uko ashoboye ngo yemeze umutangabuhamya ko umwirondoro we uzagirwa ibanga hagati ye n'umushakashatsi usanzwe. Abatangamakuru basezeranyijwe ko amazina yabo atazagaragazwa muri raporo y'ubu bushakashatsi.

## IMBOGAMIZI MU IKUSANYAMAKURU

Ubu bushakashatsi bwakozwe ku birebana n'inkurikizi z'icyaha ndengakamere ku kiremwa muntu, ari cyo Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Iyi yabaye impamvu ituma ubushakashatsi bugaragara nk'ubugoranye. Mu gihe cy'ikusanyamakuru rishingiye ku buhamya, benshi mu batangamakuru, byarangiraga akenshi bakomeretse mu marangamutima yabo kugeza ubwo abashakashatsi bagombaga guhagarika ikiganiro bakabahumuriza. Byongeye kandi, abashakashatsi bakoze ingendo za kure cyane bajya aho bamwe mu batangamakuru batuye.

UMUTWE WA KANE:
# KUGARAGAZA NO GUSESENGURA IBYAVUYE MU IKUSANYAMAKURU

## Intangiriro

Uyu mutwe wa kane w'iyi raporo uragaragaza amakuru yakusanyijwe unayakorere isesengura. Igice cya mbere kiragaragaza imiterere y'ibiranga abatanze amakuru; igice cya kabiri, kiragaragaza incamake y'imibare n'ibitekerezo by'ingenzi byavuye muri ayo makuru ku ngingo zishamikiye ku ntego nyamukuru ebyiri z'ubushakashatsi zikurikira:

- Gusobanura impamvu z'ukwisubira kw'ibikomere byatewe n'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko rwibasiwe bikabije;
- Gusuzuma imbogamizi ziriho mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside n'amahirwe yo kuzikemura mu buryo bushyigikira imbaraga z'ukwiyizera no gutanga umusanzu wo kubaka igihugu.

## IMITERERE Y'IBIRANGA ABATANGAMAKURU

Ubushakashatsi bwitaye ku miterere y'abatangamakuru ku bijyanye n'ibi bikurikira: igitsina, aho batuye (icyaro cyangwa umujyi), imyaka y'ubukure, akazi bakora, amashuri bize, umuryango w'urubyiruko rubarizwamo, icyiciro cy'urubyiruko, irangamimerere, uruhare ku mutungo w'umuryango, n'urugero bishimiraho ubutabera bahabwa.

### Imiterere ishingiye ku gitsina

Nk'uko Imbonerahamwe ya 4 ibigaragaza, abagize urubyiruko 612 muri 618 bibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside, ni bo batanze amakuru ku bijyanye n'igitsina.

**Imbonerahamwe ya 4: Imibare y'abatanze amakuru ishingiye ku igitsina**

| Icyiciro cy'urubyiruko | Igitsina gabo | | Igitsina gore | |
|---|---|---|---|---|
| | Igiteranyo | Ijanisha | Igiteranyo | Ijanisha |
| Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 | 59 | 40.1 | 88 | 59.9 |
| Abakomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside | 48 | 53.9 | 41 | 46.1 |
| Abataramenye umuryango bakomokamo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi | 8 | 44.4 | 10 | 55.6 |
| Abavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside | 74 | 51.0 | 71 | 49.0 |
| Abavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' | 47 | 50.0 | 47 | 50.0 |
| Abavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi | 58 | 48.7 | 61 | 51.3 |
| **Igiteranyo** | **294** | **48.0** | **318** | **52.0** |

Ugereranyije n'igiteranyo rusange cy'abatanze amakuru, ab'igitsina gore (52.0%) bariganje kurusha ab'igitsina gabo (48%). Biragaragara kandi ko abatanze amakuru 'barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994' b'igitsina gore (59.9%) ari bo bagize umubare munini ugereranyije n'ab'igitsina gabo (40.1%); bikaba bihura n'uko umubare w'abagore barokotse Jenoside ari bo benshi ugereranyije n'abagabo.

## Imiterere ishingiye aho batuye

Abagize urubyiruko 618 bakozweho ubushakashatsi bari hagati y'imyaka 16 na 30. Ariko si ko bose batanze amakuru ku bibazo by'ibibaranga. Bane (4) muri abo ntibatanze ayo makuru ku bijyanye n'aho batuye.

**Imbonerahamwe ya 5: Imibare y'abatangamakuru muri buri cyiciro ukurikije aho batuye**

| Ibyiciro by'urubyiruko | Umujyi | | Icyaro | |
|---|---|---|---|---|
| | Igiteranyo | Ijanisha | Igiteranyo | Ijanisha |
| Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 | 70 | 47.6 | 77 | 52.4 |
| Abakomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside | 52 | 58.4 | 37 | 41.6 |
| Abataramenye umuryango bakomokamo nyuma ya Jenoside | 4 | 21.1 | 15 | 78.9 |
| Abavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside | 54 | 37.2 | 91 | 62.8 |
| Abavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' | 60 | 63.8 | 34 | 36.2 |
| Abavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi | 53 | 44.2 | 67 | 55.8 |
| **Igiteranyo** | **293** | **47.7** | **321** | **52.3** |

Imbonerahamwe ya 5 iragaragaza ko abenshi mu batanze amakuru batuye mu cyaro (52.3%). Harebwe umwihariko wa buri cyiciro, 'abataramenye umuryango bakomokamo nyuma ya Jenoside' (78.9%), 'abavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu mu gihe cya Jenoside' (62.8%), n'abavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994' (55.8%) batuye mu cyaro.

Muri rusange, uburyo bw'imibereho iciriritse mu bice by'icyaro igira ingaruka zikomeye kuri benshi mu rubyiruko. Ariko iyo bigeze ku rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside, biba bibi kurushaho.

Imibereho igoye yo mu cyaro ikunze kuba inzitizi ku mahirwe mu rubyiruko yo kwitabira ishuri cyangwa se kurirangiza. Muri rusange, urubyiruko rw'abakobwa bo mu cyaro, babona gushaka umugabo ariyo mahitamo yonyine bafite, cyane cyane abibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside.

Ni byo ko urubyiruko rutuye mu mujyi rufite amahirwe menshi yo kubona akazi kurusha urutuye mu cyaro. Nyamara urebye imibereho y'abatuye mu miuyi, gutura mu cyaro bishobora kubera urubyiruko amahirwe yo kuba rwakwitabwaho kurushaho. Icyaba gikenewe ni ukongerera imiryango ubushobozi bwayifasha kumenya uruhare rwabo mu kwita ku rubyiruko.

Umwe mu rubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabivuze atya: "N'ubwo bamwe muri twe baba mu cyaro bakennye, bamwe mu baturage n'abanyamadini bakunze kudufasha, bakaduha nibura ifunguro n'icumbi nta kiguzi badusabye." Ni mu gihe umutangamakuru utuye mu mujyi wa Kigali wo muri icyo cyiciro abivuga atya: "Abaturage bo mu mijyi ni ba nyamwigendaho. Nta n'umwe uhangayikishijwe n'imibereho yacu. Hari n'ubwo ntabasha kubona iby'ibanze nkenerwa, nk'ifunguro rihagije, amazi meza n'icumbi. Ubukene butubera inzitizi mu guharanira gutera imbere nk'urundi rubyiruko rw'u Rwanda."

### Imiterere y'abatangamakuru ku bijyanye n'imyaka y'ubukure

Ku bijyanye n'iyi ngingo, abatangamakuru 4 gusa kuri 618 ntibatanze amakuru ku bijyanye n'ibyiciro by'imyaka y'ubukure.

**Imbonerahamwe ya 6: Imibare y'abatangamakuru hakurikijwe ibyiciro by'imyaka y'ubukure**

| Ibyiciro by'imyaka y'ubukure | Imibare y'abatangamakuru | Ijanisha |
|---|---|---|
| **16-20** | 116 | 18.9 |
| **21-24** | 113 | 18.4 |
| **25-27** | 300 | 48.9 |
| **28-30** | 85 | 13.8 |
| **Igiteranyo** | 614 | 100 |
| TOTAL | 614 | 100 |

Abenshi mu batanze amakuru bari mu cyiciro cy'imyaka 25 kugera kuri 27, (48.9%); bivuze ko bari bafite umwaka umwe kugera kuri itatu nyuma ya Jenoside. Muri bo harimo abo ababyeyi bari batwite, abavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu n'abavutse ku babyeyi bakoraga Jenoside. Ibipimo biri hasi mu batangamakuru (13.8%) bari mu cyiciro cy'imyaka 28 kugeza kuri 30, bakaba ari abavutse imyaka ibiri mbere ya Jenoside, n'abavutse mu gihe cya Jenoside.

### Imiterere ishingiye ku mirimo bakora

Ku makuru ajyanye n'iyi ngingo, abatangamakuru 4 kuri 618 ni bo bonyine batayitanzeho amakuru yari akenewe.

**Imbonerahamwe ya 7: Imibare y'abatangamakuru ku bijyanye n'imirimo bakora**

| Umirimo | Igiteranyo cy'abatangamakuru | Ijanisha ry'abatangamakuru |
|---|---|---|
| **Abakozi ba Leta** | 13 | 2.1 |
| **Abakozi b'urwego rw'abikorera** | 20 | 3.3 |
| **Abacuruzi** | 95 | 15.5 |
| **Abahinzi** | 105 | 17.1 |
| **Abanyeshuri** | 253 | 41.2 |
| **Abakora indi mirimo** | 128 | 20.8 |
| **Igiteranyo** | 614 | 100 |

Imbonerahamwe ya 7 igaragaza ko 253 (41.2%) ari abanyeshuri; ni bo biganje mu batanze amakuru. Na ho abatangamakuru 128 (20.8%) bari mu cyiciro cy'abakora 'Indi mirimo' itaramenyekanye mu gihe ubu bushakashatsi bwakorwaga.

## IBYAGARAGAYE HAGENDEWE KU NTEGO Z'UBUSHAKASHATSI

### Intego ya 1: Gusobanura ukwisubira kw'ibikomere byatewe n'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko rwibasiwe bikabije.

Muri iyi ntego, harebwe ibi bikurikira:


- Gucukumbura ibitiza umurindi ibikomere by'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko nyuma y'imyaka 27 mu gihe hari byinshi byakozwe;
- Kugaragaza icyiciro cy'urubyiruko kibasiwe bikabije kurusha ibindi;
- Kugaragaza ibihe byihariye bibyutsa ibikomere by'amateka ya Jenoside;
- Gushakisha ibimenyetso bigaragaza ibikomere by'amateka ya Jenoside;
- Kugaragaza itandukaniro ry'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside mu byiciro by'urubyiruko;
- Kugaragaza ingamba z'ingenzi zakwifashishwa mu guhangana n'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko;
- Kugaragaza abafatanyabikorwa b'ingenzi bagira uruhare mu bikorwa byo gufasha urubyiruko.

### Icukumbura ry'ibitiza umurindi ibikomere by'inkurikizi za Jenoside

Ibika bikurikira biragerageza gucukumbura impamvu zikomeza gutiza umurindi ibikomere by'inkurikizi za Jenoside mu byiciro bitandatu by'urubyiruko rwibasiwe bikabije, nyuma y'imyaka 27 ishize. Muri iki gika hashyizwe umwihariko ku mbogamizi z'ingenzi zikurikira: kutagira ababyeyi / abavandimwe, kutabasha kuriha ishuri, kutagira umutungo bwite, kutagerwaho n'amahirwe y'ibanze, no kumva ko ukwitabwaho na Leta bidahagije. Izo mbogamizi zivugwa gusa ku byiciro by'urubyiruko rwibasiwe bikabije rwakozweho ubu bushakashatsi.

Ishusho ya 1 igaragaza amakuru yerekeranye n'izo mbogamizi zigaragarira mu mwihariko w'ibibazo urubyiruko ruhangaye na byo.

**Ishusho ya 1: Imbogamizi z'ingutu zitera ukwisubira kw'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside**




Nk'uko Ishusho ya 1 ibigaragaza, 'Kutagira ababyeyi cyangwa abavandimwe' ni imbogamizi zirusha izindi ubukana mu gutiza umurindi ibibazo byihariye by'inkurikizi za Jenoside muri ibi byiciro by'urubyiruko. By'umwihariko urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo nyuma ya Jenoside

rwumva uburemere bw'iyi mbogamizi ku kigereranyo cya 99%, na ho kutabasha kuriha ishuri ni ku cya 89%, no kutagira umutungo bwite bigaragara kuri 88% muri icyo cyiciro cy'urubyiruko. Mu rubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, imbogamizi yo kutagira ababyeyi cyanga abavandimwe iri ku gipimo cya 87%, mu gihe igipimo ku mbogamizi yo kutabasha kuriha ishuri iri ku gipimo cya 73% mu cyiciro cy'urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu mu gihe cya Jenoside. Hagendewe kuri ibi bipimo, biragaragara ko icyiciro cy'urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo nyuma ya Jenoside rwazahaye cyane kurisha ibindi muri ibi byiciro uko ari bitandatu.

Ni ngombwa kugaragaza ko kutabasha kwirihira ishuri byagaragajwe nk'imbogamizi, biciye ukubiri na Politiki ya Leta ishyize imbere uburezi kuri bose. Binyuranye n'ibyo benshi bahuriraho kugeza ubu: ubuhamya urubyiruko rwatanze busa n'ubutandukanye na byo. Biragaragara ko ubwo buhamya budahuriweho na benshi, ahubwo ari umwihariko wa bamwe bitewe n'amateka y'umuntu ku giti cye. Nk'ingero, umwe mu rubyiruko rukomo ku babyeyi bahamwe n'ibyaha cya Jenoside yagize, ati: "Uburezi kuri bose mu rubyiruko rw'u Rwanda ni kimwe mu bimenyetso bifatika by'uko urubyiruko rufashwa kubaka ahazaza hafite icyerekezo." Muri uwo mujyo, undi mu rubyiruko rukomoka ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' yabivuze mu buryo bukurikira: "Mu by'ukuri, politiki y'uburezi kuri bose n'amahirwe yo kwiga amashuri makuru na Kaminuza hashingiwe ku bushobozi bwa buri wese, ni intambwe y'ingenzi cyane ku Banyarwanda, ihindura amateka mabi hagamijwe kubaka ahazaza heza." Na none, umwe mu rubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo yabishimangiye agira, ati: "Nta burezi kuri bose, njye ubu ntacyo mba ndi cyo. Ntanze urugero, nize amashuri y'imyuga (TVET) kandi mbasha kubona umurimo untunze. Iyo umuntu yize ashobora kwikemurira ibibazo byinshi; kuko ubuzima nta kindi gisobanuro bwagira, ibikenerwa by'ibanze bitabonetse."

Byagaragaye ko ibyiciro by'urubyiruko bitanu (5) muri bitandatu (6) byemeza ko 'kutabasha kwirihira ishuri 'ari imbogamizi ku kigereranyo kiri hejuru ya 50%. Ni mu gihe ibyiciro bine (4) muri bitandatu (6) na byo byemeza ko 'kutagira umutungo bwite' ari imbogamizi ku kigereranyo kiri hejuru ya 50%. Kutagira umutungo w'ibanze ni byo byagarutsweho na benshi mu biganiro nkusanyamakuru byo mu matsinda mato n'abatangamakuru ku giti cyabo.

### Ibibazo by'amikoro make

Amikoro adahagije ni ikintu gisanzwe. Icyakora kigira uburemere bwihariye ku urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside.

Inzitizi zigaragara mu Ishusho ya 1 ni zo mpamvu z'ingenzi zitera umuhangayiko uhoraho, agahinda kadashira, ubwigunge, ihungabana mu marangamutima, ukwikura mu bandi, kwishinja amakosa utakoze, imbamutima zihindagurika bya hato na hato, kwishisha cyangwa kutita ku bandi, kutihangana no kugira uburakari bukabije, n'ibindi bigaragara mu rubyiruko rwibasiwe bikabije. Inkurikizi nk'izi zituma urubyiruko rwibasiwe bikabije rugira imbogamizi mu mibereho n'iterambere nyuma ya Jenoside, zikabagabanyiriza ubushobozi bwo kwitwara neza no gukemura ibibazo mu buryo bukwiye. Ibindi bibazo bishobora gutera ukwisubira kw'ibikomere birimo ibi bikurikira: Ibiganiro nkusanyamakuru byashimangiye ko iby'ibanze kandi bya ngombwa mu mibereho y'abantu bikiri bike. N'ubwo hari byinshi byakozwe na Leta y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo nk'Umuryango Unity Club Intwararumuri, IBUKA, Imbuto Foundation, Imiryango itari iya Leta yo mu gihugu n'imiryango mpuzamahanga, bagejeje ku rubyiruko rwibasiwe bikabije, abatangamakuru bavuga ko urubyiruko rutarashobora kwihaza mu bikenerwa by'ibanze bya buri munsi. Na none urubyiruko rw'u Rwanda ruracyari hasi ugereranyije n'urwo mu bihugu biteye imbere; ukuri ni uko urubyiruko rufite irari ry'ibintu muri iki gihe. Mu mpamvu nyinshi zirutera iryo rari, hari imbuga nkoranyambaga, ikoranabuhanga, n'inyota yo gushaka kugaragara mu cyiciro cy'imibereho rutarageramo. Ibyo ni intandaro y'ingenzi ikuza irari ry'ibintu mu rubyiruko. Hari izindi nzitizi nyinshi urubyiruko rwibasiwe bikabije rukomeje guhura na zo zagaragajwe mu buhamya bwa rwo. Ubuhamya buri mu bika bikurikira ni ubwatoranyijwe kugira ngo bwerekane izo nzitizi.

Umwe mu rubyiruko rwitabiriye ibiganiro byo mu matsinda mato yagize, ati: "Ubukene butwongerera ibibazo by'imibereho. Imibereho mibi benshi muri twe twabayemo ihora itubuza kubona iby'ibanze nkenerwa, nk'ibyo kurya bihagije, amazi meza n'icumbi ryiza. Ibi bitera guhangayika akenshi bikadusubiza inyuma muri bya bikomere twahuye na byo. Ubukene ni imbogamizi ku ngamba dufata zo kurenga ibikomere by'amateka."

Nk'uko umwe mu rubyiruko rwavutse ku mubyeyi wafashwe ku ngufu muri Jenoside abivuga, "Leta y'u Rwanda, Unity Club Intwararumuri, SEVOTA, n'abandi bafatanyabikorwa bagiye badufasha. Ariko turi benshi cyane ku buryo ibyo bamwe muri twe bakenera batabibona. Nk'urugero, navuye mu ishuri kubera ko ntari nshoboye kwishyura amafaranga y'agahimbazamutsyi ka mwarimu (...). Birangoye kwibagirwa ibibazo ndimo biterwa n'ubukene. Kutabona iby'ibanze nkeneye bituma mpora nihebye."
Umwe mu rubyiruko rukomoka ku mubyeyi wahamwe n'icyaha cya Jenoside na we yagize ati: "Dufite isambu nto, mama ntashobora kweza imyaka ihagije yatunga abo tuva inda imwe." Ibi bivuze ko kuba se adahari bigabanya cyane ubushobozi bw'ubukungu mu muryango.

N'ubwo urubyiruko rugaragaza ko inkunga n'ubufasha bahabwa na Leta bidahagije, mu byiciro byose ku gipimo kuva ku 10% kugeza kuri 60% , hari bamwe mu rubyiruko rwo muri ibi byiciro batanga ubuhamya bakomeje, bishimira ubufasha butangwa na Leta. Ubuhamya bw'umwe mu rubyiruko wavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' yagize ati: "Buri gihe numva nkomeye kandi mfite icyizere iyo mbonye uburyo Leta yumva ibibazo byacu, itagize uwo yirengagiza kubera uwo ari we." Hari undi wo mu rubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi na we wavuze ati: "Unity Club Intwararumuri na Leta ntabwo ari 'ababyeyi' b'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi gusa, ahubwo ni ababyeyi b'urubyiruko rwose rw'u Rwanda. Buri gihe twumva twisanzuye iyo tubabwira nk'uko na bo badutega amatwi." Mu buryo nk'ubwo, umwe mu rubyiruko uvuka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside yagize, ati: "Iyo duhuye n'abayobozi bo muri Leta n'aba Unity Club Intwararumuri, dushyikirana na bo nk'aho twabaye urungano." Abavuga ko batabona ubufasha bwa Leta byaba biterwa n'ibikomere bwite bagize kuko banyuranya n'abandi. Ikibazo ahubwo cyaba: 'Birashoboka se ko inkunga itangwa itagera ku bagenerwabikorwa?' 'Byaba se biterwa n'uko abagenerwabikorwa bifuza byinshi by'umurengera? Cyangwa se haba hari ibikenewe nyakuri bititaweho? Urugero rukaba rwaba agahimbazamutsyi ka mwarimu?' Ibi bibazo byose byakenera gukomeza gusesengurwa no gusuzumwa biruseho.

Ibindi bibazo bivugwa ku mikoro anyuranye hagati y'imijyi n'icyaro. Umwe mu rubyiruko warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi yabigaragaje agira ati: "N'ubwo bamwe muri twe mu cyaro bakennye, bamwe mu baturage n'abanyamadini begera ababikeneye bakabafasha, bakaduha ifunguro n'icumbi nta kiguzi. Ariko abaturage bo mu mijyi ni ba nyamwigendaho. Imibereho y'ubukene mu mijyi ntituma tubona iby'ibanze dukeneye nk'ibyo kurya bihagije, amazi meza, n'icumbi rikwiye. Mu buryo budashidikanywaho, ibi bitera guhangayika."

Mu bigaragara, n'ubwo hari ubufasha bwo mu rwego rw'imibereho myiza burimo n'ibikoresho by'ibanze ku rubyiruko rwibasiwe bikabije rwo mu byiciro byose uko ari bitandatu, benshi bemeza ko hakiri byinshi by'ibanze bigikenewe.

Nyuma y'ibivuzwe haruguru, kugira ubutunzi bw'ibanze nk'ifunguro rihagije, imyambaro ikwiye n'icumbi riboneye, ni byo bya ngombwa mu kugera ku mibereho myiza y'urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside. Akenshi icyuho gikabije mu bikenewe by'ibanze kibangamira urubyiruko mu kugera k'ubudaheranwa. Kubona iby'ibanze bikenewe ku urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside, biracyari intego y'ingenzi. Bikwiye gushyirwa mu by'ibanze byakwitabwaho.

### Umuhangayiko ushingiye ku mibereho

Ubufasha buturuka mu miryango no mu baturanyi ntibuhagije; bwagaragaye cyane nk'imwe mu mpamvu z'ingenzi zitera ukwisubira kw'ibikomere bikomoka ku nkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi, n'icogora ry'umuhate wo kugerageza kubirenga. Umwe mu bakozi ba Leta babajijwe yagize, ati: "Imiryango y'Abanyarwanda ndetse n'abaturage, ahanini ntiganiriza bihagije abana babo, n'urubyiruko muri rusange, ku bibazo bahura na byo mu mibereho ya buri munsi." Nyuma ya Jenoside, urubyiruko rwibasiwe bikabije ni rwo rugaragaza ibibazo by'imibereho kurusha abandi. Akenshi, ruhora rukeneye kwegerwa no kuganirizwa, kuko iyo bari bonyine barahangayika, bikanabagora gufata ibyemezo bizima.

### Impamvu z'umuhangayiko ushingiye ku mitekerereze

Ubu bushakashatsi bwagaragaje kandi ibibazo bimwe na bimwe ku mitekerereze bikibangamiye urubyiruko rwibasiwe bikabije, byiyongera ku mikoro make no ku mibereho mibi. Kwishinja ibyaha batakoze, urujijo mu bijyanye n'inkomoko nyakuri, imyumvire idahwitse ku ngingo zimwe na zimwe, ipfunwe n'isoni, ni ingero z'ibyo bibazo bigaragara mu mitekerereze ya benshi. Ibyiciro bitandatu byose by'urubyiruko byakoreweho ubu bushakashatsi bihanganye n'ibi bibazo. Gusa byagaragaye ku gipimo cyo hejuru mu rubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu mu bihe bya Jenoside, ndetse no mu rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside, nk'uko bigaragara mu bika bikurikira.

Umwe mu rubyiruko wavutse ku mubyeyi wafashwe ku ngufu muri Jenoside yagize, ati: "...amagambo amwe n'ibitekerezo bigibwaho impaka mu ruhame aho dutuye ndetse no mu nsengero, ahora atwibutsa uburyo buteye ipfunwe n'isoni twasamwemo. Muri izo mvugo zikomeretsa harimo: 'abana bavutse kuri ba nyina bafashwe ku ngufu'. Ni byo, aya ni amateka yacu, ariko ntabwo bikwiye ko avugwa mu buryo buhungabanya butyo. Iyi migirire iraturemerera, bigasubiza inyuma umuhate dufite wo kurenga amateka yacu mabi."

Umwe mu rubyiruko rukomoka ku mubyeyi wahamwe n'icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yagize, ati: "...iyo hari ufashe ijambo avuga ku ngingo ifitanye isano na Jenoside cyangwa iyo bashyingura imibiri [y'abazize Jenoside], niyumvamo ko hari abambonamo kubigiramo uruhare n'ubwo atari njye, ahubwo ari ababyeyi banjye bakoze Jenoside." Mu mujyo umwe n'ubwo buhamya, undi wo muri icyo cyiciro yavuze ko bakunze kwitwa amazina nk'interahamwe, ibipinga, abicanyi, n'andi. Amazina y'iteshagaciro nk'aya atuma bumva ko bibasiwe cyane kandi ntibumve bisanzuye kuko abashyira mu gatebo kamwe n'ababyeyi babo bakoze Jenoside. Undi mu rubyiruko rukomoka muri icyo cyiciro na we yagize, ati: " ...n'ubwo urundi rubyiruko rufite ibibazo byinshi bituruka mu muryango mugari w'Abanyarwanda muri iki gihe, ibitekerezo Abanyarwanda batugiraho kubera uruhare ababyeyi bacu bagize muri Jenoside bituma twiyumvamo ko twibasiwe kurusha abandi. Abanyarwanda bose bagombye kutubera ababyeyi nk'uko umuco nyarwanda usaba kwita ku umwana wese nk'uwawe." N'undi mutangamakuru ukomoka muri iki cyiciro yashimangiye iki gitekerezo agira, ati: "...bamwe muri bene wacu batekereza ko baramutse badufashije, Leta ishobora kubafata kimwe n'abacu bafunzwe bazira icyaha cya Jenoside." Ubu bwoba no guhangayika bituruka ku mwihariko w'urubyiruko ushingiye ku myumvire ya buri wese ku bijyanye n'icyaha cya Jenoside ubusanzwe kireba uwagikoze.

Mu gihe buri cyiciro cy'urubyiruko cyiyumva nk'icyibasiwe kurusha ibindi, uburemere bw'inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bugaragara mu byiciro byose. Amateka yo guhimbwa amazina y'iteshagaciro y'umwe mu rubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside agaragajwe haruguru ntabwo atandukanye cyane n'ay'undi uri mu itsinda ry'urubyiruko rwarokotse Jenoside. Yagize, ati: "Abanyarwanda bamwe na bamwe bakomeje kutwita Inzoka, Inyenzi, Inzigo, n'ibindi, ibyo bikaduca intege mu gihe tugerageza kwisanzura no kubana neza n'abaturanyi." Uwo mu rubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo na we yagize, ati: "...akenshi twitwa amazina nka 'Benenzira." Undi wo mu rubyiruko wavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' mu Rwanda na we yagize, ati: "Abanyarwanda bamwe bakwiye guhagarika kutwita Ibyimanyi kandi bakatumenyera nk'Abanyarwanda buzuye."

Inshuro nyinshi, urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside bibutswa uburyo basamwemo, bavutsemo, buteye ipfunwe n'isoni, bigakorwa n'abaturanyi ndetse n'ababyeyi babo bahungabanye. Urugero rwatanzwe n'uwavutse ku mubyeyi wafashwe ku ngufu muri Jenoside wagize, ati: "… kubera uburakari no kwiheba, bamwe mu babyeyi bacu bagera aho bakadukomeretsa; ibi ni nko gutoneka igikomere." Undi wo muri icyo cyiciro yabishimangiye agira ati: "Iyo dushatse kumenya ba data, ba mama batinya kutubwira abo ari bo, n'aho bari. N'iyo tumenye aho baherereye, iyo tugerageje kubavugisha, ba data n'abavandimwe babo batugaragariza urwango badusanisha n'uruhande rwa ba mama. Njyewe ubwanjye, nabonye data ambwira ko mama n'abavandimwe be ari bo bamufungishije." Ibi birerekana ko abana bavutse muri ubu buryo benshi bumva baratereranywe kandi bafite urujijo mu kumenya abo bakomokaho. Abo babyeyi bafashwe ku ngufu bakeneye ubujjyanama bwababafasha kwomora ibikomere batewe n'inkurikizi za Jenoside, bityo bakabona gufata iya mbere mu gufasha abana babo gukira ibikomere nabo bafite.
Abanyarwanda bakeneye kumenya ko amazina y'iteshagaciro bita urubyiruko yangiza imitekerereze yabo mu rugendo rwo gukira ibikomere byatewe n'inkurikizi za Jenoside. Ahubwo Abanyarwanda bagomba gushyigikira imibereho myiza y'urubyiruko kugira ngo rugire uruhare mu kwikemurira ibibazo. Kugira ngo bishoboke, imiryango cyane cyane ifite urubyiruko rwibasiwe bikabije, ikwiye gushyira imbere imibanire irugaragariza urukundo no kwitabwaho. Hakenewe kandi ubukangurambaga rusange bugamije kumvisha abaturage uruhare bashobora kugira mu kugena icyerekezo cy'ahazaza heza h'urubyiruko.

## Kuba mu cyunamo kitarangira

Imbogamizi ikomeye cyane ku rubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi ni ukudahabwa amakuru y'aho imibiri y'ababo bishwe muri Jenoside iherereye. Ibyo bituma bahora babunamiye. Kuba ababigizemo uruhare na bamwe mu baturanyi banga nkana kuvugisha ukuri, byagaragaye ko ari inzitizi ikomeye mu rugendo urubyiruko rwarokotse Jenoside rurimo rwo gukira ibikomere. Umwe mu bayobozi b'iri tsinda ry'urubyiruko yagize ati: "…mvugishije ukuri, twe nk'urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ubufasha duhabwa bwadufashije cyane gukomera no kurebana icyizere ahazaza. Icyakora, guceceka no gutinda kuvugisha ukuri bigambiriwe mu kumenyekanisha aho imibiri y'abacu yajugunywe n'abakoze Jenoside, bidusubiza inyuma bikatubuza kubaho nk'abandi." Kutabasha kubona imibiri y'abo bakundaga ngo ishyingurwe mu cyubahiro bifitanye isano no kwanga kuvuga ukuri.

Umwe mu bagize itsinda ry'urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yashimangiye ibivuzwe haruguru agira, ati: "Benshi muri twe twiteguye kubabarira, kandi turanabikora kuri bamwe mu bayikoze, ariko na bo bagomba gukora ibishoboka byose bakatumenyesha aho imibiri y'abacu iherereye." Icyunamo kitarangira ni inzitizi ikomeye, ibangamira ikanasubiza inyuma ibikorwa Leta y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo bamaze kugeraho mu gufasha urubyiruko rwarokotse Jenoside mu kwiyubaka. Gushyingura uwawe bifasha gukira ibikomere. Bituma habaho ahantu hihariye hashyirwa imva cyangwa urwibutso baruhukiramo, abasigaye bakajya bahasura babibuka, nk'ikimenyetso cy'uko bakiri kumwe, bityo bikabahumuriza. Igikorwa cyo gushyingura ni uburyo busanzwe bwo gusezera no guha agaciro abapfuye twakundaga. Gushyingura mu cyubahiro ni inzira yo kubabazwa n'urupfu rw'uwo wakundaga, kuzirikana ubumwe mufitanye, no kurenga agahinda, ugakomeza ubuzima.

## Imbogamizi zishingiye ku bibazo byihariye mu byiciro bitandatu by'urubyiruko

Abanyarwanda bose bagizweho inkurikizi zikomeye zatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi, ari abari imbere cyangwa hanze y'u Rwanda. Hagendewe ku ngingo zagaragajwe mu Ishusho ya 1, ibikurikira biragerageza kureba icyiciro cy'urubyiruko nyarwanda cyaba cyaribasiwe n'inkurikizi za Jenoside kurusha ibindi byiciro.

**Imbonerahamwe ya 8: Imbogamizi zishingiye ku bibazo byihariye by'urubyiruko**

| Icyiciro cy'urubyiruko | Kutagira ababyeyi (%) | Kutirihira ishuri (%) | Nta bikorwa remezo (%) | Kwimwa amahirwe (%) | Ubufasha bwa Leta budahagije (%) |
|---|---|---|---|---|---|
| **Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994** | 87 | 0 | 66 | 68 | 20 |
| **Abo ababyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside** | 35 | 19 | 12 | 6 | 12 |
| **Abataramenye umuryango bakomokamo** | 99 | 89 | 88 | 14 | 10 |
| **Abavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside** | 69 | 73 | 61 | 51 | 39 |
| **Abavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko'** | 43 | 55 | 35 | 16 | 20 |
| **Abavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi** | 14 | 62 | 62 | 43 | 60 |
| **Impuzandengo (%)** | 57.8 | 49.6 | 54 | 33 | 26.8 |

Ijanisha mpuzandengo riri mu mbonerahamwe ya 8 riragaragaza uburemere bwa buri mbogamizi mu byiciro bitandatu by'urubyiruko. Nk'uko bigaragara muri iyo mbonerahamwe, 'kutagira ababyeyi n'abavandimwe' byagaragajwe nk'ikibazo kiremereye urubyiruko kurusha ibindi ku kigero mpuzandengo cya 57.8%. Kuba iki kibazo kigaragaza uburemere bwo hejuru ntawe bikwiriye gutangaza. Birazwi ko kubura ababyeyi ukiri muto ari ikibazo gikomeye ariko ku rubyiruko rwababuze kubera Jenoside bikaba umwihariko.


Kutagira umutungo n'ibyangombwa nkenerwa ni imbogamizi iza ku mwanya wa kabiri (54%), nyuma yo kuba 'nta mubyeyi cyangwa se abavandimwe.' Kuri iyi mbogamizi, igipimo gisumba ibindi ni 88%, mu gihe igipimo kiri hasi ari 12%, bikaba bivuze ko iki kibazo na cyo cyumvikana nk'ikiremereye cyane. Kudashobora kwiyishyurira ishuri, buri gipimo kigaragara mu mbonerahamwe gifite igisobanuro cyihariye. Urugero: 0% by'urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ni igipimo cyumvikana ukurikije ko hashyizweho ikigega FARG gitera inkunga icyo cyiciro cy'urubyiruko. Ku byerekeye ibindi byiciro, hitawe kuri politiki rusange yo gufasha mu burezi, harebwe imiterere y'imiryango; birakenewe ko hagira igikorwa byihuse mu nyungu z'urubyiruko rugize ibyo byiciro,

Nk'uko benshi mu batangamakuru babivuga, uburemere bw'ibikomere biterwa n'inkurikizi za Jenoside bujyanye n'aho buri wese yisanga no mu cyiciro arimo. Zimwe mu ngero ni nk'izi zikurikira: kwiyumva ari wenyine, imibereho y'ubukene, abaturanyi batizewe, n'ubufasha budahagije. Ibi byose bituma urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside, rucika intege zo kwigira no kugera k'ubudaheranwa bwakagombye kubageza ku mpinduka nziza bifuza mu buzima bwabo.

## Ibintu byihariye bitera ukwisubira kw'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside

Urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside rukemura ibibazo ruhura na byo mu buryo bunyuranye. Bimwe mu bituma haba ukwisubira kw'ibikomere, biragaragazwa kandi bigasesengurwa mu ishusho ikurikira.

**Ishusho ya 2: Ibintu byihariye bitera ukwisubira kw'ibikomere mu byiciro by'urubyiruko**




Hagendewe ku bigaragara mu Ishusho ya 2, 'igihe cyo kwibuka' no 'kuzirikana ko nta babyeyi n'abavandimwe' bifite ibipimo byo hejuru mu bitera ukwisubira kw'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko, cyane cyane icyiciro cy'urubyiruko rudafite ababyeyi n'abavandimwe. Bigaragara cyane mu cyiciro cy'urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo ku gipimo cya 100% muri ibyo bihe byombi bivuzwe haruguru.

Mu rubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ibi bihe bivuzwe haruguru bitera ukwisubira kw'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside ku bipimo bya 99% na 97%, uko bikurikirana. Muri iki cyiciro cy'urubyiruko kandi, 'ukutabasha kugaruza umutungo w'umuryango' biri ku gipimo cya 89%. Na ho 'kutabasha kwiyishyurira ishuri' bigaragara mu cyiciro cy'urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo ku gipimo cya 74% mu gihe icyiciro cy'urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside rugaragaza icyo gipimo kuri 70%.

Muri rusange, biragaragara ko ibi bintu bitera ukwisubira kw'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside biri ku bipimo birenga 50% mu byiciro by'urubyiruko byinshi. Bivuze ko ibi bintu byasuzumwe biri mu bikomeye bibyutsa ibikomere by'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko rwibasiwe bikabije.

Mu biganiro nkusanyamakuru, abatangamakuru bahuje n'ibyari byagaragajwe n'abasubije ibibazo ku bitera ukwisubira kw'ibikomere mu rubyiruko. Ibyagarutsweho cyane ni igihe cyo kwibuka n'imbwirwaruhame zihavugirwa, ubuhamya buhatangirwa na filimi mbarankuru ziherekanirwa. Kuba icyo gihe gisubiza inyuma n'urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi ntibitunguranye. Inzobere mu bumenyi bw'imitekerereze n'imyitwarire zemeza ko abana bavutse nyuma ya Jenoside banduzwa ibikomere by'inkurikizi zayo n'ababyeyi babo, abavandimwe n'abaturanyi. Abayobozi mu nzego za Leta benshi bemeje ko igihe cyo kwibuka n'ibindi bikorwa bifitanye isano na byo, bikeneye ingamba zitekerejweho neza kugira ngo bitongera kubyutsa ibikomere mu rubyiruko, harimo n'abavutse nyuma ya Jenoside.

Igitangaje ni uko abatangamakuru hafi ya bose bagaragaje ko bikenewe cyane kwibuka ababyeyi babo, abavandimwe n'inshuti zishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Iki gitekerezo rusange gihuriweho n'ibyiciro byose by'urubyiruko uko ari bitandatu. Iyi ni imwe mu nyungu z'ingenzi z'amakuru ashingiye ku buhamya, kuko bifasha umushakashatsi kumva neza ibitekerezo bwite by'abatangamakuru. Mu mujyo umwe kandi, n'ubwo bamwe bagitekereza ko inkunga bagenerwa na Leta ari ntoya, abatangamakuru bashimye cyane uburyo Leta y'u Rwanda ikora ibishoboka byose kugira ngo imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside ishyingurwe mu cyubahiro. Ibi kandi byashimangiwe n'umwe mu rubyiruko warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi wagize ati: "Nzi ko bamwe muri twe bagirwaho ingaruka mu cyumweru cyo kwibuka, ariko kandi, bitworohereza ibikomere iyo duhaye icyubahiro ababyeyi n'abavandimwe bacu bapfuye."

Igitekerezo gisa n'icyo, cyatanzwe n'umwe mu rubyiruko wavutse ku mubyeyi wafashwe ku ngufu muri Jenoside wagize, ati: "Iyo nitabiriye ibikorwa byo mu cyumweru cyo kwibuka, ni byo koko ibikomere byanjye birakanguka, ariko byibura bimpa kumenya impamvu ababyeyi bacu bahora barakaye kandi bahungabanye. Iyo mvuye mu bikorwa byo kwibuka, numva mbabariye umubyeyi wanjye." Undi ukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside na we yagize, ati: "Ni byiza kwibuka kugira ngo dukomeze kwiyemeza ko Jenoside yakorewe Abatutsi n'ibindi byose bifitanye isano nayo bitazongera ukundi." Yakomeje ashyigikira ko ugushyingura imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside gutuma abantu bose bamenya ububi n'ubugome ndengakamere Abanyarwanda bakoreye abandi Banyarwanda bagenzi babo. Ibi bituma umuntu atekereza kuri ibi bikorwa bya kinyamaswa, agasaba imbabazi, akanahinduka.


Igitekerezo cy'ingenzi cyavuye mu makuru yakusanyijwe, ni uko kwibuka no gusubiza agaciro Abatutsi bishwe bituma batibagirana mu buzima bw'abo basize. Mu kwibuka Abatutsi bishwe, ababo bakomeza kububaha, kubunamira no kubasubiza agaciro. Iyo abazize Jenoside bashyinguwe mu cyubahiro, bituma ababo bumva basoje icyunamo, bagatangira urugendo rwo gukira ibikomere. Ugushyingura mu cyubahiro abazize Jenoside, bifasha ababo basigaye kwinjirana imbaraga mu buzima bushya no kwitabira inshingano zabo bwite n'iz'igihugu muri rusange.

Mu gusoza iri sesengura, ibivuzwe haruguru birashimangira impamvu shingiro y'ishyirwaho rya Komisiyo y'Igihugu ishinzwe kurwanya Jenoside (CNLG) n'imbaraga yahawe. Na none, ibyavuye muri ubu bushakashatsi biragaragaza ko CNLG na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC) zikwiye gushyira imbaraga mu gushakisha aho imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside iherereye kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro gikwiye ikiremwa muntu.

### Ibimenyetso bigaragaza ibibazo byihariye bifitanye isano na Jenoside

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, benshi mu rubyiruko rwibasiwe bikabije bagaragaza ibimenyetso bimwe na bimwe by'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside mu bihe ibi n'ibi. Ibikurikiye biragaragaza ibyo bimenyetso. Kumenya ibi bimenyetso mbere y'uko birenze urugero byafasha abafatanyabikorwa gushyiraho ingamba zikwiye zafasha urubyiruko rwibasiwe bikabije.

**Ishusho ya 3: Ibimenyetso bigaragaza ibibazo byihariye bifitanye isano na Jenoside**




Nk'uko bigaragara mu ishusho ya 3, byinshi mu byiciro by'urubyiruko bigaragaza umubare uri hagati ya 0% na 26% w'abafite ibimenyetso byihariye bifitanye isano na Jenoside. Mu cyiciro cy'urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, ibi bimenyetso bisumbana mu buryo bukurikira: ubwigunge (82%), kwishinja ibyaha utakoze (68%), ukwiyanga (65%), kwanga abo bari kumwe (62%), kwigunga (1%), kwiheba byo kwifuza gupfa (0%). Naho mu cyiciro cy'urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo, ibi bimenyetso bisumbana mu buryo bukurikira: kwigunga (74%), ukwiyanga (61%), kwanga abo bari kumwe (53%). Ku bijyanye n'ibimenyetso byiganje mu cyiciro cy'urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu, bisumbana mu buryo bukurikira: ubwigunge (62%) n'ukwishinja ibyaha utakoze (57%). Ishusho ya 3 igaragaza 'Ubwigunge', 'kwiyanga', 'kwanga abo bari kumwe' no 'kwishinja ibyaha utakoze' nk'ibimenyetso bigaragaza urwego rw'ibikomere by'inkuriziki za Jenoside ruri hejuru mu byiciryo by'urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo, n'urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu.

Harebwe ibipimo biri hejuru mu bimenyetso, ibi bibazo birerekana umwihariko wa buri cyiciro cy'urubyiruko n'ukuntu abakigize biyumva mu mibereho yabo. Nyamara ubushobozi bafite bwo guharanira no kwiremamo ubudaheranwa n'imbaraga zibahuriza hamwe n'abandi biratandukanye. Urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 hafi ya rwose rwashoboye kwiremamo ubudaheranwa kandi rwumva rushikamye mu mibanire n'abaturanyi. Ni mu gihe urubyiruko rutabashije kumenya umuryango rukomokamo rukigaragaza ibimenyetso byo 'kwifuza gupfa' (47%), 'ubwigunge' (26%). Urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside rugagaragaza ibimenyetso byo 'kwifuza gupfa' (10%), ahanini rwumva rusa n''urwahejwe n'Abanyarwanda ndetse n'igihugu' (10%). Ku rundi ruhande, nk'uko ubuhamya bubyumvikanisha, hari abafite amateka atandukanye. Umwe mu rubyiruko ukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside yagize ati: "Buri gihe numvaga nicira urubanza kandi nkagira ipfunwe kubera data wakoze Jenoside. Ariko ubwo nitabiraga ibiganiro by'Urugerero rw'Urungano, Mana yanjye! Numvise nkize ibikomere kandi nishimye. Nahungukiye inshuti nyinshi zo mu byiciro binyuranye by'urubyiruko, bambereye inshuti nziza cyane kugeza n'ubu." Muri uwo mujyo, undi uturuka mu rubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yagize, ati: "Ibikorwa by'Urunana rw'Urungano bidufasha kwakira ukuri ku byabaye mu gihugu cyacu mu gihe cya Jenoside."

Iyi mitekerereze igaragazwa n'urubyiruko, itanga icyizere cyo kuzahangana n'ibibazo byihariye bikigaragarira mu 'ukwifuza gupfa', 'ukumva bahejwe na bagenzi babo ndetse n'igihugu'.

## Uko ibikomere by'inkurikizi za Jenoside binyuranye mu byiciro by'urubyiruko


Ibika bikurikira biragaragaza niba hari aho urubyiruko rwibasiwe bikabije rwaba rutandukaniye mu bijyanye n'uko rwiyumvamo ibikomere by'inkurikizi za Jenoside. Icyakora ntibyoroshye kugaragaza itandukaniro kubera ko ibyiciro byose by'urubyiruko rwibasiwe bikabije rufite byinshi ruhuriraho ku bijyanye n'ibibazo byihariye. Ibyo bibazo birimo cyane cyane ibi bikurikira: kwibabarira, kutagira ibihagije by'ibanze nkenerwa, kuba imburamukoro, imiryango n'abaturanyi batabitayeho, n'amazina atesha agaciro ahabwa benshi muri bo. Ku bw'ibyo, byabaye ngombwa gusesengura no guhuza ibi bibazo mu bice byose bigize iyi raporo y'ubushakashatsi. Nyamara n'ubwo uru rubyiruko rufite byinshi ruhuriyeho mu bibazo byihariye, buri cyiciro gifite umwihariko wacyo.

Hatanzwe urugero ku rubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi ruvuga ko rufite ikibazo gikomeye kandi rukababazwa n'uko abagize uruhare muri Jenoside banga cyangwa bagatinda kuvugisha ukuri no kwerekana aho bajugunye imibiri y'ababyeyi n'abavandimwe babo. Urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo, rutandukanira n'ibindi byiciro ku bibazo ruhura na byo mu nzego z'ubuyobozi bwa Leta n'iz'ubw'abikorera zitandukanye, aho rubazwa kuzuza impapuro zitandukanye zirusaba imyirondoro y'ababyeyi n'abavandimwe ba hafi ku mafishi mu gihe batabafite cyangwa se batarigeze babamenya. Kwiyumvamo ipfunwe no kwishinja icyaha batakoze, ni ibibazo urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu bahuriraho n'urukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside. Ibyo byiciro byombi bihorana iryo pfunwe no kwishinja bitewe n'uko abaturanyi bababona.

## Ingamba z'ingenzi urubyiruko rwibasiwe bikabije rukoresha mu gukemura ibibazo byihariye

Urubyiruko rwibasiwe bikabije ruhanganye bikomeye no gukemura ibibazo rwatewe n'inkurikizi za Jenoside. By'umwihariko, ubu bushakashatsi bwibanze cyane mu gusuzuma uko urwo rubyiruko ruhanganye no kubibonera ibisubizo bihamye. Ni ngombwa cyane ko ubu bushakashatsi bugaragaza ingamba urwo rubyiruko rukoresha mu gukemura ibyo bibazo no guteganya gahunda y'ibikorwa.

**Ishusho ya 4: Ingamba z'ingenzi urubyiruko rwibasiwe bikabije rukoresha mu gukemura ibibazo byihariye**




Ishusho ya 4 iragaragaza ingamba z'ingenzi ziriho n'uburyo amashyirahamwe anyuranye y'urubyiruko rwibasiwe bikabije azishyira mu bikorwa. Nk'uko bigaragara, icyiciro cy'urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi gikoresha cyane izo ngamba ku kigero kiri hejuru ya 70%, keretse iyo 'kwifungurira inshuti' iri ku gipimo cya 30%. Ni ngombwa kandi kumenya ko icyiciro cy'urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo cyagaragaye ku gipimo cyo hejuru kubireba 'kwihisha inshuti n'abavandimwe' (95%), ugereranije n'ibipimo ku zindi ngamba biri ku kigero cyo hasi (hagati ya 5% na 37%). Ingamba yo 'kwihisha inshuti n'abavandimwe' iteye impungenge cyane kuko nta gisubizo kirambye itanga. Ahubwo ishimangira ubwigunge bweruye, butandukanya urwo rubyiruko n'abandi

bantu bose. Mu gihe iri tsinda ry'urubyiruko ryahitamo kwigunga nk'igisubizo cy'ibibazo byihariye, byaba byihutirwa kubashakira ubutabazi. N'ubwo izi ngamba zisa nk'izifasha gukemura ibibazo by'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko, icyiciro kimwe cy'urubyiruko kigaragaza ko zitarushishikaje. Icyo cyiciro ni icy'urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside, aho ibipimo byose biri hagati ya 9% na 43%. Ni imbogamizi rwose kubona urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo, urwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu, n'urukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside, rutishimiye kubyaza umusaruro izi ngamba ziriho.

## Abafatanyabikorwa b'ingenzi mu gukemura ibibazo byugarije urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside

Na nyuma y'imyaka 27 Jenoside ihagaritswe, urubyiruko rwibasiwe bikabije ruracyahanganye n'ibibazo byihariye. Byaba ingirakamaro abafatanyabikorwa banyuranye bahuje imbaraga kugira ngo ibabazo bisubizwe mu buryo bukwiye kandi burambye. Ni muri uru rwego ubu bushakashatsi bwagaragaje abafatanyabikorwa b'ingenzi bafasha urwo rubyiruko mu gukemura ibyo bibazo byihariye. Ku mubare 618 w'abatangamakuru, 614 basubije ku kibazo kigaragazwa n'imbonerahamwe ya 9.

**Imbonerahamwe ya 9: Abafatanyabikorwa b'ingenzi mu gukemura ibibazo byugarije urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside**

| Abafatanyabikorwa b'ingenzi | Igiteranyo | Ijanisha |
|---|---|---|
| Inzego z'amadini | 559 | 91.0 |
| Unity Club | 534 | 86.9 |
| NIC | 528 | 86.0 |
| CNLG | 516 | 84.0 |
| NURC | 497 | 80.9 |
| Imbuto Foundation | 473 | 77.0 |
| Abayobozi b'inzego z'ibanze | 454 | 73.9 |
| Never Again Rwanda | 442 | 72.0 |
| YouthKonnect | 436 | 71.0 |
| Ibigo Nderabuzima | 385 | 62.7 |
| Isange One Stop Center | 369 | 60.1 |
| Humura | 354 | 57.7 |
| Aegis Trust | 273 | 44.5 |

Abatangamakuru bahawe urutonde rw'abafatanyabikorwa b'ingenzi barimo abo mu nzego za Leta n'abo mu nzego z'abikorera zitabira ibikorwa biherekeza urubyiruko mu gukemura ibibazo byihariye by'inkurikizi za Jenoside. Imbonerahamwe ya 9 ntigaragaza urutonde rw'abafatanyabikorwa b'ingenzi bose; ubu bushakashatsi bwatoranyije bake muri bo. Nk'uko Imbonerahamwe ya 9 ibigaragaza, abafatanyabikorwa baza imbere y'abandi barimo 'Inzego z'amadini' (91%), Unity Club Intwararumuri (86.9%), NIC (86.0%), NURC (80.9%), Imbuto Foundation (77.0%), Abayobozi b'inzego z'ibanze (73.9%), Never Again Rwanda (72.0%), Youth Connekt (71.0%), Ibigo Nderabuzima (62,7%), Isange One Stop Center (60.1%), Humura (57,7%) na Aegis Trust (44.5%). Ibi bipimo ni ikimenyetso cy'uko urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside ruzirikana agaciro k'ibikorwa by'abafatanyabikorwa. Abatangamakuru bashimangiye uruhare rukomeye aba bafatanyabikorwa bafite mu kuzamura imibereho y'urubyiruko. Uhereye ku rwego rw'abikorera by'umwihariko, inzego z'amadini, Unity Club Intwararumuri, NIC, na NURC bakunze kugaragazwa nk'abafatanyabikorwa b'indashyikirwa mu gukemura ibibazo byihariye mu rubyiruko rwibasiwe bikabije.

Urugero, abatangamakuru bishimiye cyane ibiganiro, gusangiza ubunararibonye n'uburyo bunyuranye bw'ubujyanama inzego z'amadini na Unity Club Intwararumuri bakoresha mu gufasha urubyiruko, rukaganira ku bibazo biruhangayikishije no kubikemura. By'umwihariko, urubyiruko rwashimangiye ko Unity Club Intwararumuri iruha icumbi, imfashanyo z'ibintu, ubujyanama, kandi ko ibashishikariza kwimakaza indangagaciro. Kubaha ibikenewe by'ibanze nk'amacumbi, uburezi, n'ibindi, ni bimwe mu byakunze kugarukwaho mu buhamya bw'urubyiruko.

Kuva Jenoside ihagaritswe, Leta y'u Rwanda yashyize imbere gahunda zo gukemura ibibazo by'imibereho. Ni ngombwa kugaragaza ko politiki zishyize imbere urubyiruko zashyizweho mu byerekezo binyuranye. Uretse izo politiki, ubu bushakashatsi bugaragaza uruhare rw'Ibigo bya Leta mu gufasha urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside. Ibyo bigo birimo ibi bikurikira: NYC, NURC, RGB, na BDF. Uruhare byagize rwagarutsweho kenshi mu buhamya bwakusanyijwe. Umwe mu rubyiruko rwavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' yagize ati: " (...) mbere y'uko nitabira amahugurwa yateguwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere (RGB) n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (NYC) [...] ku bijyanye no kujya impaka ku ngingo zimwe na zimwe, nahoraga negeka ku bandi (...) impamvu z'ibibazo byanjye. Naheranwaga no kumva naragowe, naratakaje icyizere cyo kubaho. Ariko ubu mparanira gushaka ibisubizo."

### Intego ya 2: Gusuzuma imbogamizi ziriho mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside n'amahirwe yo kuzikemura mu buryo bushyikigira imbaraga zo gutanga umusanzu wo kubaka Igihugu

Ibika bikurikira bigamije gucukumbura inzitizi ziriho n'amahirwe yo kuzikemura mu buryo urubyiruko rwigirira icyizere rugatanga umusanzu wo kubaka Igihugu. Nk'intego zihariye, ubu bushakashatsi bwari bugamije ibi bikurikira:


- Gupima ikigereranyo cy'ubwiyunge mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside nyuma y'imyaka 27 ihagaritswe.
- Gupima ikigero cy'amacakubiri n'urwikekwe bikigaragara mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside.
- Kugaragaza ibintu cyangwa ibihe bishobora guhembera ibisigisigi bya politiki n'ingengabitekerezo by'ivangura n'amacakubiri.
- Kugaragaza inyungu z'ingenzi urubyiruko rwibasiwe bikabije ruvoma muri "Ndi Umunyarwanda."
- Kugaragaza ibyerekezo by'ingenzi urubyiruko rwibasiwe bikabije rutangamo umusanzu mu kubaka u Rwanda rwunze ubumwe.
- Kugaragaza icyerekezo cy'indoto urubyiruko rufite kuri ejo hazaza h'u Rwanda.

### Igipimo cy'ubwiyunge mu byiciro by'urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside

Mu gihe cya Jenoside yakorwe Abatutsi, abenshi mu rubyiruko bibasiwe bikabije ubu bushakashatsi bwasuzumye bari abana bato abandi bataravuka. Ibyo bituma bagorwa no gusobanukirwa neza icyo Jenoside ari cyo, impamvu yabaye n'ukuntu yakozwe. Kudasobanukirwa neza bishobora kubadindiza mu guharanira ubwiyunge. Ni yo mpamvu iki gice kigerageza kureba aho ubwiyunge bugeze mu byiciro bitandatu by'urubyiruko rwibasiwe bikabije. Iri sesengura rishobora gufasha Unity Club Intwararumuri kugira ishusho y'aho uru rubyiruko rugeze mu rugendo rw'ubwiyunge, aho rugamije kujya n'uburyo bwo kuhagera.

Mu kugerageza kugaragaza ibipimo ubwiyunge bugezeho mu byiciro bitandatu by'urubyiruko rwibasiwe bikabije, uburyo buranga urugendo rw'ubwiyunge bwahawe abatangamakuru kugira ngo bahitemo ubwo bakoresha. Ubu buryo bwose burakoreshwa mu kunga Abanyarwanda kugira ngo babane mu bumwe no mu ituze.

**Ishusho ya 5: Igipimo ubwiyunge bugezeho mu byiciro by'urubyiruko rwibasiwe bikabije**




Nk'uko byagaragajwe mu Ishusho ya 5, urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi rwatoranyije 'kumenyesha polisi' ku kigereranyo cya 84%, na ho urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside rutoranya iyi ngingo ku kigereranyo cya 89%. Urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatusi, kimwe n'urukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside, rwatoranyije uburyo bwo 'kugisha inama abayobozi b'ibanze' ku kigereranyo cya 90%. Urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu batoranyije ubwo buryo ku kigereranyo cya 84%, mu gihe urwavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' bari ku kigereranyo cya 51%. Ibi bipimo biragaragaza icyizere urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside rufitiye inzego za Leta, kimwe n'abaturage muri rusange.

Abatangamakuru bagaragaje 'Ibiganiro' nk'ubundi buryo buri ku isonga mu bukoreshwa n'urubyiruko iyo rukemura ibibazo. Urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi ruhitamo uburyo bw' 'ibiganiro' ku kigereranyo cya 96%, urukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside kuri 97%, urwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu kuri 92%, mu gihe urubyiruko rwavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' ruri ku kigereranyo cya 79%. 'Kugisha inama amashyirahamwe n'ibigo' bifasha urubyiruko (nka AERG, FARG, IBUKA, Imbuto Foundation n'abayobozi b'amadini), ni uburyo urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi rwatoranyije ku kigero cya 89%, mu gihe urwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu ruri ku kigero cya 68%.

'Simbyitaho' ni uburyo bwiganje mu rubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi ku kigero cya 57% no ku cya 47% mu rubyiruko rwavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko', kimwe n'urutaramenye umuryango rukomokamo. Urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside ruri kigereranyo cya 29%, urwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside kuri 19%, na ho urubyiruko rwarokotse Jenoside ruri kuri 11%.

Uretse itsinda ryatoranyije 'simbyitaho' nk'uburyo bwo gukemura ibibazo, ibi bipimo byerekana muri rusange ko ikigereranyo cy'ubwiyunge mu rubyiruko rwibasiwe bikabije kiri ku rugero rwiza. Mbere na mbere, icyizere urubyiruko rufitiye inzego kirashyigikira ubushake bw'ubwiyunge mu Rwanda. Haba muri Leta cyangwa mu rwego rw'abikorera, inzego ni ngombwa mu kubaka icyizere kuko ari cyo kigena bidasubirwaho ireme ry'imibanire mu baturage. Inzego za Leta zose, hatitawe ku byo zikora, zihurira ku ntego ikurikira: korohereza imikoranire inoze abashinzwe imibereho myiza y'abaturage, bityo bigateza imbere imibanire myiza, ubufatanye n'ihiganwa. By'umwihariko, inzego za Leta zubaka ukwizerana mu bantu kuko na zo zibifitemo inyungu.

Iyo itsinda iri n'iri ry'abaturage ridafitiye icyizere Leta cyangwa abandi bafatanyabikorwa bashyize imbere amahoro n'ubwiyunge bishobora kujyana igihugu mu kaga. Abatangamakuru batoranyije 'kwirengagiza' nk'uburyo bwo gukemura amakimbirane bateye impungenge ku buryo hakwiye ubundi bushakashatsi bw'inyongera bwacukumbura impamvu z'ayo mahitamo.

Ibiganiro nkusanyamakuru byimbitse byemeje ko kubaka icyizere hagati y'urubyiruko n'imiryango itari iya Leta, kimwe no kugirana ibiganiro n'abaturanyi, ari icyerekezo cy'ingenzi kiganisha ku bwiyunge, nk'uko bigaragazwa n'imibare na bumwe mu buhamya bwatanzwe. Urugero, umwe mu rubyiruko warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi yagize, ati: "Ibyo urubyiruko rushyize imbere nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi si nk'iby'urubyiruko rwo mu myaka 26 ishize. Icyo dukeneye cyane ni umutekano n'ubukungu buhamye ku gihugu cyacu." Umwe mu rubyiruko ukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside yabivuzeho ibi bikurikira: "Icyo urubyiruko rwa nyuma ya Jenoside rushyize imbere ni amahoro, iterambere ry'imibereho myiza n'iry'ubukungu, kubabarira n'uburenganzira bw'Abanyarwanda bose. Ubu ni bwo buzima u Rwanda rwabuze igihe kinini. Tugeze ku rwego rwo kurenga amateka yacu mabi, tugatera intambwe igana imbere mu rugendo rwo kubaka ahazaza heza hacu n'ah'igihugu cyacu."
Umwe mu rubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yagize, ati: "Kubera ko bamwe mu Banyarwanda bakwirakwije urwango ndetse bakaba barakoreye Abatutsi Jenoside, tugomba gukora ibinyuranye na byo tubabarirana kandi twigisha urukundo mu nyungu z'ahazaza heza ku Banyarwanda bose. Ni yo mpamvu twitabira amahuriro y'amahoro mu bigo by'amashuli, twitabira ibikorwa bya Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu, twubaha indangagaciro n'imyemerere nyarwanda." Muri uwo mujyo, umwe mu rubyiruko wabyawe n'umubyeyi wafashwe ku ngufu agira, ati: "Nyuma ya Jenoside, abenshi mu rubyiruko dufata Abanyarwanda bose kimwe tutitaye ku mateka yabo bihariye. Ntabwo dushaka gusubira mu buzima bw'ivangura ryashenye igihugu cyacu."

## Urwego rw'imitekerereze itandukanye mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside

AMuri ubu bushakashatsi, urubyiruko rwibasiwe bikabije rwagaragaje urwego rushimishije mu bwiyunge (Ishusho ya 5). Nyamara, itandukaniro mu myumvire, imitekerereze n'icyerekezo ku ngingo zinyuranye rishobora gushyira mu kaga ikigereranyo cy'ubwiyunge bumaze kugerwaho.
Intambwe z'imigenderanire zigereranywa n'urwego rw'ubwumvikane buke, urwikekwe cyangwa ivangura mu baturanyi no hagati y'umuturanyi n'undi. Uburyo abaturage bashyikirana bufite uruhare mu kubaka ubufatanye, bagahuriza hamwe imbaraga zibafasha kwiteza imbere nk'abaturanyi.
Hagendewe kuri iyi mitekerereze, ubu bushakashatsi bwakoresheje ingingo zaherwaho mu gupima intera urubyiruko rwibasiwe bikabije rugezeho mu ntambwe z'imigenderanire. Urubyiruko rwasabwe kwemeza cyangwa guhakana buri ngingo rukoresheje 'Yego' cyangwa 'Oya'. Imbonerahamwe ya 10 igaragaza abasubije 'Oya' ku bibazo urubyiruko rwahawe mu byiciro bya rwo bitandukanye.

**Imbonerahamwe ya 10: Ibipimo by'imitekerereze itandukanye mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside**

| Icyiciro cy'urubyiruko | Ibipimo bihinduka | Igisubizo 'Oya' | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| **Urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside** | Nshyikirana gusa n'abo dukomoka hamwe | 87 | 97.5 |
| | Nshyikirana gusa n'abo duhuje icyiswe 'ubwoko' | 88 | 98.8 |
| | Nshyikirana gusa n'abo duhuje imyemerere nyo-bokamana | 88 | 98.8 |
| | Nshyikirana gusa n'urungano | 88 | 98.8 |
| | Nshyikirana gusa n'urubyiruko duhuje indanga-gaciro | 88 | 98.8 |
| **Urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside** | Nshyikirana gusa n'abo dukomoka hamwe | 143 | 98.6 |
| | Nshyikirana gusa n'abo duhuje icyiswe 'ubwoko' | 143 | 98.6 |
| | Nshyikirana gusa n'abo duhuje imyemerere nyo-bokamana | 143 | 98.6 |
| | Nshyikirana gusa n'urubyiruko dukina cyangwa dukorana | 143 | 98.6 |
| | Nshyikirana gusa n'urubyiruko duhuje indanga-gaciro | 143 | 98.6 |
| **Urubyiruko rutamenye umuryango rukomoka-mo** | Nshyikirana gusa n'abo duhuje icyiswe 'ubwoko' | 18 | 94.7 |
| | Nshyikirana gusa n'urubyiruko dukina cyangwa dukorana | 18 | 94.7 |
| | Nshyikirana gusa n'urungano | 18 | 94.7 |
| | Nshyikirana gusa n'urubyiruko duhuje indanga-gaciro | 19 | 100 |
| **Urubyiruko rwavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko'** | Nshyikirana gusa n'abo dukomoka hamwe | 92 | 97.8 |
| | Nshyikirana gusa n'abo duhuje icyiswe 'ubwoko' | 92 | 97.8 |
| | Nshyikirana gusa n'abo duhuje imyemerere nyo-bokamana | 92 | 97.8 |
| | Nshyikirana gusa n'urungano | 92 | 97.8 |
| | Nshyikirana gusa n'urubyiruko duhuje indanga-gaciro | 94 | 100 |
| **Urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Aba-tutsi** | Nshyikirana gusa n'abo dukomoka hamwe | 146 | 99.3 |
| | Nshyikirana gusa n'abo duhuje icyiswe 'ubwoko' | 146 | 99.3 |
| | Nshyikirana gusa n'abo duhuje imyemerere nyo-bokamana | 146 | 99.3 |
| | Nshyikirana gusa n'urungano | 146 | 99.3 |
| | Nshyikirana gusa n'urubyiruko duhuje indanga-gaciro | 145 | 98.6 |
| **Urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside ya-korewe Abatutsi** | Nshyikirana gusa n'abo dukomoka hamwe | 120 | 96.7 |
| | Nshyikirana gusa n'abo duhuje icyiswe 'ubwoko' | 120 | 96.7 |
| | Nshyikirana gusa n'urubyiruko dukinana cyang-wa dukorana | 120 | 96.7 |
| | Nshyikirana gusa n'urubyiruko duhuje indanga-gaciro | 104 | 83.8 |

Usibye urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwasubije 'Oya' ku gipimo cya 83.8%, urubyiruko rwavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' (100%), n'urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo (100%), abatangamakuru basigaye bose, ku bipimo bihinduka kuva kuri 94.7% kugera 100% basubije 'Oya'. Iki kigereranyo cyo hejuru ni ikimenyetso cy'uko imigenderanire mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside iri ku ntera nziza.

Mu rwego rw'imigenderanire, urubyiruko rurashyigikirana, rugahumurizanya, rukagirana inama kandi rugafashanya mu gutegura ingamba z'ahazaza harwo. Uku guterana inkunga kwerekana ko urwego rw'ugushyikirana mu rubyiruko rwibasiwe bikabije ruri ku gipimo cyo hejuru. Igikwiye gushimangirwa ni uko imbuga nkoranyambaga zitigeze zigaragazwa nk'uburyo urubyiruko rukoresha mu gusabana no kwisanzuranaho mu byiciro byose ubu bushakashatsi bwasuzumye. Ariko, akamaro kazo kagaragajwe cyane mu makuru yatanzwe nk'ubuhamya, nk'uko ingero zibigaragaza. Urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi rwumva Abanyarwanda benshi babona kubana ari ukuba abantu bari kumwe ahantu hamwe. Kuri urwo rubyiruko, imbuga nkoranyambaga ni zo ahanini ruhuriraho rugasabana. Ni yo mpamvu uwo ari we wese udakoresha imbuga nkoranyambaga nka bo, ntashobora kubabera inshuti. Umwe mu rubyiruko wavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi yabivuze mu buryo bukurikira: "Abanyarwanda bamwe, barimo na bamwe mu rubyiruko, baturega kutegera abaturanyi bacu. Mu kwibeshya kwabo, batekereza ko tuba twigunze iyo dukoresha imbuga nkoranyambaga. Ibi ni imyumvire itari yo kuko iyo dukoresha imbuga nkoranyambaga twunguka inshuti nyinshi kandi tukabona n'amakuru y'ingenzi. Ntabwo tuba duhugiye mu kwivanga mu buzima bw'abandi."

Mu buryo buhuye n'ubuhamya buvuzwe haruguru, umwe mu rubyiruko wo muri iki cyiciro yunzemo, ati: "Imbuga nkoranyambaga zihuriza hamwe urubyiruko rukaganira ku byo rushobora kuba rwarumvise, rwarabonye, rwarakiriye cyangwa se rwarize. Si ngombwa kuba turi kumwe imbona nkubone kugira ngo dukore ibyo byose. Biratugora gushyikirana n'umuntu udashishikajwe no kumenya ibibera mu byerekezo byose by'ubuzima. Muri iki gihe, ubuzima bwose busakazwa ku mbuga nkoranyambaga."
Hagendewe kuri ubu buhamya, birakwiye ko ubushakashatsi bw'inyongera bwazakorwa bukagaragaza uruhare n'ingaruka z'imbuga nkoranyambaga ku busabane mu rubyiruko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu1994.

### Impamvu zahembera politiki n'ingengabitekerezo by'ivangura n'amacakubiri

Iki gice kiragaraza ibipimo by'impamvu eshanu zishobora guhembera politiki n'ingengabitekerezo by'ivangura n'amacakubiri.

**Imbonerahamwe ya 11: Ibyahembera politiki n'ingengabitekerezo by'ivangura n'amacakubiri**

| Impamvu | Abazemera | Ijanisha | Abazihakana | Ijanisha |
|---|---|---|---|---|
| **Ingengabitekerezo ya Jenoside** | 601 | 99.7 | 2 | 0.3 |
| **Amazina y'iteshagaciro** | 593 | 98.2 | 11 | 1.8 |
| **Kutababazwa n'ikibi wakoze** | 580 | 96.7 | 20 | 3.3 |
| **Indishyi ku mitungo zitatangiwe igihe** | 368 | 61.8 | 227 | 38.2 |
| **Imbuga nkoranyambaga ziyobya** | 274 | 45.9 | 323 | 54.1 |

Ibipimo bikubiye mu mbonerahamwe ya 11 biragaragaza ko urubyiruko rwibasiwe bikabije rutekereza kandi ruzi neza impamvu zishobora guhembera politiki n'ingengabitekerezo by'ivangura n'amacakubiri mu Rwanda. Ku bipimo bitatu biri hejuru: ingengabitekerezo ya Jenoside (99.7%), amazina y'iteshagaciro (98.2%), no kuba hari abatababazwa n'ibibi bakoze muri Jenoside (98.7%), ni impamvu eshatu zigaragara nk'izikomeye. Na ho 'imbuga nkoranyambaga ziyobya' (45.9%) ni zo ziri ku gipimo cyo hasi. Birazwi hose ko ku mbuga nkoranyambaga zimwe na zimwe hagaragara guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi, ndetse n'ingaruka Jenoside yagize ku rubyiruko. Biteye urujijo kuba

‘imbuga nkoranyambaga’ zarahawe igipimo kiri hasi (45.9%); ibi birasaba ko hazaba ubushakashatsi bwimbitse ku mpamvu z’ibi bipimo biri hasi.


Binyuze mu biganiro nkusanyamakuru, uru rubyiruko rwashimangiye ko agaciro karwo, ubumwe n’iterambere ry’igihugu bitagerwaho mu gihe haba hakiri uburyo ubwo ari bwo bwose bw’ivangura. Umwe mu rubyiruko warokotse Jenoside yagize, ati: “Abanyarwanda bose bagomba kwibuka ko Leta yacu itihanganira na gato igikorwa icyo ari cyo cyose cy’akarengane n’ivangura iryo ari ryo ryose. Urubyiruko rwibasiwe bikabije n’inkurikizi za Jenoside rwitezweho kubahiriza mu buryo bwuzuye iyi gahunda ya Leta.”

### *Inyungu z’ingenzi za “Ndi Umunyarwanda” ku rubyiruko rwibasiwe bikabije*

Politiki yo mu bihe bya gikoloni ya ‘mbateranye mbategeke’ yakomejwe na Leta zakurikiyeho nyuma y’ubwigenge, kugeza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yagoretse ibyarangaga Abanyarwanda, yimakaza urwango n’amacakubiri. Umwe mu rubyiruko warokotse Jenoside, wanitabiriye ibiganiro kuri “Ndi Umunyarwanda” yagize, ati: “Ndi Umunyarwanda yadufashije gusobanukirwa ko indangamuntu ishingiye ku cyiswe ‘ubwoko’ muri Repubulika ya mbere n’iya kabiri mu Rwanda, yabaye intandaro ya politiki z’amacakubiri n’intekerezo z’ivangura.” Mu cyerekezo kimwe n’ubu buhamya, umwe mu rubyiruko wavutse ku mubyeyi wafashwe ku ngufu muri Jenoside yagize, ati: “Ndi Umunyarwanda yatwigishije amateka nyakuri y’u Rwanda, atari amateka agoretse y’Abakoloni.” Umuyobozi umwe wo mu Karere ka Rubavu yavuze muri macye ubuhamya bukurikira: “Amateka y’u Rwanda yigishijwe n’Abakoloni mu iturwa ry’u Rwanda ko Abatutsi bitwaga abanyamahanga bava muri Abisiniya – ari yo Etiyopiya y’ubu, mu gihe Abahutu bavuye mu gihugu cya Chad byasobanuwe na “Ndi Umunyarwanda” yakuyeho urujijo rwari muri ayo mateka”

Iyi politiki y’ivangura n’amacakubiri ni yo yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Kuva Jenoside ihagaritswe, igihugu cyinjiye mu rugendo rw’ubwiyunge no kwiyubaka mu buryo bw’imibereho n’ubukungu byari byarasenywe. Ibi byashobotse kubera ubuyobozi bwiza bwahisemo gushyiraho Guverinoma y’Ubumwe bw’Abanyarwanda igendera ku indangagaciro y’ubumwe ari na yo yibarutse ‘Ndi Umunyarwanda’ mu 2013, igamije kongera kubaka Ubunyarwanda. Ibyo byari bigamije kubyutsa indangagaciro zikurikira: guterwa ishema n’igihugu, kwiha agaciro no kwiyubaha, gukunda igihugu, ubufatanye mu Banyarwanda, kwiyumvamo kuba umwenegihugu no kubahiriza izindi ndangagaciro zose z’igihugu.

**Ishusho ya 6: Inyungu z’ingenzi za Ndi Umunyarwanda mu rubyiruko rwibasiwe bikabije**



Ubu bushakashatsi bwagerageje kugaragaza inyungu urubyiruko rukesha "Ndi Umunyarwanda." Mu nyungu zagaragajwe mu ishusho ya 6, ibika bikurikira biragaruka ku biranga Abanyarwanda, muri rusange, na buri muntu by'umwihariko bitewe n'amateka ye, ugukunda igihugu n'ubwiyunge. Izi nyungu rusange zikubiyemo: imibanire mu ituze hagati y'urubyiruko ubwarwo, n'imibanire n'abandi Banyarwanda muri rusange, kwishimira kuba Umunyarwanda, indangagaciro ziteza imbere Ubunyarwanda n'ugukunda igihugu, ishema ryo kumenyekana nk'Umunyarwanda kandi utuye mu Rwanda, ubushake bwo kumenyekanisha no guteza imbere u Rwanda, amahoro arambye no gukira ibikomere binyuze mu bwiyunge. Nk'uko Ishusho ya 6 ibigaragaza, inyungu esheshatu za mbere zifite ibipimo biri hagati ya 91% na 100% kandi igipimo cya 100% kikagaruka kenshi mu byiciro by'urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo, urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside, n'urubyiruko rwavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko'. Ikigaragara ni uko 'gukira ibikomere binyuze mu bwiyunge' ari inyungu ifite ibipimo byo hasi ugereranije n'izindi nyungu kuko biri hagati ya 30% na 97%. Imiterere y'ibi bipimo yanagaragaye cyane mu biganiro nkusanyamakuru, aho urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside ruri ku kigereranyo cya 30% na ho urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi rukaba ruri kuri 31%. Ibi bipimo biri hasi byabereye abashakashatsi imbarutso yo gucukumbura biruseho impamvu zabyo.

Nk'uko umwe mu urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside yabivuze mu buhamya bwe: "Ndi Umunyarwanda isa n'aho ntacyo ivuga ku byerekeranye na bamwe mu baturage bahora baduhuza n'ibyaha by'ababyeyi bacu. Ibyo bituma twiyumva nk'aho natwe turi abanyabyaha ku rwego rumwe n'ababyeyi bacu. Ndi Umunyarwanda igomba gukemura ibibazo nk'ibi kugira ngo imibereho yacu irusheho kunoga." Umwe mu rubyiruko warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi yagize, ati: "Ndi Umunyarwanda yadufashije rwose kwiyunga no kunga ubumwe. Ariko ntabwo ikemura mu buryo butaziguye ibibazo by'indishyi z'imitungo yacu yangijwe n'iyibwe. Nk'umuntu ku giti cye, iyo ntarabona ibyo bangomba, bingabanyiriza imbaraga z'icyizere no kwishimira uwo ndi we." Birazwi ko indishyi zikwiye gutangwa zikurikije ikigero umuntu yahohoteweho n'ingaruka iryo hohotera rigira ku matsinda y'abantu ryakorewe. Ibi bishobora guhuzwa n'ibireba abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi. Indishyi ni ingenzi mu gukira ibikomere; ni uburyo bwo gusana ibyangirijwe abahohotewe, ni n'uburyo bwo kwigisha abaturage ko ibibi bakora byabagiraho ingaruka. Mu myumvire imwe yo gukira ibikomere, umwe mu rubyiruko utaramenye umuryango akomokamo yagize, ati: "Nahoraga ndeba abantu bankikije nkababonamo impamvu y'amateka yanjye mabi. Ariko nyuma yo kwitabira kenshi ibiganiro kuri "Ndi Umunyarwanda" byaberaga ku Murenge, nongeye kugirira abantu icyizere no kumva mfite inshingano kuri bagenzi banjye ndetse no ku gihugu cyanjye muri rusange."

Ikigaragara ni uko ugukira kw'igihugu cyakomeretse bikomeye, cyane cyane urubyiruko rwacyo rwibasiwe bikabije, ni urugendo rugomba kwitonderwa. Muri rusange, ubu bushakashatsi bwerekanye imyumvire urubyiruko rwibasiwe bikabije rufite ku bijyanye n'ishema ryo kuba Umunyarwanda mbere y'ibindi byose, n'ishyaka ryo kurinda u Rwanda. Abatangamakuru bashimangiye ko "Ndi Umunyarwanda" yagize uruhare rukomeye mu kunga Abanyarwanda. Ndi Umunyarwanda yasobanuwe nk'urubuga rwizewe rwo gukomeza kubaka Ubumwe n'Ubwiyunge. Ni urubuga rufasha mu kwiyumvamo ubunyarwanda no kwiyubaha.

### Ibyerekezo by'ingenzi urubyiruko rutangamo umusanzu mu kubaka u Rwanda rwunze ubumwe

Leta y'u Rwanda, Imiryango itari iya Leta yo mu gihugu n'iyo ku rwego mpuzamahanga, n'urubyiruko nyarwanda ubwarwo byagize uruhare ku buryo bunyuranye, mu rugendo rw'ubwiyunge mu Rwanda. Ubu bushakashatsi bwagaragaje ibyerekezo by'ingenzi urubyiruko rwibasiwe bikabije rwatanzemo umusanzu mu kubaka u Rwanda rwunze ubumwe. Ukugira uruhare mu rugendo rwo kubaka amahoro n'ubwiyunge bisaba buri muturage kwitabira ibikorwa bibahuriza hamwe.

**Imbonerahamwe ya 12: Amahame y'ingenzi urubyiruko rwubahiriza mu gutanga umusanzu wo kubaka u Rwanda rwunze ubumwe**

| Ibyerekezo by'ingenzi | Abarokotse Jenoside mu 1994 (%) | Abo ababyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside (%) | Abataramenye umuryango bakomokamo (%) | Abavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu (%) | Abavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' (%) | Abavutse nyuma ya Jenoside (%) |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Kubaha indangagaciro n'ibyo Abanyarwanda bemera | 100 | 89 | 100 | 95 | 98 | 95 |
| Kugira uruhare muri "Ndi Umunyarwanda" no mu Itorero | 96 | 97 | 75 | 90 | 87 | 92 |
| Kugira uruhare muri gahunda zunga nk'umuganda na Gacaca | 88 | 93 | 72 | 88 | 86 | 85 |
| Kugira uruhare mu kubaka Igihugu cyiza | 100 | 96 | 97 | 94 | 97 | 97 |
| Kwita ku Banyarwanda bose nta vangura | 97 | 96 | 98 | 91 | 98 | 95 |
| Gushyigikira ibitekerezo byubaka Igihugu n'Ubumwe bw'Abanyarwanda | 97 | 95 | 100 | 94 | 89 | 97 |

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 12, ibyerekezo byose biganisha ku Rwanda rwuje ubumwe, urubyiruko rwibasiwe bikabije rutanga umusanzu mu byerekezo byose biganisha ku Rwanda rwuje ubumwe hafi ya byose ku kigereranyo kiri hagati ya 91% na 100%. Igipimo cyo hasi muri byo ni 72%, gikurikirwa na 75%, kiboneka mu rubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo. Mu buryo bw'imibare, ibipimo bigaragajwe haruguru ni ikimenyetso cy'umuhate w'urubyiruko rwibasiwe bikabije wo kugira uruhare mu kubaka u Rwanda rwuje ubumwe; bigaragara kandi nk'ikimenyetso cy'uko urwo rubyiruko rutanga umusanzu, cyangwa se rutangiza ibikorwa aho rukenewe, cyane cyane aho rutuye.  Nk'urugero, umwe mu rubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside agira, ati: "Gushinga amahuriro n'amashyirahamwe y'urubyiruko ni ibikorwa bituruka ku rubyiruko ubwarwo. Urubyiruko rushyiraho ayo mahuriro rutitaye ku mateka bwite ya buri wese. Amwe muri ayo mahuriro n'amashyirahamwe yacu afasha urubyiruko kumenya gukora imishinga mito no kuyisangiza urundi rubyiruko." Iki cyerekezo cy'imitekerereze n'imikorere ntabwo cyihariwe n'urubyiruko gusa; Leta n'abafatanyabikorwa bafatanya kuruherekeza na bo barabihamya kandi bakabyishimira.

Urundi rugero rwatanzwe n'umwe mu batangamakuru wo muri CNLG wagize, ati: "Nyuma ya Jenoside, urubyiruko rwibasiwe bikabije ruratanga umusanzu ushimishije mu guharanira u Rwanda rwuje ubumwe, cyane cyane mu mahuriro y'ibiganiro mpaka, aho basangira ibitekerezo ku buryo bwo guharanira amahoro nta vangura iryo ari ryo ryose. Imbaraga urubyiruko rushyira mu gushyigikira u Rwanda rwiyunze ntizirugirira inyungu rwonyine; zigera no ku babyeyi barwo. Iyo ababyeyi babona uburyo abana babo basabana badashingiye ku cyiswe 'ubwoko' cyangwa aho bakomoka, na bo bibabera urugero."

Umwe mu bakozi ba Leta ushinzwe urubyiruko n'umuco yahamije ko ibikorwa bamwe mu rubyiruko bakorera mu miryango itari iya Leta, nka NAR, gahunda z'Ibikorwa by'Urubyiruko (YIP), n'Ihuriro ry'urubyiruko rizwi nka Youth Connekt, ari ingenzi mu gushyigikira u Rwanda rwuje ubumwe. Umuryango

NAR washoboye guhuriza hamwe urubyiruko, rutangiza ibikorwa byimakaza amahoro. Binyuze muri uwo muryango, urubyiruko ruganira ku bibazo binyuranye kandi rukanatanga urubuga ibyo bibazo bishakirwamo ibisubizo birambye. Ibikorwa byimakaza amahoro bifasha urubyiruko kujya mu nzira y'amahoro, imbabazi, ubumwe n'ubwiyunge.


Mu gihe ubu bushakashatsi bwakusanyaga amakuru binyuze mu biganiro, bamwe mu rubyiruko barondoye ibikorwa byinshi bakora biganisha ku Rwanda rwuje ubumwe. Ibyo bikorwa birimo ibi bikurikira: kubakira abatishoboye amazu, gusana imihanda y'imigenderano, kubaka ibiraro, ibyumba by'amashuri, n'ibindi bikorwa remezo binyuranye. Icyakora nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 12, urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo rugaragaza "Ndi Umunyarwanda" n'Itorero', ku gipimo cya 75%, nk'ibifasha kugera ku Rwanda rwuje ubumwe. Mu 'kwitabira ibikorwa byunga, nk'umuganda na gacaca', urwo rubyiruko rubigaragaza ku kigero cya 72%. N'ubwo ibi bipimo bigaragara kuba biri hasi ugereranije n'ibyiciro bindi byose, ntibikwiriye gutera impungenge. Ahubwo kuba iki cyiciro cy'urubyiruko cyitabira ibikorwa by'ingenzi byunga Abanyarwanda ku gipimo gito, bikwiye gukorerwa ubundi bushakashatsi bwimbitse bwagaragaza impamvu.

Mu biganiro nkusanyamakuru mu matsinda, byagaragaye ko urubyiruko rwibasiwe bikabije na rwo rwagize akamaro mu biganiro kuri gahunda za Leta. Urugero ni nko kuba rwarasabye ko urubyiruko ruhagararirwa mu nzego zose z'igihugu zifatirwamo ibyemezo kandi rukaba ubu ruhagarariwe koko.

### Indoto z'urubyiruko rwibasiwe bikabije ku Rwanda rwifuza

Urubyiruko rwibasiwe bikabije rwahawe amahitamo arindwi ku ndoto rushobora kugira ku Rwanda rwifuza, maze ubu bushakashatsi buboneraho kubona uko asumbana. Ingingo zikubiyemo ayo mahitamo zigize ibintu by'ingenzi ku gihugu icyo aricyo cyose mu bijyanye n'imibereho, ubukungu, imitekerereze y'abantu, n'iterambere rusange.

**Ishusho ya 7: U Rwanda rwifuzwa n'urubyiruko rwibasiwe bikabije**




Nk'uko bigaragara mu Ishusho ya 7, amakuru ashingiye ku mibare ari mu byerekezo bibiri. Ku ruhande rumwe, indoto urubyiruko rwibasiwe bikabije rufite ku Rwanda rwifuza nyuma ya Jenoside, ni u Rwanda rutanga icyizere. Ku myanya ibiri iza mbere, iyi ndoto ifite ibipimo byo hejuru mu rubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi (hagati ya 66% na 77%) no mu rubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo (hagati ya 26% na 74%). Ikigereranyo cya 26% muri iki cyiciro cy'urubyiruko kigaragara nk'igikabije kuba hasi giteye kwibazwaho kuko ibindi bigereranyo gifite biri hagati ya 59% na 74%.

Ku rundi ruhande, ibyiciro by'urubyiruko bine bisigaye bitekereza ko ahazaza h'u Rwanda hadatanga icyizere (kuva ku 8% kugeza kuri 40%). Hagendewe kuri ibyo bipimo, bigaragara ko ibi byiciro bibona ahazaza h'u Rwanda ku buryo bukurikira: urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside (hagati ya 8% na 37%), urubyiruko rwavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' (hagati ya 11% na 21%), urubyiruko ruturuka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside (hagati ya 17% na 25%), n'urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside (hagati ya 29% na 40%).

Mu gihe ibigereranyo bigaragajwe haruguru bifata ibyerekezo bibiri ku bijyanye n'icyizere urubyiruko rufite ku hazaza h'u Rwanda, birakwiye kumenya ko ibiganiro nkusanyamakuru byagaragaje icyizere gihamye ku Rwanda rw'ahazaza mu byiciro byose. Harimo kandi n'abatangamakuru babibonye ukundi mu makuru ashingiye ku buhamya.  Ingero zigaruka kuri umwe mu rubyiruko wavutse ku mubyeyi wafashwe ku ngufu muri Jenoside n'undi wavutse nyuma ya Jenoside bemeranywa kuri ibi bikurikira: "urubyiruko rwa nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwifuza igihugu gifite urubyiruko rushoboye, ruhanga udushya kandi rushoboye guhigana ku rwego rw'Akarere ndetse no ku rwego mpuzamahanga."  Mu rubyiruko rwo mu cyiciro cy'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, undi yagize, ati: "Turashaka u Rwanda rudafite impunzi, u Rwanda, aho nta Munyarwanda ushobora kwongera kubuzwa uburenganzira bwo gutura mu gihugu cye." Bitewe n'uko igipimo cyo hejuru mu cyiciro cy'urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside ari 40%, na ho mu bavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi igipimo cyo hejuru kikaba ari 37%, ari na bo muri rusange hagaragaramo abadafitiye icyizere gihagije ahazaza heza h'u Rwanda, hari uwakwibeshya akanzura ko ibitekerezo byavuye muri ubwo buhamya bwavuzwe bidasangiwe byanze bikunze n'abagize icyo cyiciro cyose. Biragaragara ko abo batangamakuru bombi bashobora kuba bari muri 40% na 37%. Muri rusange, mu gihe bya byiciro bine byafashe ibipimo biri hagati ya 8% na 40% biteye impungenge, binagaragaza ishingiro ry'ubushakashatsi bw'inyongera bwasobanura kurushaho. Naho ibyiciro by'urubyiruko bibiri bifite icyizere kiri hejuru ku hazaza heza h'u Rwanda biragaragaza icyerekezo gikwiye mu rubyiruko.

## UMUTWE WA GATANU:
# UMWANZURO RUSANGE

### IBY'INGENZI BYAVUYE MU BUSHAKASHATSI, IMBOGAMIZI, IBYIFUZONAMA, N'IBITEREKEREZO KU BUSHAKASHATSI BW'INYONGERA

### IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI

Ubu bushakashatsi bwasuzumye kandi bwerekana neza inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ku byiciro byihariye by'urubyiruko nyarwanda rwibasiwe bikabije, bunapima uburemere bw'ibibazo bidasanzwe birugaragaraho. Mu mubare mbumbe w'urubyiruko 5.394 rwari rugenderewe, hatoranyijwe mo 618 bakozweho ubushakashatsi. Ibyavuye mu bushakashatsi bijyanye n'intego nyamukuru ebyiri: gusobanura impamvu z'ukwisubira kw'inkurikizi z'ibikomere byatewe na Jenoside, no gusuzuma imbogamizi ziriho mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside n'amahirwe yo kuzikemura mu buryo bushyigikira imbaraga zo kwiyizera mu gutanga umusanzu wo kubaka igihugu. Ibyavuye mu bushakashatsi n'ibisubizo bibishamikiyeho bigamije kwerekana imbaraga z'icyizere urubyiruko rwifitemo, n'umusanzu wo kubaka igihugu rutanga, nk'uko ibikurikira bibigaragaza.

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside rugihanganye n'ukwisubira kw'ibikomere biterwa n'izo nkurikizi. Birazwi neza ko igihe cyo kwibuka n'ibikorwa bijyanye na cyo ari iby'ingenzi mu kwibuka, guha agaciro abazize Jenoside no kwiyemeza ngo 'Jenoside ntizongere ukundi.' Nyamara mu gihe cyo kwibuka, cyane cyane icyumweru cy'icyunamo, gihungabanya urubyiruko rwibasiwe bikabije ku ntera zitandukanye. Ubushakashatsi bwagaragaje ibihe cyangwa ibintu bitari bike bitera ukwisubira kw'ibikomere by'inkurizi za Jenoside mu rubyiruko. Ibyo bihe cyangwa ibintu birimo imbwirwaruhame ku bijyanye na Jenoside yakorewe Abatutsi, ubuhamya, filimi mbarankuru zerekanwa, imvugo zikomeretsa abahohotewe, n'ababyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside badafasha urubyiruko cyane cyane babitewe n'ihungabana rigikomeza, ubushake buke cyangwa bwa ntabwo mu bakoze Jenoside mu kuvuga ukuri ku bijyanye n'aho imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside yajugunywe. Uru ruhurirane rw'ibibazo rurasaba kwitabwaho by'umwihariko binyuze mu bujyanama no guherekeza urubyiruko mu buryo buhoraho kugira ngo rushobore guhangana n'icyo ari cyose cyabyutsa ibikomere, kandi rwiremamo icyizere cy'ubuzima n'udaheranwa. Igikwiye kumvikana ni uko hari ibibazo byihariye muri buri cyiciro bikaba ari na byo bisobanura umwihariko wacyo. Ubu bushakashatsi bwerekanye ko ibimenyetso by'ingenzi by'ibikomere byatewe n'inkurikizi za Jenoside bikunze kugaragara ari ibi bikurikira: kugira irungu, umujinya, kumva utereranywe, kugira ipfunwe, kwiyanga no kwanga abandi, kwiheza, kwicira urubanza, kwiyumvamo ihezwa, kwiheba, n'ibindi. Urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo nyuma ya Jenoside rwiyumvamo kuba ari rwo rwibasiwe bikabije kurusha ibindi byiciro by'urubyiruko. Urwo rubyiruko ruhora rwiyumvisha ko imibereho yarwo yihariye kuko abaturanyi, serivisi za Leta n'iz'abikorera bahora barwibutsa iby'akaga karwo binyuze mu bibazo bikomeretsa bababaza. Ingero zagarutsweho ni ibibazo urwo rubyiruko rubazwa, nka 'So ni nde? Nyoko ni nde? Cyangwa abavandimwe bawe ba hafi ni bande?' Hagendewe ku byavuye mu ikusanyamakuru rishingiye kuri raporo z'ubushakashatsi bwatangajwe ku bijyanye n'iki cyiciro cy'urubyiruko, hari bamwe mu bana batamenye umuryango bwite cyangwa imiryango migari bakomokamo. Kubera iyo mpamvu, abo bana bashyizwe mu bigo by'abana badafite ababarera, abandi bakirwa mu miryango yabishingiye cyangwa ibagira abayo mu buryo bw'amategeko. Nyamara nk'uko Casonato na Stephanie Habersaat (2015) babitangaza mu nyandiko yabo, kwishingira kurera umwana mudafitanye isano y'amaraso bikunze gutera ibibazo bikomeye, birimo ingorane zo kuzamenya umuryango w'inkomoko, kutiyumva nk'uw'uwo muryango, kutiyumva nk'ufitanye isano n'umuryango wamwakiriye, n'intege nke zo kwerurira umwana inkomoko ye nyakuri. Iyo bigeze kuri iri tsinda ry'urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo nyuma ya Jenoside, rugera aho rwumva ntacyo rwishingikirijeho. Iyo mibereho ntituma batera intambwe ngo bashyire imbaraga mu kwiyubakamo ubudaheranwa n'ubwiyunge. Ariko mu by'ukuri, urubyiruko muri rusange rwafashe ingamba zimwe na zimwe zo guhangana n'inzitizi ruhura nazo.

Ingamba zagaragajwe n'ubushakashatsi urubyiruko ruhitamo gukoresha mu gukemura ibibazo byihariye zirimo izi zikurikira: gushaka inama mu bajyanama mu by'imitekerereze ku Bigo Nderabuzima, kugisha inama inzego z'ibanze, gusenga no kugisha inama abanyamadini, kuganira n'inshuti no kwegera inzego za Leta y'u Rwanda nka RGB, NURC, NIC, NYC, n'Imiryango itari iya Leta nka Unity Club Intwararumuri, Imbuto Foundation n'amatsinda anyuranye y'urubyiruko yagaragajwe muri ubu bushakashatsi nk'abafatanyabikorwa b'ingenzi mu gufasha urubyiruko rwibasiwe bikabije kurenga inkurikizi za Jenoside. Izi ngamba zishimirwa cyane n'urubyiruko, n'ubwo atari ku ntera zingana, zikeneye gushyigikirwa kurushaho.

Ikigaragara, ni uko abantu bakeneye kubana mu buryo bukwiye kandi bunoze kugirango bace intege cyangwa barandure burundu ibyo ari byo byose bihembera ibibazo byihariye mu rubyiruko bishamikiye ku nkurikizi za Jenoside.

Ingamba igaragara ko yafasha kurusha izindi ni ugushyira imbere intekerezo ya "Ndi Umunyarwanda" kuko ihurizwaho n'ibyiciro byose by'urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside, bose bakumva bahuriye k'Ubunyarwanda. Abatangamakuru bifuje ko "Ndi Umunyarwanda" yakwinjizwa mu nteganyanyigisho y'igihugu ku byiciro byose by'amashuri. Iki gitekerezo kirashyigikira bikomeye intambwe zamaze guterwa muri iki cyerekezo. Izo ngamba zose zaganiriweho zifite ubushobozi bwo kongerera imbaraga urubyiruko rwibasiwe bikabije no kurufasha kudaheranwa n'ibibazo byihariye ruhura na byo.

## Inzitizi

Ubu bushakashatsi bwashyize ahagaragara zimwe mu nzitizi zikomeye zikeneye kwitabwaho no gukurikiranwa:

1. Nta kigaragaza ko hari uburyo bwihariye cyangwa gahunda yatekerejweho neza ifite mu nshigano guha ubujyanama bw'imitekerereze urubyiruko rwibasiwe bikabije.
2. Mu nzego z'ibanze n'iz'imiryango itari iya Leta, hari abatamenya uburemere bw'ibikomere Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yasigiye urubyiruko, bagakoresha imvugo ziremereye kandi zikomeretsa, batazirikana ku nkurikizi bifite ku mitekerereze n'amarangamutima y'urwo rubyiruko.
3. Serivisi zimwe na zimwe za Leta n'iz'abikorera ziracyakoresha amafishi nkusanyamakuru asaba gutanga imyirondoro y'ababyeyi n'iy'abavandimwe, ibyo bikaba byakangura ibikomere ku rubyiruko rwibasiwe bikabije, cyane cyane urubyiruko rutamenye umuryango rukomokamo nyuma ya Jenoside, ndetse n'urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside.
4. Benshi mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside nta murimo bafite. Ibyo bituma bagira umwanya wo kwitekerezaho, wo gutekereza ku bibazo byabo, bikabaca intege, bitaretse kubaviramo umuhangayiko no kwiheba.
5. Kuba urubyiruko rwibasiwe bikabije rudafashwa ku buryo bumwe mu guhangana n'ibibazo byihariye ruhura na byo.
6. N'ubwo "Ndi Umunyarwanda" yakiriwe n'ibyiciro byose by'urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hari bamwe na bamwe batayibonamo icyomoro cy'ibikomere.

### Ibyifuzonama

- 1. a. Gushyiraho ingamba zifatika mu birebana n'ubuzima bw'imitekerereze bw'ababyeyi bakiriho barera urubyiruko rwibasiwe bikabije kuko abo babyeyi na bo bafite ibikomere by'inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakaba bakirwana no kubabarira, gutekana muri bo no mu bo baturanye.
- b. Gushishikariza abo babyeyi, abarezi, ibigo byakiriye abana ndetse n'abaturanyi kugirana ibiganiro byeruye n'urubyiruko ku bibazo bikomeye bisembura ibikomere by'amateka mabi banyuzemo.
- c. Gushyiraho gahunda y'ubujyanama ikubiye mu bice bibiri: (i) Guhugura abajyanama; (ii) Guhuza umubare runaka w'urubyiruko n'umujyanama wahuguwe ubaherekeza.
- 2. Gutegura ubukangurambaga bwo ku rwego rw'igihugu bwashishikariza abaturage imibanire myiza, indangagaciro z'igihugu n'inshingano mu bijyanye no guhashya imvugo zikomeretsa, amazina y'iteshagaciro, n'ibikorwa byose byatuma urubyiruko rwibasiwe bikabije, kimwe n'undi wese, rwiburira icyizere. Kugira ngo ubwo bukangurambaga bugere ku ntego, ni ngombwa ko urubyiruko rwibasiwe bikabije ruhagararirwa mu myiteguro y'ubwo bukangurambaga, rukanagira uruhare rufatika mu ishyirwa mu bikorwa ryabwo.
- 3. a. Gushishikariza serivisi za Leta, iz'abikorera n'iz'ibigo binyuranye, urubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside, kwimika imitekerereze n'imyifatire bituma amarangamutima n'imitekerereze by'urubyiruko bigororoka.
- b. Gufasha abibasiwe bikabije hashyirwaho serivisi n'uburyo bw'ubujyanama bubegereye bwababafasha kwiremamo ubudaheranwa.
- 4. Gushyiraho amahugurwa ahoraho y'ubukorerabushake ku nzego zose z'Igihugu hitabwa by'umwihariko ku rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rudafite akazi.
- 5. Gucukumbura impamvu bamwe mu rubyiruko rwibasiwe bikabije badahagurukira kubyaza umusaruro amahirwe ariho, no gukorana n'abafatanyabikorwa b'ingenzi bavugwa mu bushakashatsi.
- 6. a. Gukurikiranira bugufi impamvu bamwe mu rubyiruko barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'abavuka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside batabona "Ndi Umunyarwanda" nk'icyomoro cy'ibikomere bafite.
- b. Birakwiye ko "Ndi Umunyarwanda" benshi babona nk'umuti w'ibibazo byihariye yakwaguka ikagera kuri bose binyuze muri gahunda isanzwe y'uburezi no mu bukangurambaga bukorerwa abaturage.
- 7. Nka gahunda y'igihe kirambye, binyuze mu bufatanye bw'inzego za Leta n'iz'abikorera, hakwiye gushyirwaho uburyo bw'imyigishirize budasanzwe, bwagenerwa urubyiruko rwataye amashuri imburagihe kubera ibibazo rurimo, rukaba rwashobora gukomereza aho rwahagarikiye, kuko kenshi rugorwa no kwigana n'abo ruruta kure.

## IBITEKEREZO KU BUSHAKASHATSI BW'INYONGERA

Biragaragara ko hari ibitaracukumbuwe muri ubu bushakashatsi ku buryo hakenerwa ubushakashatsi bwimbitse kuri byo kugirango bisobanuke. Ibyo birimo ibi bikurikira:

1. Gusesengura inzitizi ku rubyiruko mu kubyaza umusaruro amahirwe ariho yakemura ibibazo byihariye ruhura na byo, hakanasuzumwa imiterere y'imikoranire hagati yarwo n'abafatanyabikorwa b'ingenzi.
2. Gusuzuma uko urubyiruko rwibasiwe bikabije rwagira "Ndi Umunyarwanda" icyomoro cy'ibikomere.
3. Kwagurira ubu bushakashatsi ku rwego rw'Igihugu, hitabwa ku rubyiruko rwose rwagizweho inkurikizi na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994
4. Gusesengura umwihariko ushingiye ku gitsina ku bibazo byihariye bigaragara mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

## INYANDIKO ZIFASHISHIJWE MURI UBU BUSHAKASHATSI

## INYANDIKO ZIHARIYE


Ansell, N. (2015). Children, Youth and Development. New York: Routledge.

Black and Lobo (2008), A conceptual Review of Family Resilience Factors

Buckley-Zistel. Journal of Genocide Research 11 (1), 31-53, 2009. 145, 2009.Transitional Justice Theories: Casanato, M. & Stephanie, Habersaat. Parenting without being genetically connected. In ENFANCE (2015). 3(3), pp. 289-306

Gray, R., & Bailey, S. W. (2014, pp 21-30). Goal setting and Progress evaluation. In Youth Empowerment Programs. Evaluation and Program Planning, Institute of Research and Dialogue for Peace (Report 2020). Youth Civil engagement and voluntarism: The challenges and prospects for social transformation; Rwanda-Kigali

Imbuto Foundation Annual report July 2018. Kigali-Rwanda

Larson, R., Walker, K., & Pearce, N. (2015). A comparison of youth-driven and adult-driven Youth programmes: Balancing inputs from youth and adults. Journal of Community Psychology, 33, 57-74.

Marta Casonato & Stephanie Habersaat (2015). Parenting Without being Genetically Connected

Mihyo, P., & Ogbu, O. (2016). A youth leadership programme for Africa. In O. Ogbu & P. Mihyo Eds.), African youth on the information highway: Participation and leadership in community development (pp. 1-22). Ottawa, Canada: International Development Research Center.

Morton & Montgomery (2017); empowering interventions: Strategies for addressing inequities across levels of analysis. Zimmerman.

Mushongayire A (2018); The role of NDI UMUNYARWANDA program in combating the genocide ideology. A case of NYARUGENGE District / NYAMIRAMBO Sector; URI: http://hdl.handle.net/123456789/1149

National Itorero Commission Volunteerism Policy Paper (2012). Kigali: Rwanda

National Strategy for Transformation (NST1); 2017–2024 The government of Rwanda-Kigali.

National youth policy for Rwanda (2003); Ministry of Youth and Culture. Kigali: Rwanda
Never Again Rwanda report (2020); Youth engagement for Global Action. Kigali; Rwanda

Prabhat &Meenu (2015). Research Methodology: Tools and Technics

Republic of Rwanda (2007). The National Policy on Unity and Reconciliation. National Unity and Reconciliation Commission. Kigali: Rwamda

UN Report (2020). The Sustainable Development Goals

YouthConnekt report (2017); from Potential to Success; Rwanda Kigali

## INYANDIKO ZATANGAJWE KURI MURANDASI

A.Scott. (2016); Rwanda Youth Survey Report. http://ecommons.aku.edu/eastafrica_eai/22 Alerthttps://www.international-alert.org; Unity and reconciliation in Rwanda - International Awiti. Buckland (2021p. 2), http://www.buckland.com.

Cohesion? A Conceptual Review and an Empirical Approach. http://www.rc21.org Denise Bentrovato 2015: https://www.gei.de

International Alert Report (2019). https://www.international-alert.org

Mushongayire, Alice (2018); the role of NDI UMUNYARWANDA program in combating the Genocide ideology. A case of NYARUGENGE District / NYAMIRAMBO Sector; http://www.hdl.handle.net;

National Unity and Reconciliation Commission 2020; https://reliefweb.int › report › Rwanda

National Youth Council strategic plan 2021-2025 Kigali-Rwanda

NURC Annual Report (2017), http://www.nurc.org.Ic;

Rwanda Reconciliation Barometer (2015). Alerthttps://www.international-alert.org; Self-pity: https://en.wikipedia.org Strategic plan (2011). http://www.nic.gov.rw;

Rwanda's Initiative Future Policy (2017). http//www.futurepolicy.org

The five-indicators-of-reconciliation. http://remerge.org/blog/Youth guide-to-treatment-treatment-planning-a-better-life.https://www.cmhnetwork.org/new/Positive Youth Development: Theory, Research and Application Volume 2012. http://www.doi.org/10.1100/2012/152923;

The Power of Unity: The Case of Unity Club Intwararumuri (2016). http://www.unity-club.org

The Resilience Motif: Implications for Youth Justice Robin (2015) https://journals.sagepub.com

The Unity of Rwandans before the Colonial period. http://www.repositories.lib.utexas.edu

Tobias O.Nyumba, Kerrie Wilson, Christina J. Derrick, Nibedita Mukherjee; (2018); The use of focus group discussion methodology: Insights from two decades of application in conservation; https://doi.org/10.1111/2041-210X.12860

Unity Club 11th Forum 2018. https://www.unity-club.org;

Veronika Deffner & Johanna Hoerning; Fragmentation as a Threat to Social

Youth Sector Strategic Plan (2013-2018). https://extwprlegs1.fao.org

## INYANDIKO RUSANGE


Alpaslan Ozerdem, (2016). The Role of Youth in Peace building: Challenges and Opportunities: Oxford Research Group

Bay, E. G., & Donham, D. L. (Eds.). (2016). States of Violence: Politics, Youth, and Memory in Contemporary Africa. Charlottesville: University of Virginia Press

Blackie L (2018) 'I am Rwandan': Unity and Reconciliation in Post-Genocide Rwanda; University of Nottingham

Burr, V. (2013). Social constructionism (2nd Ed.). New York: Routledge.

Creswell, J.C. (2014). Research Design: Qualitative, Quantitative and Mixed Methods Approaches. Thousand Oaks: SAGE Publications Ltd.

Dinnen, Sinclair (2006). Nation Building-Conceptual and Definitional Challenges in State Fragility in Melanesia, Australian National University

Garcia, P.R.J., Sharma, P., De Massis, A., Wright, M., Scholes, L. (2018). Perceived Parental Behaviors and next Generation Engagement in Family Firms: A social cognitive perspective. In Entrepreneurship Theory & Practice; Institute for Innovation and Entrepreneurship. Loughborough: University London.

Integrated Household Living Conditions Survey (EICV)-Rwanda; October, 2016 to October, 201 Kienzler, H. (2018). Debating war-trauma and post-traumatic stress disorder (PTSD) in an inter- Disciplinary arena. Social Science & Medicine, 67(2), 218-227.

Kelley, T. M. (2013). Health realization: A principle-based psychology of positive youth development. Child & Youth Care Forum, 32, 47-67. Kenya National Bureau of Statistics. (2008). Statistical Abstract 2008. Nairobi, Kenya: Government Printer

Marsden, P. V., & Wright, J. D. (2010). Handbook of survey research. Bingley, England: Emerald Ministry of Health Kigali, Rwanda the DHS Programs ICF Rockville, Maryland, USA October 2020 NURC (2015): Rwanda reconciliation Barometer. Kigali; Rwanda

Peterson, F Luthans, BJ Avolio (2011); The positive core construct of psychological capital consisting of efficacy, hope, optimism, and resilience; Wiley Online Library

Prashan p (2006); Youth and image restoration; International journal of psychology; vol. 13 University of London press.

Republic of Rwanda (2012). National Itorero Commission Volunteerism Policy Paper. Kigali, Rwanda Rwanda interpeace Report 2021. New findings. Kigali: Rwanda

Rutter, M. (2017); Psychosocial resilience and protective mechanisms; American Journal of Orthopsychiatry, 57, 316-331

Rwanda Demographic and Health Survey 2019-20. Key Indicators Report, National Institute of Statistics of Rwanda. Kigali, Rwanda

Rwanda Government Gazette dated 2007-03-15 number 6

Slovin, C Chen - International Journal of research 2014 - pagepress.org

United Nations. (2009a). Youth and the United Nations: The United Nations Youth Agenda. Retrieved April 21, 2009, from http://www.un.org/esa/socdev/unyin/agenda.htm World economic forum 2020

## IMIGEREKA

### Umugereka wa 1: Ifishi isaba gutanga amakuru ku bushake

### Kwimenyekanisha

Nitwa .............................................. (Amazina y'umushakashatsi). Turakora ubushakashatsi ku 'Inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994 ku rubyiruko rwibasiwe bikabije: Isesengura ku bibazo byihariye n'amahirwe ahari yo kubikemura.' Ni ubushakashatsi bwa Unity Club Intwararumuri. Ubushakashatsi bugamije icya mbere, gusobanura ukwisubira kw'ibikomere byatewe n'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko rwibasiwe bikabije. Icya kabiri, gusuzuma imbogamizi ziriho mu rubyiruko rwibasiwe bikabije n'inkurikizi za Jenoside n'amahirwe yo kuzikemura mu buryo bushyigikira imbaraga z'ukwiyizera no gutanga umusanzu wo kubaka Igihugu. Ubu bushakashatsi burasuzuma urubyiruko kuva mu mwaka wa 1994 kugeza mu 2020; ibi bivuze igihe cy'imyaka 26 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ihagaritswe. Ku bw'ibyo, turagusaba kudusangiza ku byo waba uzi ku rubyiruko rw'u Rwanda mwaba muhura cyangwa mukorana.

Tugushimiye ubufatanye.

### Kwemera gutanga amakuru ku bushake

Njyewe.............................................. (Izina) ndemeza ko numvise neza intego z'ubu bushakashatsi nk'uko umushakashatsi yazinsobanuriye. Nkaba nemeye gutanga umusanzu wanjye muri ubu bushakashatsi nk'umutangamakuru.

Umukono: ........................................ Itariki ........... / 10/2020

### Umugereka wa 2: Uburyo bwakoreshejwe mu gukusanya amakuru

### Igice cya A: Ibibazo biyobora ibiganiro nkusanyamakuru

### Intego ya 1

1. a) Utekereza ko urubyiruko rw'u Rwanda, mu byiciro binyuranye, rugihanganye n'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994?
b) Niba ari yego, uko kwisubira kw'ibikomere kwaba guterwa n'iki?
c) Ni ibihe bihe byihariye bitera ukwisubira kw'ibikomere by'izo nkurikizi?
d) Ni ibihe bintu cyangwa impamvu zikomeza gutiza umurindi ibikomere by'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko rw'u Rwanda?
e) Ni ibihe bimenyetso by'inkurikizi za Jenoside bigaragara mu rubyuruko rw'u Rwanda?
f) Ibikomere by'inkurikizi za Jenoside byaba bitandukanye mu rubyiruko rwibasiwe bikabije? Niba ari yego, biterwa n'iki?

2. a) Urubyiruko ruhangana gute n'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside? b) Leta ikora iki ngo ihashye ibikomere by'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko?
3. Ushobora kumbwira nk'ingamba zafasha komora ibikomere by'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko?

4. Ni bande b'ingenzi ubona bafasha urubyiruko gukira ibikomere by'inkurikizi za Jenoside?

## Intego ya 2

1. Ni izihe nzitizi zihurizwaho zibangamira urubyiruko rwahungabanijwe na Jenoside mu kugaragaza ubushobozi rwifitemo bwo kwiteza imbere no guteza imbere igihugu?

2. Urubyiruko rufite ayahe mahirwe yarufasha kurenga izi nzitizi?

3. a) Utekereza ko urubyiruko rwo mu byiciro binyuranye, rwaba rwariyunze, rukaba ruri mu nzira yo gukira ibikomere by'inkurikizi za Jenoside?
b) Utekereza ko urubyiruko rwibasiwe bikabije rugira uruhare mu bwiyunge bw'Abanyarwanda?
c) Niba ari 'Yego' wampa ingero z'ibyo urubyiruko rwakoze bikaba byaratumye u Rwanda rwariyunze?
d) Sobanura neza igisubizo cyawe utanga n'ibimenyetso by'ubwo bwiyunge mu Banyarwanda?

4. a) Hari ibisigisigi by'amacakubiri bikigaragara mu rubyiruko rwibasiwe bikabije bikaba byabangamira ubwiyunge no gukira ibikomere?
b) Niba ari yego, wasobanura uko amacakubiri agaragara mu rubyiruko?
c) Ayo macakubiri yaba aterwa n'iki mu rubyiruko?

5. a) Ni ibihe bikorwa bishobora kugarura imitekerereze y'amacakubiri n'ivangura byaranze politiki mbi zo hambere mu rubyiruko rw'u Rwanda?
b) Ibyo bikorwa byakwirindwa bite?

6. a) Haba hari inyungu zifatika urubyiruko rw'u Rwanda rwa nyuma ya Jenoside rwakuye muri "Ndi Umunyarwanda"?
b) Wampa ingero zifatika za zimwe muri izo nyungu?

7. a) Waba utekereza ko urubyiruko nyarwanda ruhangayikishijwe n'ahazaza h'igihugu cyarwo?
b) Niba ari yego, utekereza ko u Rwanda urubyiruko rwifuza ari urumeze rute?

## IBIBAZO KU MAKURU ASHINGIYE KU MIBARE

### Imiterere bwite y'abatangamakuru

Umwirondoro

| | |
|---|---|
| Shyira akamenyetso (x) ku cyiciro cy'urubyiruko uherereyemo | 1. Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 |
| | 2. Abavuka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside |
| | 3. Abataramenye umuryango bakomokamo |
| | 4. Abavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu mu bihe bya Jenoside |
| | 5. Abavutse ku babyeyi badahuje icyiswe 'ubwoko' |
| | 6. Abavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi |
| Umudugudu | |
| Akagari | |
| Umurenge | |
| Akarere | |
| Imyaka y'amavuko | |
| Igitsina | |
| Irangamimerere | |
| Imyemerere nyobokamana yawe ni iyihe? | 1= Umukrisitu 2= Umuyisilamu 3= Iyindi (Sobanura) |
| Icyiciro cy'amashuri wize (Shyiraho akamenyetso) | 0= Sinize<br>1= Amashuri abanza<br>2= Ayisumbuye / TVET 3= Kaminuza |
| Umurimo ukora (Shyira akamenyetso ku bikureba) | 1= Umukozi wa Leta<br>2= Nkorera urwego rw'abikorera 3= Ubucuruzi<br>4= Ubuhinzi 5= Umunyeshuri 6= Ndashakisha umurimo<br>7= Ikindi (Sobanura) |

Intego ya 1:

Nk'umuntu ukiri muto, uremeza ko ibintu biri mu mbonerahamwe ikurikira bishobora gutera ukwisubira kw'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside mu rubyiruko? (Shyira akamenyetso ku gisubizo gikwiye)

| S/N | Ibyabyutsa ibikomere | Yego byabibyutsa | Oyo ntibyabibyutsa | Rimwe na rimwe |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Kutagira ababyeyi | | | |
| 2 | Kutagira abavandimwe | | | |
| 3 | Kutagira umuryango n'inkomoko | | | |
| 4 | Kudashobora gusubirana imitungo y'umuryango | | | |
| 5 | Kutabasha kuriha ikiguzi cy'ishuri | | | |
| 6 | Kutagira ibyangombwa by'ibanze bihagije nk'ifunguro, imyambaro, | | | |
| 7 | Kuvangurwa n'Abanyarwanda nka njye | | | |
| 8 | Kuvangurwa n'urubyiruko rugenzi rwanjye | | | |
| 9 | Kubura uburenganzira nk'ubw'abandi | | | |
| 10 | Kwangirwa gukora icyo nshaka hashingiwe ku gitsina cyanjye | | | |
| 11 | Kutagira ubwisanzure mu kuvuga icyo ntekereza | | | |
| 12 | Kwangirwa kuvuga ukuri no kugaragaza ibitekerezo byanjye | | | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 13 | Kwangirwa no kudahabwa amahirwe yo guteza imbere impano, ubumenyi n'indoto zanjye | | | |
| 14 | Kudahabwa ubufasha no kutitabwaho na Leta | | | |
| 15 | Tanga izindi mpamvu zishobora gutera ukwisubira kw'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside zitarondowe | | | |

2. Nk'umwe mu rubyiruko nyarwanda mu cyiciro ubarizwamo, ni ku kihe kigero wemera ko impamvu zikurikira zahembera ibikomere by'inkurikizi za Jenoside? Koresha intera ya 1-4 aho: 1= Oya; 2= Nta na rimwe; 3= Yego; 4= Birashoboka cyane.

| # | **Impamvu** | 1 | **2** | **3** | **4** |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Icyumweru cy'icyunamo | | | | |
| 2 | Kwibuka ko nta babyeyi nta n'abo dusangiye isano mfite | | | | |
| 3 | Kubona abanyiciye bidegembya | | | | |
| 4 | Kuba ntashoboye gusubirana imitungo y'umuryango wanjye | | | | |
| 5 | Gusabwa kubabarira abanyiciye ababyeyi n'abasahuye imitungo yacu muri Jenoside yakorewe Abatutsi | | | | |
| 6 | Kudashobora kwishyura ishuri n'ibikoresho by'ibanze no kutangira ubundi bufasha bw'ibintu | | | | |
| 7 | Iyo Abanyarwanda bagenzi banjye bamvangura kubera uwo ndi we | | | | |
| 8 | Ibindi? | | | | |

3. Nk'umuntu wihariye, ni ibihe bimenyetso ukunda kugira iyo usubiwe n'ibikomere watewe na n'inzitizi za Jenoside? Koresha intera ya ya 1-3, aho: 1 = Akenshi; 2 = Rimwe na rimwe; 3 = Nta na rimwe.

| # | Ibimenyetso | 1 | 2 | 3 |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Ubwigunge | | | |
| 2 | Kwiyanga | | | |
| 3 | Kwanga abaturanyi | | | |
| 4 | Kwishinja ibyaha ntakoze | | | |
| 5 | Kwiheba byo kwifuza gupfa | | | |
| 6 | Kumva Abanyarwanda n'igihugu barantereranye | | | |
| 7 | Kumva nanze Imana | | | |
| 8 | Kwifuza kwihorera | | | |
| 9 | Kwifuza guhunga igihugu | | | |
| 10 | Ikindi? | | | |

4. Nk'umwe mu rubyiruko nyarwanda mu cyiciro ubarizwamo, ni ubuhe mu buryo bukurikira ukoresha mu guhangana n'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside? Koresha intera ya 1-3, aho: 1 = Yego; 2 = Rimwe na rimwe; 3 = Oya.

| # | Uburyo | 1 | 2 | 3 |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Gushaka ubufasha bw'ubujyanama mu bijyanye n'imitekerereze mu bitaro / Ibigo Nderabuzima | | | |
| 2 | Kugisha inama abanyamadini no gusenga | | | |
| 3 | Guhura n'abajyanama bo mu nzego z'ibanze | | | |
| 4 | Kwifungurira inshuti | | | |
| 5 | Kwihisha inshuti n'abavandimwe | | | |
| 6 | Guherekezwa n'imiryango nka Never Again Rwanda, Aegis Trust Rwanda, Humura, YouthKonnekt | | | |

5. Abafatanyabikorwa bakurikira baba bagufasha mu guhangana n'ibikomere by'inkurikizi za Jenoside? Koresha intera ya 1-3, aho: 1 = Yego; 2 = Oya; 3= Rimwe na rimwe

| # | Abafatanyabikorwa | 1 | 2 | 3 |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Abanyamadini | | | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 2 | Abakozi b'inzego z'ibanze | | | |
| 3 | CNLG | | | |
| 4 | Unity Club | | | |
| 5 | Imbuto Foundation | | | |
| 6 | Never Again Rwanda | | | |
| 7 | Aegis Trust | | | |
| 8 | NIC | | | |
| 9 | NURC | | | |
| 10 | Humura | | | |
| 11 | YouthKonnekt | | | |
| 12 | Ibitaro / Ibigo Nderabuzima | | | |
| 13 | Isange One stop centre | | | |

Intego ya 2

1. Nk'umwe mu rubyiruko nyarwanda, ni ku kihe kigero utekereza ko ibikurikira bishobora kuba imbogamizi ku bisubizo byagufasha mu gukira ibikomere by'inkurikizi za Jenoside? Koresha intera ya 1-3, aho: *1= Ndabyemera 2= Ndabyemera cyane 3= Ndabihakanye 4= Simbyemera na busa*

| Imbogamizi | *1* | *2* | *3* | *4* |
|---|---|---|---|---|
| Guhora nibuka ko nta babyeyi nta n'umuryango wa hafi ngira | | | | |
| Gutinda cyangwa kudashobora kugaruza umutungo w'ababyeyi banjye wibwe | | | | |
| Guhezwa ku mahirwe yo kubona akazi bishingiye ku moko | | | | |
| Kutabasha kwishyura ikiguzi y'ishuri | | | | |
| Ingengabitekerezo ya Jenoside ikomeje gucumba muri bamwe mu Banyarwanda | | | | |
| Ubukene bukabije | | | | |
| Kutabasha kwibonera ibyangombwa by'ibanze nk'ifunguro, imyambaro, icumbi, ubwishingizi mu kwivuza n'ibindi. | | | | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Kuba ubuyobozi bwa Leta budaha amahirwe angana ibyiciro by'urubyiruko uko ari bitandatu | | | | |
| Kuvangurwa n'urubyiruko rugenzi rwanjye | | | | |
| Kutisanzura mu gutanga ibitekerezo | | | | |
| Kutagira amahirwe no kubura ubushobozi bwo guteza imbere impano, ubuhanga n'indoto zanjye | | | | |
| Kutagira ubufasha bwa Leta | | | | |

2. Mu bijyanye n'urugendo rw'ubwiyunge, iyo hagize Umunyarwanda ukubangamira, nk'umwe mu rubyiruko nyarwanda, ubyifatamo ute? Koresha intera ya 1-2, aho

*1= Ndemeye 2= Ndemeye cyane 3= Ndabihakanye 4= Ndabihakanye cyane*

| **Icyo nkora** | 1 | 2 | 3 | 4 |
|---|---|---|---|---|
| Menyesha urwego rwa Polisi | | | | |
| Ngisha inama abayobozi b'inzego z'ibanze | | | | |
| Nganira n'uwambangamiye | | | | |
| Ngisha inama CNLG | | | | |
| Ngisha inama aba bakurikira: ERG, FARG, IBUKA, Imbuto<br>Foundation, Abayobozi b'amadini | | | | |
| Nirengagiza ko yambangamiye | | | | |
| Ndamwishyura nkihorera | | | | |
| Ikindi (Sobanura) | | | | |

3. Nk'urubyiruko nyarwanda, subiza ingingo zikurikira ukurikije abo mushyikirana abo ari bo (Ikigero cy'ibyuho by'amacakubiri). Koresha intera ya 1-2, aho: 1= Oya 2= Yego.

| **Ibiherwaho** | **Yes** | **No** |
|---|---|---|
| Abo duturuka mu karere k'inkomo kamwe gusa | | |
| Abo duhuje icyiswe 'ubwoko' gusa | | |
| Abo duhuje imyemerere nyobokamana gusa | | |
| Abo duhuje indangagaciro gusa | | |
| Abo dukinana cyangwa dukorana gusa | | |

| | | |
|---|---|---|
| Abo duhuriye ku gitsina gusa | | |
| Abo turi mu kigero kimwe cy'imyaka y'ubukure | | |
| Umunyarwanda uwo ari we wese ntitaye ku myemerere nyobokamana ku bwoko, ku gace yavukiyeko mo mu gihugu cyangwa mu mahanga, akarere k'inkomoko (mu majyaruguru, mu majyepfo, mu burasirazuba cyangwa mu burengerazuba | | |
| Ikindi (Sobanura) | | |

4. Nk'umunyarwanda w'urubyiruko rw'ubu, ni ku kihe kigero wemeranya n'ingingo zikurikira za Ndi Umunyarwanda? Koresha intera ya 1-4, aho: 1= Ndabyemera 2= Ndabyemera cyane 3= Ndabihakanye 4= Ndabihakanye cyane

| Ingingo | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 |
|---|---|---|---|---|---|
| Ibikorwa bya "Ndi Umunyarwanda" byafashije urubyiruko kubana neza hagati yabo no hagati y'Abanyarwanda bandi | | | | | |
| Mu Rwanda, ibyigishwa kuri "Ndi Umunyarwanda" ni byo bishyirwa mu ngiro | | | | | |
| "Ndi Umunyarwanda" yafashije urubyiruko rw'u Rwanda kwishimira Ubunyarwanda kurusha n'abantu bakuru | | | | | |
| Muri iki gihe, u Rwanda rugendera ku ndangagaciro zishyigikira Ubunyarwanda no gukunda igihugu | | | | | |
| Mu buzima bwa buri munsi, ibikorwa n'imyifatire ya benshi mu rubyiruko ishyigikira Ubunyarwanda no gukunda igihugu. | | | | | |
| Birakwiye ko urubyiruko nyarwanda ruterwa ishema no kuba Umunyarwanda no gutura mu Rwanda | | | | | |
| Muri iki gihe urubyiruko nyarwanda rurakora cyane mu gushyigikira no kumenyekanisha neza igihugu cyarwo rubyibwirije | | | | | |
| Urugendo rw'ubwiyunge bw'Abanyarwanda ntirusobanuye ko hari icyizere cy'amahoro arambye | | | | | |
| Urugendo rw'ubwiyunge mu Rwanda rukorerwa inyungu za politiki | | | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| Urugendo rw'ubwiyunge mu Rwanda rubereyeho kunezeza amahanga ngo atange inkunga | | | | | |
| Urugendo rw'ubwiyunge mu Rwanda rufite intego yo komora ibikomere by'inkurikizi za Jenoside | | | | | |

5. Utekereza iki ku ngingo zikurikira? Koresha intera ya 1-4, aho: 1= Ndabyemera 2= Ndabyemera cyane 3= Ndabihakanye 4= Ndabihakanye cyane.

| Ingingo | 1 | 2 | 3 | 4 |
|---|---|---|---|---|
| Ntewe ishema no kuba Umunyarwanda | | | | |
| Muri ibi bihe urubyiruko rwiyumva nk'Abanyarwanda mbere y'ibindi byose | | | | |
| Hari bamwe mu rubyiruko bumva ari Abanyarwanda kurusha abandi | | | | |
| Natanga icyo ari cyo cyose ngo ndengere ubusugire bw'igihugu cyanjye n'Abanyarwanda | | | | |
| Nifuza ko abana banjye biyumvamo Ubunyarwanda kurusha kumva ari Abahutu, Abatwa cyagwa Abatutsi | | | | |
| Ni ngombwa kwiyumvamo ubunyarwanda kuruta ibindi ibyo ari byo byose | | | | |

6. Mu buzima bwa buri munsi ukora ibi bikurikira ngo utange umusanzu wawe mu kuvura ibikomere by'inkurikizi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994? Koresha intera ya 1-3, aho: 1 = Yego; 2= Oya; 3= Rimwe na rimwe.

| # | Ingingo | 1 | 2 | 3 |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Kubaha indangagaciro n'ibyo Abanyarwanda bemera | | | |
| 2 | Kwitabira gahunda ya Ndi Umunyarwanda n'Itorero | | | |
| 3 | Kwitabira ibikorwa by'abaturage byunga, nk' Umuganda na Gacaca | | | |
| 4 | Gutanga umusanzu wo kubaka igihugu cyiza | | | |
| 5 | Kwita ku Munyarwanda wese nta vangura | | | |
| 6 | Gushyigikira igitekerezo cyose cyubaka u Rwanda no gushyigikira ubumwe bw'Abanyarwanda | | | |

7. Nk'urubyiruko nyarwanda, tanga igitekerezo ku Rwanda rw'ahazaza wifuza kuzaturamo. Koresha intera ya 1-4, aho: 1= Birakenewe; 2= Birakenewe cyane; 3= Birakenewe biringaniye; 4= Uko biri birahagije.

| **Igitekerezo ku Rwanda rw'ahazaza** | 1 | 2 | 3 | 4 |
|---|---|---|---|---|
| Ubukungu buteye imbere kuri buri wese | | | | |
| Imibanire myiza hagati y'amoko atandukanye | | | | |
| Imibanire myiza mu Banyarwanda baturuka mu bice binyuranye by'igihugu | | | | |
| Amahirwe yisumbuye yo kubona akazi | | | | |
| Amahirwe yisumbuye ku burezi | | | | |
| Amahirwe yisumbuye yo kugira ubutaka | | | | |
| Amahirwe yisumbuye yo kugira icumbi | | | | |
| Umutekano kuri bose | | | | |
| Uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo | | | | |
| Uburezi kuri bose kuva mu mashuri abanza kugera muri Kaminuza | | | | |
| Tanga izindi ngingo zitavuzwe aha | | | | |

Design Layout and Printing done by Opera ltd, March 2023
Email: operarwanda@gmail.com